

JESUS: THE WAY  
THE TRUTH  
and THE LIFE } JOHN: 14:6

FOR GOD SO LOVED THE WORLD...

M. GASTON - NEW-KENNES ADVISOR, CHURCH

# UMUGENZI

IGICE CYA KABIRI

MUKA MUKRISTO N'ABANA BE  
MU RUGENDO RUJYA MU IJURU



R. FISTON

**U M U G E N Z I**

**IGICE CYA KABIRI**

**MUKA MUKRISTO N'ABANA BE  
MU RUGENDO RUJYA MU IJURU**

**Cyanditswe na John Bunyan ku izina rya  
« The Pilgrim's Progress »**

*Tiré sur les presses de l'Imprimerie PRIMA  
B.P. 1861 Kigali-Rwanda  
Tél./Fax : (250) 578065*

**Cyahinduwe mu kinyarwanda na « SECLAR »**

## UBUZIMA BW'UMWANDITSI W'IKI GITABO

Umwanditsi w'igitabo cy'UMUGENZI (igice cya kabiri) ni na we wanditse UMUGENZI (igice cya mbere). Dore rero ubuzima bwe nk'uko buvugwa muri icyo gice cya mbere. Yitwaga John Bunyan. Yavukiye mu Bwongereza mu mwaka 1628. Se yari umucuzi, kandi na we yize uwo mwuga. Yize imyaka mike gusa mu ishuri ry'abana, yiga gusoma no kwandika gusa. Yari afite ubwenge bwinshi bwa kavukire, ariko nta buryo yabonye bwo kwiga byinshi. Nubwo yari azi kwandika, imyandikire ye iteka yarimo amakosa menshi !

Akiri umusore, John Bunyan yakundaga gukora ibyaha cyane, ariko yabikoranaga umutima umurega, azi ko Imana izabimubaza. Umunsi umwe, yumvise umuntu yigisha ku cyaha cyo kwica isabato. Yumva ijwi ry'Imana mu mutima we rimubaza riti « Urahitamo iki ? Kureka ibyaha byawe ukazajya mu ijuru, cyangwa kubikomeza ukazajya muri Gihenommu ? » Agira ubwoba bwinshi ; maze ariheba, yibwira ko atagishobora gukizwa. Bukeye, ahura n'abagore batatu bakijijwe, baganiraga iby'Imana bahagaze ku irembo ry'urugo. Atangazwa n'amahoro yabo n'ubuhamyi bwabo bwo kubabarirwa ibyaha no gukizwa n'Umwami Yesu, amenya ko abo bagore babonye Yesu koko.

Icyakora, ntiyakizwa uwo mwanya. Yongera guhura n'Apolowoni na Bwihebe ibihe byinshi. Ndetse hari ubwo yari hafi kumera nka wa mugabo wo mu kazitiro wo kwa Musobanuzi. Ariko bitinze, agera ku Musaraba umutwaro umuva ku mugongo, arakizwa.

Atangira kuvuga ubutumwa hose. Imana iramukoresha. Maze mu mwaka 1666, himikwa umwami mushya utemeraga ko abatarobanuriwe ubupasitori mu buryo butegetswe bavuga ubutumwa. John Bunyan araregwa, ajya mu rubanza. Bamutegeka kureka kuvuga ubutumwa. Aranga. Baherako bamushyira mu nzu y'imbohe. Amaramo imyaka cumi n'ibiri ! Kuba mu nzu y'imbohe kwamuhaye uburyo bwiza bwo gusoma Igitabo cy'Imana no kuki-

Première édition en kinyarwanda 2000 5000 copies

rondora cyane, Kandi Imana imukoresha mu zindi mbohe. Icyamubabazaga ni kimwe gusa : ni ibyo gufasha umugore we n'abana. Ntiyashoboraga gucura ; nuko yiga undi mwuga wo kuboha utuntu, abohesha ubudodo, akatugurisha amafaranga, akayohereza iwe.

Ntiyanditse byinshi muri icyo gihe. Bitinze, baramurekura, abona umudendeze wo kuvuga ubutumwa no gukorera Imana .Mu mwaka 1676, bongera kumufunga amezi make ; ni bwo yanditse igitabo cy'Umugenzi cyose. Kiboneka mu mwaka 1678. Abantu baragikunda uburyo butangaje, gisandara hose mu gihugu, cyane cyane mu ngo z'aboroheje. Gikundwa n'abana n'abakuru. Ubu kimaze guhindurwa mu ndimi zirenga 120 !

Ubwa mbere, imfura n'abanyabwenge basuzuguraga igitabo cy'Umugenzi, bati « Nta mucuzi wo kwandika igitabo ! » Ariko buhoro buhoro, gitangira kumenyekana muri bo (John Bunyan yarapfuye kera). Bibaza uko umuntu w'umukene w'umwuga ugayitse, utize n'iby'ubwenge, yashoboye kucyandika. Birabayobera. Icyabimuhesheje ni kimwe : yari azi Igitabo cy'Imana uburyo butangaje. Bisa n'aho yagifashe cyose mu mutima ! Ni ukuri gutinya Uwiteka ni itangiriro ry'ubwenge (Zab. 111.10).

## AMASHAKIRO

Ingingo	Urupapuro
1. Mukristokazi n'abana be biyemeza kuba abagenzi nka Mukristo	9
2. Mukristokazi n'abana be bitegura urugendo. Mbabazi yiyemeza kubaherekeza	13
3. Mukristokazi, abana be na Mbabazi ku rugu rufunganye	20
4. Muvunyi atabara Mukristokazi na Mbabazi	27
5. Abagenzi kwa Musobanuzi	32
6. Ruzirabwoba aherekeza abagenzi	42
7. Abagenzi ku musozi Biruhanya. Ruzirabwoba anesha igihanda Muhotozi	46
8. Abagenzi bakirwa neza mu Nyumbanziza	53
9. Mbabazi aca intege umusore Urimaso. Matayo arwara cyane avurwa n'amaraso ya Kristo	59
10. Abagenzi bambuka ikibaya Mucishabugufi n'icy'Igicucu cy'Urupfu. Ruzirabwoba yica igihanda Munogozi	67
11. Umusaza Mukiranutsi yifatanya n'abandi bagenzi	76
12. Umusaza Mukiranutsi abarira abandi bagenzi inkuru ya Mwiyezezi	84
13. Abagenzi bakirwa neza kwa Gayo	87
14. Ruzirabwoba anesha igihanda Mwicabeza	93
15. Abagenzi bakwiranye : Ntegenke na Mugendayanga. Abagenzi mu Iguriro Mburamumaro	97
16. Abagenzi mu gihugu cy'imisozi y'Igikundiro. Ruzirabwoba, Mukiranutsi n'abahungu ba Mukristokazi bica igihanda Bwihebe	105
17. Abagenzi bakomezwa n'abashumba bo mu gihugu cy'Imisozi y'Igikundiro	109
18. Abagenzi bahura na Munyentwari	114
19. Abagenzi baca mu bikomeye mu Gihugu Kiroze. Bamenyana na Mutajejega	120
20. Abagenzi mu gihugu cya Byishimobyanjyemuricyo. Mukristokazi na Bagenzi be bambuka uruzi bagera mu Rurembo rw'Ijuru	127

## IBISHUSHANYO

Igishushanyo	Urupapuro
Mukristokazi yemezwa gutangira urugendo	15
Umugabo ushaka hasi ibidafite umumaro ikamba riri hejuru ye	33
Ruzirabwoba arwana n'intare	51
Mukristokazi asezera ku isi	130

1. MUKRISTOKAZI N'ABANA BE BIYEMEZA  
KUBA ABAGENZI NKA MUKRISTO

Bagenzi, nshuti zanjye.

Igitekerezo cy'inzozi nabatekerereje cy'umugenzi Mukristo n'urugendo rwe agana mu ijuru, cyambereye cyiza kandi namwe cyarabahuguye.

Nababwiye ibyo nabonye ku mugore we n'abana be, n'uburyo batari biteguye kumukurikira, bigatuma abasiga ahunga akaga kari gategereje igihugu cyabo Rimbukiro. Ni yo mpamvu, nk'uko nabibasobanuriye icyo gihe, yabasize akagenda. Nari narabuze uburyo namenya ubutunzi yasize inyuma kubera imirimbo myinshi yatumye ntabasha kongera gusura icyo gihugu. Ariko, hambere aha, nagize impamvu zinjyanayo, maze nyarukirayo. Hasigaye nka kilometero ebyiri kugira ngo ngere muri uwo murwa, nsinzirira mu gashyamba gahari, nuko ndongera ndarota.

Nkirota, mbona umugabo ukuze yegera aho nari nduhukiye. Kuko twagombaga gufatanya inzira ho gato, ndahaguruka maze turajyana. Tukigenda, nk'uko umuco w'abagenzi umeze, dutangira kuganira, tuza kugera no ku bya Mukristo n'urugendo rwe. Nata-  
ngiye ikiganiro mbaza uwo musaza witwa Mwumvaneza nti :

-Mubyeyi, mbese uriya murwa ndeba ibumoso bw'inzira ni uwuhe ?

-Uriya murwa, ni umurwa Rimbukiro, utuwe n'abantu benshi kandi bategekwa n'ibitekerezo bibi.

-Nibwiraga ko uwo murwa ushobora kuba ari wo koko. Nigeze kujyayo rimwe, ni yo mpamvu mbonye ko ibyo uvuze ari iby'ukuri.

-Ni ukuri rwose, nubwo bibabaje, mu kuganira kuri abo baturage, ndashaka kuba mu kuri.

-Ndabonye uri umuntu ufite ibitekerezo byiza, ukunda kumva no kuvugisha ukuri, mbese ntiwaba warigeze kumva uko byaba byaragendekeye umugabo witwaga Mukristo wo muri uriya murwa, wigeze kujya mu rugendo agana mu gihugu kiruta ibindi ?

- Ni koko, numvise bamuvuga. Yagize impagarara, ibikomeye, igifungo, intambara, amarira, amaganya, ugutinya, ubwoba, mbese nta cyo atabonye muri urwo rugendo. Ndetse ubu ni yo nkuru

ivugwa mu gihugu cyose. Abantu benshi bumvise inkuru ye kandi bakoze uko bashoboye kugira ngo bamenye iby'urwo rugendo rwe. Urwo rugendo rurimo ibyago, rwatumye abenshi bamugarukira nubwo bamwitaga umusazi akiri ino, muri iki gihe, abantu benshi baramwemera cyane. Bavuga ko aho ari ubu, yuzuye ibyishimo, ndetse n'abantu biyemeje kuzakora urugendo nk'urwe, usanga bafite ubwuzu, ibyishimo bibasaze, iyo batekereje ku byiza arimo.

-Impamvu bavuga ko anezerewe, ni uko ubu ari ku isoko y'ubugingo, ahabwa ibintu byose nta mvune, akabyishimiramo, nta mu-babaro nta n'agahinda kuko katabayo. None ndakwinginze, mbwira ibindi bintu bamuvugaho.

-Bamuvugaho ibintu bitangaje: bamwe bavuga ko atembera yambaye imyenda yera (Ibyah. 3.4; 6.11), anigiriye izahabu mu ijosi, yambaye ikamba ku mutwe ritatseho amasaro y'igicro cyinshi; abandi bavuga ko Intumwa zibengerana zajyaga zimwiye-reka akiri mu rugendo, ari zo nshuti bashyikirana nk'uko natwe dushyikirana hano (Zek. 3.7). Uretse ibyo kandi bemeza ko Umwami w'igihugu atuyemo yamuhaye icumbi ryiza ry'igicro i Bwami kandi ko buri muni basangira, bagatembera baganira. Kandi Umucamanza wa bese muri icyo gihugu, aramusekera, akamuha uburenganzira ku kintu cyose. Kandi ngo Umwana w'Umwami, Umwamware w'igihugu, azaza vuba muri iyi mirwa, kugira ngo azamenye impamvu -niba hari uwayimubwira -bagenzi ba Mukristo bamuzuguraga bakamuseka igihe bari babonye ko yari agiye gutangira urugendo (Luka 14.15). Bavuga kandi ko Umwami we amukunze cyane ku buryo yumva ibibi byose byamubayeho mu rugendo, abifata nk'aho ari we byabayeho. Ariko ntibitangaje, kuko Mukristo yitangiye Umwami we nk'uko na we yari yaramwitangiye kera.

- Ntinyutse kukubwira ko mbyishimiye. Nishimiye ko uwo mugabo yaruhutse imirimo n'imihati bye (Yuda 14-15), akaba yarasaruranye ibyishimo ibihembo by'amarira ye, akaba ari aho abanzi be badashobora kugera. Nishimiye kandi ko iyo nkuru yamamaye muri iki gihugu. Mbese ni nde wavuga ko inkuru ye itazafasha abo yasize bakaba bakizwa? Ariko se, nkibuka, ntacyo wamenya ku mugore we n'abana be? Mbega abantu bababaje! Ndibaza icyo bakora ubu.

- Ba nde? Mukristokazi n'abahungu be? Ndibwira ntashidikanya ko bakora icyo Mukristo yakoze. Kuko nubwo babanje kwigira abapfapfa, ntibemezwe n'amarira n'ukwiringa kwa Mukristo, bageze aho baratekereza, maze ibitekerezo byabo birahinduka, ku buryo biyemeje kuzinga ibyabo, maze bakagenda kugira ngo bamukurikire.

-Uvuze ngo umugore n'aba be n'ubutunzi bwabo?

-Yeee, ndabikubwira uko byagenze, kuko byabayeye mpibereye.

-Ni ukuvuga rero ko dushobora kubiganiraho nk'aho ari imvaho?

-Witinya kubyemeza. Uwo mugore w'intwari n'abahungu be bane batangiye urugendo. Kuko tugiye gufatanya urugendo rurerure, ngiye kugutekerereza byose. Mukristokazi uwo, dore ko ari ryo zina yafashe ubwo yari atangiye urugendo n'abahungu be; ubwo umugabo we yari amaze kwambuka rwa ruzi rurerure Mukristokazi yatangiye gutekereza cyane; atakibasha kumenya amakuru ye. Yasobanukiwe ko batandukanye burundu, kandi ko umurunga wari ubahuje wari waracitse burundu. Ngira ngo uzi kamere y'abantu bazima, ibitekerezo biteye ubwoba n'agahinda bagira, iyo bibutse ko babuze abo bakundaga. Ni yo mpamvu, kubura umugabo we, byamurijije cyane. Ariko ntibyagarukiye aho, kuko Mukristokazi yatangiye kwibaza niba imyifatire ye mibi ku mugabo we, atari imwe mu mpamvu yatumaga atazongera kumbona. Yatekereje uburyo babanaga amera nk'urabye. Kuri ibyo hiyongereyeho, ibitekerezo byinshi bikomeye by'imyifatire mibi ye ku mugabo, bimubuza amahoro, bituma amenya icyaha cye. Mukristokazi yarushagaho kubabara iyo yibukaga agahinda n'ugutaka, amarira n'amaganya by'umugabo n'uburyo yinangiraga umutima iyo umugabo we yamwiringanaga urukundo amusaba kumukurikira, we, n'abana babo. Ibyo Mukristo yavugaga cyangwa yakoraga byose, ubwo yari afite wa mutwara ku bitugu, byose bimucumita nk'umurabyo, bimumena umutima. Yumvaga ijwi ry'umubabaro mwinshi mu matwi ye ritahwemaga kuvuga ngo « Nakora iki kugira ngo nkizwe? » Nuko Mukristokazi abwira abana be ati « Bana banjye twarayobye. Nacumuye kuri so,

none yarigendeye. Yifuzaga ko twajyana, ariko nanga kumukurikira, bityo mbatesha ubugingo. » Abana bumvise ayo magambo, bacura umuborogo, bavuzza induru bavuga ko bashakaga gusanga se. Mukristokazi ati « Iyaba twarajyanye na we, ahari byari kutubera byiza kuruta uko bizatubera. Kuko nubwo nibwiraga kera ko imibabaro ya so yaturukaga k'ubupfapfa cyangwa ku gahinda kamurushyaga, ubu ni bwo nsobanukiwe ko byari bifite indi mpamvu yo kumenya yuko yari yarahawe umucyo w'ubugingo (Yoh. 8.12) kandi ko akurikira uwo mucyo, yahungaga imitego y'urupfu. »

Nuko abana bongera gucira umuborogo basakuza cyane bati « Uwo muni Data yahemukiweho uragatsindwa. »

## 2. MUKRISTOKAZI N'ABANA BE BITEGURA URUGENDO . MBABAZI YIYEMEZA KUBAHEREKEZA

Mu ijoro rikurikiyeho, Mukristokazi ararota, abona umuzingo munini w'igitabo urambuye imbere ye, wanditseho ibyo yakozwe byose. Nuko bimutera ubwoba, ni ko gusakuza cyane, ati « Mwami Mana, mbabarira kuko ndi umunyabyaha. » (Luka 18.13) . Abana be baramwumva.

Noneho yongera kubona hafi ye abantu babiri, babi cyane, bavugaga bati « Uyu mugore turamugira dute ? Ubwo asaba imbabazi yaba asinziriye cyangwa ari maso, tumuretse yaducika, tukamubura nk'uko twabuze umugabo we. Dukore uko dushoboye kose tumuhindure ataratangira urugendo kuko nyuma tutazamushobora. »

Ahita akanguka, yatutubikanye cyane kandi ahinda umushyitsi, ariko ntiyatinda kongera gusinzira . Nuko abona umugabo we Mukristo, ahantu heza cyane, afite inanga mu ntoki ; ahagaze acurangira umuntu wicaye ku ntebe y'Ubwami, afite umukororombya hejuru y'umutwe. Abona Mukristo amwikubita imbere amubwira ati « Ndakuramya Mana kandi Mwami wanjye n'umutima wanjye wose. » Bamwe mu bari bamukikije bagahita bacuranga inanga zabo maze bakaririmbira icyarimwe n'ijwi riranga ariko nta muntu n'umwe wabashaga gusubira mu byo bavugaga uretse Mukristo na bagenzi be.

Bukeye, Mukristokazi abyutse, amaze gusenga Imana no kuvugana gato n'abana be, haza umuntu arakomanga. Undi amubwira n'ijwi riranga ati « Niba uje mu izina ry'Imana injira. »

Uwari akomanze arasubiza ati « Amina ! » Amaze kwinjira mu nzu aramubwira ati « Amahoro abe muri iyi nzu ! »

Maze uwari winjiye aramubwira ati « Mukristokazi, uzi se impamvu yanzanye ? » Bimutera ubwoba ariko akumva yifuzaga kumenya aho uwo mugabo aturutse n'ubutumwa amuzaniye. Maze aramubwira ati « Izina ryanjye ni Banga. Mbana mu ijuru n'ababa-

yo. Inkuru rero yuko ushaka kugerayo ni yo ivugwa ubu. Ndetse bivugwa ko waba ubu warabonye ibibi wagiriye umugabo wawe, winangira umutima, wanga ko agenda kandi unayobya abana bawe. None rero Mukristokazi, Umuruyebambe yakuntumyeho ngo nkubwire ko ari Imana ibabarira kandi yishimira kugwiza imbabazi zayo ku bacumuye. Yifuje kandi kukumenyesha ko agutumiye kuza aho ari, ku meza ye, ko azakugaburira ibinure byo mu nzu ye kandi ko azaguha umugabane wa so Yakobo. Hariyo Mukristo, umugabo wawe, aho we n'ingabo nyinshi bahora bareba uruhanga rw'Utanga ubugingo ku bamureba. Bose bazishimira kumva imirindi yawe ku muryango w'inzu ya so. »

Mukristokazi abyumvise, agwa mu kantu, yikubita hasi yubamye. Iyo ntumwa yongera kumubwira iti « Mukristokazi, akira urwandiko rwawe, naruhawe n'Umwami, Umugabo wawe mwashyiringanywe ngo ndukuzanire. » (Ind. 1.3).

Ararufata, ararufungura havamo impumuro nziza iruta izindi. Urwo rwandiko rwari rwanditse n'inyuguti za zahabu, ruvuga icyifuzo cy'Umwami cy'uko Mukristokazi yakora nka Mukristo umugabo we, kuko ari bwo buryo bwonyine bwo kugera mu murwa wo mu ijuru mu byishimo bidashira.

Umugore amaze gusoma urwandiko arizihirwa cyane maze abaza iyo ntumwa ati « Ntiwatujujyana, jye n'abana banjye aho Umwami ari ngo tumuramye ? »

Iyo ntumwa irasubiza iti « Mukristokazi, ubusharire ni bwo bubyara uburyohe. Uzaca mu bikomeye rero nk'umugabo wawe, kugira ngo ugere mu ijuru. Ni yo mpamvu ugomba gutangira gukora nka Mukristo. Dore akarembo gato gafunganye hirya ya kiriya kibaya, abe ari ko winjiriramo kuko ari ko kari ku ntangiriro y'inzira ugomba kunyuramo. Ngaho ihute. Ndakugira inama kandi yo gushyira uru rwandiko mu gituzo cyawe, kugira ngo wowe n'abana bawe muje murusoma kugeza ubwo muzarufata mu mutwe kuko ari yo ndirimbo uzaririmba ubwo uzaba ugeze muri iyo nzu utazi ubu (Zab.119.54). Uzagomba no kurwerekana ku rugi rwa nyuma. »

Nuko muri izo nzozi mbona wa musaza atangajwe n'inkuru ya-



Mukristokazi yemezwa gutangira urugendo



mbwiraga, ariko arakomeza, ati « Mukristokazi ahamagara abahungu be arababwira ati Bana banjye, ngira ngo mwabonye ukuntu mu minsi ishize nasaga n'urwaye mu mutwe bitewe n'urupfu rwa so : sinshidikanya ko afite umunezero, ndetse rwose yishimiye uwo munezero we namenye. Ahubwo mbabajwe cyane n'akaga jye na mwe turimo. Ukuntu nanangiye umulima wanjye n'uwanyu ubwo yari mu kaga, ubu ni byo bindushya cyane ; kuko nanze kumukurikira mu rugendo. Iyo ntarota neza iri joro kandi ngo n'uriya munyamahanga aze kumpumuriza, ibyo bitekerezo byari guhita bimpwanya. None bana banjye, nimuze duhambire utwacu, maze dusange so mu gihugu cyo mu ijuru aho tuzibanira na we n'inshuti ze, nk'uko amategeko y'icyo gihugu ameze. »

Nuko amansonza y'umunezero aza mu maso ya ba bana kubera ukuntu umutima wa nyina wari ushenjaguwe.

Wa mushyitsi abasazeyeho, ni bwo batangiye kwitegura kugenda. Mu gihe bakitegura, bagenzi ba Mukristokazi baba bakomanze ku rugi. Asubiza nka mbere ati « Niba muje mu izina ry'Imana nimwinjire ! »

Bumvise ayo magambo, baratangara kuko bwari ubwa mbere bumva nk'ayo magambo ava mu kanwa ka Mukristokazi. Barinjira, basanga nyamugore yitegura ibyo kugenda. Nuko baramubaza bati « Ese ibi ni ibiki wo gacwa we ? »

Mukristokazi asubiza Mukabwoba wari mukuru muri bo ati « Nditegura urugendo ». (Mukabwoba ni umukobwa wa wa mugabo wahuraga na Mukristo ku musozi Biruhanya akimiranye ahunga intare ).

*Mukabwoba* : Rugendo ki ? Ndakwinginze rwose umbwire .

*Mukristokazi* : Nsanze umugabo wanjye (Abivuga arira).

*Mukabwoba* : Mugenzi wanjye niba ukunda aba bana bawe, wikwiroha mu bintu nk'ibyo.

*Mukristokazi* : Abana banjye tuzajyana, kuko nta n'umwe muri bo ushaka gusigara inyuma.

*Mukabwoba* : Ndibaza umuntu wagushyizemo ibyo bitekerezo.

*Mukristokazi* : Mugenzi wanjye, iyaba nawe wari uzi ibyo nzi ubu, sinshidikanya ko nawe twari kujyana nonaha.

*Mukabwoba* : Ndakwinginze mbwira, ni iki gishya wamenye ki-

giye kugutanya n'inshuti, kikaba kigiye kukuroha iyo utazi ?

*Mukristokazi* : Kuva umugabo wanjye agiye, sinigeze ngira amahoro cyane cyane kuva yambutse uruzi. Ariko ikimbabaza kurusha ibindi, ni uburyo namuhemukiye ari mu kababaro, none ubu nanjye ako kababaro nkaba nkarimo. Naraye ndose mubona. Aho uzi ukuntu nifuje kubana na we. Ahora imbere y'Umwami w'igihugu arimo, yicarana na we ku meza bagasangira kandi yahindutse inshuti y'abadapfa. Atuye mu nzu yahawe (2Kor.5.1-4), inzu utabona iyo uyigereranya na yo kuri iyi si. None Umwana w'Umwami nyir'icyo gihugu yanyoherereje abaza kunshaka ngo njyeyo kuko yiteguye kunyakira. Intumwa ye ivuye hano, inzaniye urwandiko runtumira.

Ubwo aba aruvanye mu gituzo cye maze ararumusomera, arangije aramubaza ati « Urabivugaho iki ? »

*Mukabwoba* : Yoo ! Rwose ni ibihe bisazi bibatera wowe n'umugabo wawe kugira ngo mwirohe muri ayo magorwa ? Nzi neza ko wumvise ibyo Mukristo yahuye na byo byose, kandi ko kuva agitangira urwo rugendo, nk'uko Mudakurwakwijambo barutangiranye abihamya, kimwe na Nyamujiyiranino, kugeza aho baboneye ko badakwiriye gukomeza, bitewe n'akaga babonaga muri urwo rugendo. Twese twumvise uburyo yahanganye n'intare, n'Apolowoni, n'igikombe cy'Igicucu cy'Urupfu n'ibindi byinshi. Ntiwagombaga kuba wibagiwe akaga yahuye na ko mu Iguriro Mburamumaro. Ubwo se niba yarageragejwe atyo ari umugabo nka we urumva uzabigenza ute wa mutindi w'umugore we ? Abo bana bawe bane si ubura bwawe, si amagufwa yawe ! Niba wowe uri igikenya ukaba ushaka kwiyahura, rwose girira amaraso yawe, ndakwinginze ugume mu rugo rwawe.

*Mukristokazi* : Mugenzi wanjye, winshuka. Naba ndi umupfapfa ndamutse nirengeshejwe ubu buryo mbonye bwo gukira. Naho ku byerekeye amagorwa umbwira, ngomba guhura na yo mu nzira, ntanica intege ahubwo aranyereka ko ndi mu kuri. Ubusharire bugomba kubanziriza uburyohe, kandi bugatuma ubwo buryohe burushaho kuryoha. None ubwo mutaje mu izina ry'Imana nk'uko nabibasabye, nimwigendere, mwe gukomeza kuntera ubwoba.

Nuko Mukabwoba aramutuka, maze abwira mugenzi we Mbabazi ati « Ngwino twigendere tumwihorere ubwo ahinyuye inama

zacu ». Ariko Mbabazi ntiyashoboraga guhita abyemera kubera impamvu ebyiri. Iya mbere ni uko umutima we wari wuzuye impuhwe ku bwa mugenzi we, maze akumva ko agomba kumuherekeza nibura agace gato k'urugendo. Impamvu ya kabiri ni uko na we ubwe yumvaga yibabariye, bitewe n'amagambo ya Mukristokazi yari yamucengeyemo.

Niko kwibwira, ati « Ngiye gusubira kuvugana na Mukristokazi maze ninumva mu byo avuga harimo ukuri n'ubugingo, tujyane. » Niko gusubiza Mukabwoba ati « Mugenzi wanjye, twaje tuje kureba Mukristokazi none ubwo agiye gusezera burundu ku gihugu cye, ndifuzza, ubwo hari n'agacyo, kumuherekeza gato, kugira ngo namufashe. »

Ariko ntiyagira icyo avuga ku mpamvu ya kabiri, ayigira ibanga.

Mukabwoba ati « Ndabona nawe ugiye gusara. Nyamara wirinde kuko iyo umuntu ataragera mu kaga aba ari amahoro, ariko yakageramo bikarushya kukavamo. »

Bityo Mukabwoba asubira iwe wenyine mu gihe Mukristokazi yiteguraga urugendo rwe. Mukabwoba ageze iwe, atumaho bamwe muri bagenzi be : Mukamasoyagacurama, Mukamutigaya, Mukantabwenge.

Baje, Mukabwoba atangira kubabwira inkuru ya Mukristokazi n'urugendo rwe agira ati « Bagenzi banjye, muri iki gitondo nanyarukiye kwa Mukristokazi, ngeze iwe nkomanze ati ' Niba muje mu izina ry'Imana nimwinjire.' Ninjira nibwira ko byose bigenda neza. Ariko mbona arimo kwitegura ibyo kuva mu murwa n'abana be. Noneho mubaza ibyo arimo, ambwira muri make ko yifuza gutangira urugendo nk'urwo umugabo we yagize. Antekerereza iby'inzozu yarose, n'uburyo Umwami w'Igihugu umugabo we arimo yamwoherereje urwandiko rumutumira ngo amusangemo. »

*Mukantabwenge* : Koko se azagenda ?

*Mukabwoba* : Nabonye ashaka kugenda byanze bikunze. icyabi-nyemeje ni uko impamvu zose namubwiraga byari uguta inyuma ya Huye. Ahubwo namubwiye iby'ingorane azahura na zo mu nzira, mbona arushijeho kugira umurego wo gutangira urugendo, aranambwira ngo ubusharire bubanziriza uburyohe. ubusharire bwakara, uburyohe na bwo bukarushaho kuryoha.

*Mukamasoyagacurama* : Mbega umugore w'umupfayongo kandi

w'injiji ! Ibigeragezo umugabo yagize nta cyo byamubwiye ? Ku bwanyje ndahamya ko uwamugarura hano yahaguma mu mudendezo ; atakongera kwishyira mu kaga k'ubusa.

*Mukamutigaya* : N'ubundi abantu b'abasazi nk'abo babuze uburyo, bakwiriye kutuvira mu murwa ! Kutongera kubabona rwose ni byo byiza, koko ni nde wagira amahoro Mukristokazi agumye ino na buriya bitekerezo bye ? Yajya ahora yijimye kandi atumvikana n'abantu kubera ko yaba avuga ibidashimishije umuntu n'umwe. Ni yo, mpamvu kugenda kwe kutababaje na buhoro. Nagende, ahubwo iyaba twabonaga umuturanyi mwiza umuruta, uzi ko tutigeze tugirana ubwumvikane kuva aho bariya bantu batuziyemo .

*Mukanyabwangu* : Nuko rata, twivugire ibindi. Ejo nari kwa Musambanyikazi twanezerewe nk'amakumi. Kuberaaa... ese uzi abantu twahuriyeyo ? Nta bandi ni Mukamukundamubiri n'abandi bantu batatu cyangwa bane, barimo Bwana Cyigenge, Mukacyiza n'abandi. Mbabwiye ko uwo mugore nyir'urugo ari umugore warezwe neza cyane kandi ko Bwana Cyigenge ari umusore ugaragara neza !

### 3. MUKRISTOKAZI ABANA BE NA MBABAZI KU RUGI RUFUNGANYE

Mukristokazi yari yatangiye urugendo aherekewe na Mbabazi. Bagenda, Mukristokazi atangira kuganiriza mugenzi we agira ati « Mbaba..., ni amahirwe nakugiriyeho kuko wemeye kumperekeza akanya gato. »

*Mbabazi* : Ndamutse numvise ko kugukurikira byangirira umumaro, sinasubira muri uriya murwa.

*Mukristokazi* : Rwose Mbaba..., ifatanye na njye kuko nzi neza amaherezo y'uru rugendo rwacu. Ubu umugabo wanjye ari ahantu atakwemera kuva nubwo wamuha ubutunzi bwose bw'iyi si. Ntawe rero uzagusubiza inyuma nubwo ari jye ugutumiye bwose. Umwami wantumyeho n'abana banjye ashimishwa no kugira impuhwe. Ndetse ubishatse naguha igihembo maze ukamperekeza witwa umukozi. Tuzasangira byose, rwose ngwino tujyane.

*Mbabazi* : Kuba nzashyigikirwa nka we, nabyemezwa n'iki ? Iyaba icyo cyizere nari ngikuye kuri nyir'ubwite, nta n'ubwo nakenera icyo kwishingikirizaho kindi mu rugendo, kuko naba nshyigikiwe n'Ishobora kundengera.

*Mukristokazi* : Noneho reka nkubwire icyo ukwiriye gukora : ngwino tugerane ku irembo ry'inzira ifunganye maze mbaze. Nibatakwakira ku buryo bugutera inkunga yo gukomeza, nzemera wisubirire iwawe, naguhembere ubugwaneza watweretse jye n'abana banjye.

*Mbabazi* : Yewe, ndemeye, nzakomeza kandi ibizangeraho byose nzabyemera. Iyaba Umwami Imana yambabariraga nkazashyika mu rukundo rwe.

Mukristokazi arishima cyane mu mutima we kubera ko yari abonye uwo bafatanyaga urugendo, kandi akaba yari ashoboye gutuma uwo mukobwa yiyegurira Umukiza we. Bakomeza urugendo, ariko Mbabazi aza kurira cyane.

*Mukristokazi* : Muvandimwe wanjye, urarizwa n'iki ?

*Mbabazi* : Nabuzwa n'iki kurira se rwose ! N'uburyo ababyeyi bacu bari mu kaga kandi bakaba basigaye muri uriya murwa mubi w'ibyaha. Ikibabaje kurushaho ni uko nta muntu uhari wo kubaburira no kubamenyesha ibigiye kuzaba.

*Mukristokazi* : Birakwiriye ko abagenzi bagira imbabazi, kandi na Mukristo wanjye ni ko yari ameze, ubwo yagendaga, kubera jye, yababajwe cyane n'ukuntu ntashakaga nibura kumwumva ngo menye ukuntu anyingira ; ariko Imana ye kandi yacu yumvise kurira kwe, none dore wowe na njye, hamwe n'aba bana biraduhiriye. Rwose Mbabazi, nizeye neza ko amarira yawe atazapfa ubusa nk'uko uwitwa Kuri yavuze ati « Ababiba barira, bazasarura bishimye kandi ngo, nubwo umuntu agenda arira asohoye imbuto, azagaruka yishimye azanye imiba ye » (Zab. 126.5-6). Nuko Mbabazi atangira gusenga ati :

*Ushobora byose ambere umuyobozi,  
Uko ubushake bwe bwera buri,  
Nzagendera muni y'ukuboko kwe,  
Kugera ku ntebe y'ubutungane bwe.*

*Kandi singacike intege na rimwe,  
Muri iyi nzira nahisemo !  
Ndwana n'ibyago n'amagorwa,  
Mwami Mana, untabare*

*Kandi na we ubwawe,  
Wite ku babyeyi nasize ;  
Abo nkunda bose,  
Bose babe hafi yawe.*

Nuko ya nshuti yanjye ya mbere ikomeza inkuru yantekerezeza-ga igira iti « Mukristokazi agera mu Isayo Gahindagasaze arahagarara, yabuze uko agira. » Kuko yiwiraga ati « Aha hantu ni ho umugabo wanjye yari agiye kurengererwa n'isayo ». Nubwo Umwami yari yaratanze itegeko ko aho hantu hakorwa neza ku bw'abagenzi, Mukristokazi yabonye harazambye kurusha mbere. Ubwo nanjye imperako mbaza niba koko ibyo ari byo. Mugenzi wanjye ati « Ni byo rwose kuko abenshi mubahakora bavuga ko bakorerwa Umwami mu gutunganya iyo nzira, bazana urwondo n'igitaka cy'ifumbire akaba ari byo bayitindamo aho gushyiramo amabuye. Bityo rero ikarushaho kurigita no kunyerera.

Mukristokazi yari yahagaze n'abana be, ariko Mbabazi ati « Ni muze tugende, ariko twitonde. » Maze baragenda bashishoza aho bakandagira, kugeza ubwo bambutse, badandabirana. Kenshi Mukristokazi yari agiye kurigita. Mu gihe batararangiza kwambuka neza, bumva ijwi rivuga riti « Hahirwa uwizeye kuko ibyo yabwiwe n'Umwami Imana bizasohora. » (Luka 1.45).

Bamaze kugenda, Mbabazi abwira Mukristokazi ati « Iyaba nari nzi neza nka mwe ko ku muryango w'Inzira Ifunganye nzakirwa, nta sayo n'imwe yazashobora kunkanga. »

Aramusubiza ati « Yewe buri wese azi ibimukomereye kandi nshuti yanjye, tuzahura n'ibikomere mbere yo kurangiza uru rugendo. Kuko ntibishoboka kwibwira ko abantu nka twe bashakira ku zagera ku cyubahiro cy'ikirenga no ku mahirwe abandi bifuzwa, batahura n'ibigeragezo, batagira ibibatera ubwoba. »

Muri ako kanya, Mwumvaneza arigendera, jye nsigara mu nzizi zanjye. Mbona Mukristokazi, abana be na Mbabazi bagana ku irembo. Bagezeyo, babanza kujya inama y'ibyo bari bubwire uza kubakingurira; maze bemeranya ko Mukristokazi ubwo ari we mukuru ari we uribukomange ku rugo kandi ari we uribuvugishe umunyarugi.

Nk'uko umugabo we yari yarabigenje, arakomanga kabiri. Ariko aho kubona igisubizo, bumva imbwa imoka, ikibwa kinini ndetse cyazaga kibasanga. Abagore n'abana bagira ubwoba bamara umwanya barese kongera gukomanga batinye ko cya kibwa cyabasimbukiraho. Bahindaga umushyitsi kandi bafite impungenge, babuze icyo bakora. Batinyaga gukomanga kubera cya kibwa, bagatinye kandi kugenda kuko umurinzi w'urugi byari kumubabaza.

Nyuma biyemeza kongera gukomanga, noneho cyane kurusha mbere. Nuko umunyarugi arababaza ati « Ni nde? »

Imbwa ntiyongera kumoka, maze umunyarugi aherako arakingura. Mukristokazi amubwirana icyubahiro no kwicisha bugufi ati « Databuja, nturakarire abaja bawe kuko bagukomangiye ku rugo. »

Wa munyarugi arababaza ati « Murava he kandi murashaka iki? » Mukristokazi aramusubiza ati « Dukomoka ahantu hamwe na Mukristo kandi intego ye ni yo dufite ubu, ni ukuvugira ko twifuzwa rwose kwemererwa kwinjira muri iri rembo, tugana mu ijuru. Nda-

bamenyeshya kandi ko ndi Mukristokazi wahoze ndi muka Mukristo, ubu wibereye iyo mu ijuru.

Umunyarugi yumvise ayo magambo aratangara niko kwivugisha ati « Ese ni we koko wahindutse umugenzi. n'ukuntu yatinyaga iyi nzira? »

Mukristokazi aramusubiza yubitse umutwe ati « Yee, n'abana banjye turi kumwe. » Niko kumufata ikiganza aramwinjiza aravugaga ati « Mureke abana bato bansange. » (Mat. 19.14).

Aherako ahamagara umugabo wari hafi aho ngo abe acurangira Mukristokazi inanga yishime. Uwo mugabo aremera, maze si ukugoragoza ijwi! Muri icyo gihe, Mbabazi yari akiri hanze, ahinda umushyitsi arira, afite ubwoba bw'uko agiye gusubizwa inyuma. Ariko Mukristokazi aho amariye kwemererwa kwinjira n'abahungu be, atangira kumusabira imbabazi agira ati « Databuja, mfite mugenzi wanjye ukiri hanze kandi na we afite intego imwe na jye. »

Mbabazi atangira kurambirwa ku buryo umunota wamuberaga nk'isaha yose, niko gukomanga cyane ku rugo atararangiza kumuvugira. Maze umunyarugi niko kubaza ati « Ni nde? » Mukristokazi ati « Ni ya nshuti yanjye. »

Umunyarugi arakingura niko kubona Mbabazi akumbagurika ku butaka boshye umunyagicuri. Yari yataye umutwe yibwira ko bashobora kutamukingurira.

Nuko umunyarugi amufata ukuboko, aramubwira ati « Mukobwa ndagutegetse, haguruka. » Wa mukobwa ati « Yoo, Databuja nashizemo imbaraga none ndi hafi gupfa. »

Undi amusubiza ko hari umuntu wigeze kuvuga, ati « Ubwo umutima wanjye wanyihebeyemo, nibutse Uwituka kandi isengesho ryanjye ryakugezeho. » (Yona 2.8). Yongeraho ati « None witinye, haguruka umbwire icyakuzanye. »

*Mbabazi* : Napfuye kuza kuko inshuti yanjye Mukristokazi yari yantumiye, ariko nkaba mfite ubwoba kuko ntatumiwe n'Umwami nka we.

*Umunyarugi* : Yashakaga se ko muzana hano?

*Mbabazi* : Yee, kandi nk'uko Databuja abibona naje ngo niba hari imbabazi no gukizwa ibyaha, ndakwinginze rwose ngo umuja wawe abigirirwe.

Nuko umunyarugi amufata ukuboko aramwinjiza avuga ati «Nsabira abansanga bese bakanyemera uko baje kose .» (Yoh.17.9,20) Maze abwira abari aho ati «Nimujye gushakira Mbabazi ikimuhembura». Nibwo bamuzaniye imaragarita zihumura neza maze agarura ubuyanja. (Yes. 38 .16-17).

Mukristokazi, abahungu be na Mbabazi bakiranwa impuhwe nyinshi, maze babwira Shebuja bati « Twihanye ibyaha twakoze kandi turasaba ngo ubitubabarire unadutegeke icyo dukwiriye gukora. » Na we ati «Ndabababariye, mu magambo ku bw'isezerano no mu bikorwa ku bw'iby nakoze ngo izo mbabazi ziboneke. Mwakire isezerano ryo mu kanwa kanjye,(nuko arabasoma) n'iryo mu bikorwa nk'uko muzabihishurirwa . » (Ind.1. 1-2 ; Yoh. 20.22).

Nuko numva mu nzozu zanjye amagambo menshi meza yababwiraga yo kubanezeza umutima. Abajyana ahirengeye maze abereka uburyo bakirijwemo, ababwira ko iyo shusho ya Kristo wabambwe babonye izajya ibatera imbaraga mu rugendo rwabo. Nuko aberekeza aho bagenewe ngo bakomeze kwiganirira.

*Mukristokazi* : Databuja, ndishimye cyane kuko twinjiye hano.

*Mbabazi* : Jyeweho ni agahebuzo.

*Mukristokazi* : Nagize ubwoba cyane ubwo nakomangaga ntiha-gire uwikiriza , ariko cyane cyane kubera rwa rubwa rwatumokera-ga.

*Mbabazi* : Jye nari nifitiye ubwoba bwo gusigara inyuma mwe mwinjiye. Koko kandi ngo « Abagore babiri bazaba basya ku rusyo rumwe, umwe azajyanwa undi asigare. » (Mat.24 .41). Sinashoboraga kudasakuza mvuga nti « Ndarimbutse » kandi sinari ngitinyuka kora gukomanga. Ariko mbonye ibyanditse ku rugu bintera imbaraga, nsanga nta kindi gisigaye atari ugukomanga nshyizeho umwete kuko byari ugupfa no gukira.

*Mukristokazi* : Ese uribuka uko wakomangaga? Byari biteye ubwoba kuko nta bundi nigeze mbyumva! Nibajije ko washatse kwinjira ku ngufu ngo ufate ubwami .

*Mbabazi* : Ari wowe se! Koko se hari utari gukora nka njye? Ngira ngo wabonye ko urugi rwari runkingiyeho, ko kandi hari imbwa y'inkazi. None mbwira ukuntu utakoresha imbaraga mu bwihwe nari ndimo.

*Mukristokazi*: Umunyarugi yumvise urusaku rwawe aramwenyura. Ndibwira ko ibyo wakoze byamunejeje kuko atabyanze . Ariko nkibaza impamvu atunze rwa rubwa, iyo nza kuba nzi ko ruhari simba naratinyutse kuza. Ariko ubwo ubu twinjiye ni amahoro.

*Mbabazi* : Databuja naza, ndamubaza impamvu atunze ruriya rubwa mu rugo rwe. Nizeye ko bitamurakaza.

*Abana* : Yego koko ubimubaze kandi unamwumvishe ko akwiriye kurwica kugira ngo rutazaturya nitugenda. Nuko Shebuja aramanuka aza aho bari maze Mbabazi amwikubika imbere, aramusingiza agira ati « Databuja akira igitambo cy'ishimwe cyanjye nguturanye umutima wanjye wose. »

Na we aramusubiza ati « Amahoro abane nawe ! Haguruka ! ». Ariko undi akomeza guca bugufi, nuko aramubwira, ati « Databuja Uwiteka we, iyo mburanye nawe ni wowe ukiranuka, ariko nkundira nkubaze iby'imanza zawe (Yer.12 . 1). Ni kuki utunze imbwa y'ingome kuriya mu rugo rwawe? Ijwi ryayo rikanga abagore n'abana nka twe , bakaba bahunga ntibinjire kubera ubwoba. »

Aramusubiza ati « Iyo mbwa si iyanjye, iziritse mu rugo rw'undi mugabo. Abagenzi bumva kumuka kwayo konyine. Ni iya nyir'iriyanga ngora mubona , ariko ntishobora kurenga ikigo kihazengurutse. icyakora ijwi ryayo ryatinyishije abagenzi benshi. Mu by'ukuri shebuja ntayitungiye ngo angirire neza jye n'abanyije ahubwo ni ukugira ngo atere ubwoba abaje bangana, batinye kwegera no gukomanga kuri uru rugu ngo binjire. Yashoboye kuyobya bamwe mu bo nakundaga ariko ndabyihanganira, kandi rero iyo bibaye ngombwa, abagenzi banjye ndabatabara, kugira ngo atabakoresha ibya kamere ye mbi. Ariko se uwo nicunguriye we ! Ndibwira ko utajyaga guterwa ubwoba n'imbwa iyo uza kuba uzi ibyo uzi ubu. Abatanzwe no gusabiriza, hari ubwo se bakangwa n'umutontomo cyangwa se kuribwa n'imbwa, iyo bazi ko ku rugu uru n'uru bahabona umuramuko ? None se niba imbwa iri mu rugo rw'undi mugabo, kandi nkaba nyobya amajwi yayo ngo itankangira abagenzi, urumva hari uwo izabuza kungeraho ? Mbakiza akanwaga k'intare, nkabarinda ubushobozi bw'imbwa . » (Zab.22.20-21).

*Mbabazi* : Umbabarire ubuswa bwanjye; navuze ibyo ntumva. Ndemera ko ukora ibintu byose neza .

mbere cy'Umugenzi).

Begera iyo nzu (yari iya Musobanuzi), bageze ku rugi bumva abantu baganirira mu nzu imbere, batega amatwi, maze basa n'abumvise izina rya Mukristokazi. Erega inkuru yari yarogeye ko we n'abana be batangiyeye urugendo! Nuko abari muri iyo nzu bose barushaho kunezerwa bumvise ko Mukristokazi ari muka Mukristo, wa wundi utaranifuzaga kumva bavuga iby'urugendo.

Nyuma Mukristokazi arakomanga cyane nk'uko yabigenje ku rugi rwa mbere. Haza umukobwa w'inkumi witwa Uwera, arakingura, maze arababaza ati « Murifuza kuvugana na nde hano? »

*Mukristokazi* : Twumvise neza ko iyi nzu yatunganyijwe neza ku bw'abagenzi, none turi bo. Turasaba uburyo bwadushoboza kugera ku ntego y'urugendo rwacu. Kandi nk'uko ubibona, umunsi uciye ikibu, tukaba tutifuza kurenga aha muri uyu mugoroba.

*Uwera* : Ndakwinginze mbwira izina ryawe kugira ngo ndimenyeshe Databuja.

*Mukristokazi* : Nitwa Mukristokazi. Umugenzi wigeze kunyura hano mu minsi ishize yari umugabo wanjye, ndetse dore n'abana be. Uyu muntu ukiri muto wundi turi kumwe ni mugenzi wanjye dufatanyije urugendo.

Uwera asubira mu nzu yiruka, niko kubwira abarimo ati « Muzi abari ku muryango? » Yungamo ati « Ni Mukristokazi n'abana be na mugenzi we umwe. Bose bategereje kwinjizwa hano. »

Biterera hejuru icyarimwe kubera ibyishimo, bajya kubwira Shebuja Musobanuzi. Maze Shebuja uwo yiyizira ubwe ku rugi. Areba Mukristokazi aramubaza ati « Ni wowe Mukristokazi, ya ntwari Mukristo yasize ubwo yatangiraga urugendo? »

*Mukristokazi* : Ni jye wa mugore wari unangiye umutima ku buryo ntigeze nita ku gahinda k'umugabo wanjye kugeza ubwo arinze kunsiga, akagenda wenyine. N'aba bana uko ari bane ni abe. Ariko ubu naje nje, nasobanukiwe neza ko nta yindi nzira y'ukuri uretse iyi.

*Musobanuzi* : Ni nka ya nyigisho Yesu yatanze ku muntu wari ufite abahungu babiri akabwira umwe ati « Mwana wanjye, genda uhingire uruzabibu rwanjye. » Nawe akamusubiza ati « Ndanze. » Ariko hanyuma arihana aragenda (Mat. 21.28-29).

*Mukristokazi* : Amina! Nanjye izo mbabazi Imana izazingirire!

Maze ku munsi w'amateka izansange ndi amahoro, ndi uwera, ntakiranirwa.

*Musobanuzi* : Kuki waheze hanze? Injira Mukobwa w'Aburahamu twarimo tukuvuga mu kanya, kuko inkuru yawe yuko wabayeye umugenzi yatugezeho. Nimuze bana mwinjire, nawe Mukobwa injira.

Bose bakirwa mu nzu batyo. Bageze mu nzu, babereka aho baba baruhukiye, ubundi, umwe umwe, bakajya baza kubaramutsa, baseka n'ibyishimo byinshi kubera ko Mukristokazi yari yarabayeye umugenzi. Utwana baradukuyakuya, ndetse na Mbabazi bamuganiriza bamwitayeho. Kandi bose babaha ikaze mu nzu ya Shebuja.

stokazi arinumira.

Musobanuzi ati «Nimwongere mwitegereze.» Barongera barareba bati «Nta kintu gihari uretse urutagangurirwa rufashe ku kibambasi n'amajanja yarwo.»

Musobanuzi arababaza ati «Muri iki cyumba cyose harimo urwo rutagangurirwa gusa koko?» Amarira abunga mu maso ya Mukristokazi kuko we yari yumvise ibintu neza, ni ko kuvuga ati «Databuja, harimo byinshi, ndetse harimo n'ibindi bitagangurirwa birusha ubumara kiriya tubona.»

Musobanuzi amurebana ibyishimo n'impukwe ati «Uvuze ukuri.»

Mbabazi arababara, ba bana bitwikira mu maso kuko bose bari batangiyeye kumva ibisobanuro by'iryo hurizo.

Musobanuzi arakomeza ati «Nk'uko mubibona kiriya gitagangurirwa kirafashe n'ibiganza byacyo kandi kiri mu nyumba z'abami» (Imig.30.28). Ibi rero byazaniwe kubereka, nubwo mwuzuye ubumara bw'ibyaha ko mushobora nyamara gufatisha ikiganza cyo kwizera, kandi mugatura mu cyumba kirusha ibindi ubwiza kiri mu nzu y'Umwami Nyir'ijuru.

Mukristokazi ati «Ndashaka kubyumva, ariko simbyumva neza. Jye nubwo turi mu cyumba kirusha ibindi ubwiza, ariko kwigishwa na kiriya gitagangurirwa cyuzuye ubumara, kitagira imbabazi ko twakoresha ukwizera ntabwo nari nakabyumvise. Nyamara dore kirafashe n'amajanja yacyo mu cyumba kiruta ibindi kandi Imana ntiyacyangiye.»

Barishima nubwo amarira yabazengaga mu maso. Abo bagore bombi bararebana maze bikubitira icyarimwe imbere ya Musobanuzi.

Abanyana mu kindi cyumba kirimo inkoko n'udushwi twayo abasaba kuyitegereza akanya. Kamwe mu dushwi kajya kunywa amazi maze nuko kamize kakareba mu ijuru.

Musobanuzi ati «Nimurebe icyo ako gakoko gakora, nikabigishe kumenya aho iby' byafite biva, kubyakira mureba hejuru. Ngaho nimwegere mwirebere. Nuko babona ukuntu inkoko ifite uburyo bune ishyikiranamo n'udushwi twayo.

1. Ifite uburyo busanzwe ikoresha buri muni ibuhamagara.

2. Ikagira uburyo bwihariye ikoresha rimwe na rimwe ibuhamagara.

3. Ifite uburyo budasanzwe ibuhamagaza ngo ibubundikire.

4. Ikanagira uburyo ibuburiramo hari icyago giteye.

None, ngaho nimugereranye, iriya nkoko n'Umwami wanyu, naho turiya dushwi mutugereranye n'abamwumvira. Na we afite uburyo bunyuranye akoreshereza ubwoko bwe. Iyo ahamagaye ku buryo busanzwe, nta cyo atanga, iyo hari icyo ashaka gutanga, akoresha ijwi ridasanzwe, afite n'irindi ridasanzwe iyo ashaka kubundikira abana be, n'iry'umubabaro akoresha iyo abonye umwanzi aje.

Bakundwa rero, nabazanye muri iki cyumba, kuko muri abagore kandi nkaba nzi ko ibi mubyumva vuba.

Mukristokazi ati «Turakwingize rwose, twereke n'ibindi.»

Abajyana mu ibagiro, aho umubazi yiciraga intama; iyo ntama yari yemeye urwaje idatera amahane.

Musobanuzi ati «Mukwiriye kwigira kuri iyi ntama uko umuntu ababara akanihanganira kurenganywa nta mahane, nta no kwintuba. Nimwirebere ukuntu yemera urupfu n'ubwitonzi bwinshi, n'ukuntu ireka bakayikuraho uruhu, itivumbagatanya. Umwami wanyu abita intama ze.»

Noneho abajyana mu busitani bwe, burimo amoko menshi y'indabyo, niko kubabwira ati «Murabona ziriya ndabyo?» Mukristokazi ati «Yee.»

Musobanuzi ati «Murebe nubwo rumwe rugiyeye runyuranye n'urundi, ku bunini, ku ibara, mu mpumuro, no ku mimerere, zimwe zikaba ziruta izindi ubwiza, nyamara zose ziri aho zashyizwe nta ntugunda ziterana.»

Yongera kubajyana mu mirima yari yarateyemo ingano n'izindi mpeke, ariko basanga hasigaye ibikenyeri gusa naho amahundo yarasaruwe. Arababwira ati «Uyu murima warafumbiwe, urahingwa ndetse uterwamo n'imyaka, ariko none ibi bikenyeri tuzabimaza iki?»

*Mukristokazi* : Muzatwike igice kimwe naho ikindi mugikoremo ifumbire.

*Musobanuzi* : Mushaka imbuto maze mwazibura ibyo musanzeho mukabacira urubanza rwo gutwikwa cyangwa rwo kunyukanyukwa!

Bagarutse babona inyamanza ifite igitagangurirwa mu kanwa.

Musobanuzi aravuga ati « Nimurebe. » Barareba. Mbabazi aratanga, ariko Mukristokazi aravuga ati « Mbega ngo inyamanza iraseba ! Inyoni izwiho ubupfura ! Nibwiraga ko itunzwe n'utuvungukira tw'imigati cyangwa ibindi biryo byiza ! Ndumva nyanze . »

Musobanuzi ati « Iriya nyamanza ni ikigereranyo cya bamwe mu bavuga Ijambo ry'Imana. Ukibabona bagaragara neza nk'iriya nyoni, baravuga kandi bakanitwara neza, emwe basa nk'aho bakunda cyane abemera bataryarya, kandi bagasa n'abashaka kwifatanya na bo, kandi ngo bahorane nk'aho batunzwe n'utuvungukira tw'urukundo bagirira abandi. Ni yo mpamvu uzababona mu nzu z'abanyakuri no mu iteraniro ry'Uwiteka Imana, ariko iyo bari bonyine, kimwe n'iriya nyamanza, bakabona ibitagangurirwa byo kumira bunguri, babihindura indyo, bagaconcomera gukiranirwa, maze icyaha bakakinywa bugezi. »

Aho batahiye, mu gihe bagitegereje ibiryo, Mukristokazi asaba Musobanuzi kubereka ibindi bintu byabagirira umumaro .

Musobanuzi arababwira ati « Burya uko ingurube ibyibushye ni nako ikunda isayo, kandi uko ikimasa gishishe ni nako cyijyana mu ibagiyo, n'utyara mu gukora ibiteye isoni ni ko arushaho gutegekwa n'icyaha. Abagore bakunda kugaragara neza kandi barimbye, ariko ni byiza kuri bo kwirimbisha ibifite agaciro mu maso y'Imana. Biroroshye kurara ijoro rimwe cyangwa abiri aho kumara umwaka wose wicaye. Kandi biranoroshye gutangira neza mu nzira nziza kurusha kuyigumamo kugeza ku mperuka.

Uyoboye ubwato wese, mu gihe haje umuhengeri yahitamo kujugunya iby'agaciro gake yikoreye, ariko ni nde wakwifuzza kujugunya ibyo yita byiza kurusha ibindi ? Nta n'umwe keretse udatiye Imana.

Agashobora kamwe mu bwato gashobora kuburoha, kandi icyaha kimwe gashobora kwicisha nyiracyo.

Uwibagira inshuti ye aba ayibereye umuhemu, ariko uwibagirwa uwamucumbikiye akamukiza aba yiciriyeho iteka.

Uba mu cyaha, akibwira ko azabona umunezero, asa na wa wundi utera urukungu akibwira ko azahunika impeke mu mutiba we.

Niba umuntu ashaka kubaho mu kuri, agomba gutekereza ku munsu we wa nyuma.

Ukujujura no kurimanganya by'abantu, byerekana ko mu isi hari

icyaha.

Niba iyi si, ibonwa n'Imana nk'umuyaga, ifite agaciro mu maso y'abantu, ubwo se ijuru rimeze rite aho Imana iganje ?

Niba tubabazwa no kubura ubu buzima bwuzuye imibabaro n'amagorwa menshi, ubwo se uburi imbere bumeze bute ?

Ntawe utarata ubwiza bw'abantu, ariko ni nde utangazwa nk'uko bikwiye n'ubwiza bw'Imana ?

Uko kenshi turya tugasigaza, ni ko icyubahiro n'ukuri bisaze isi yose »

Musobanuzi amaze kuvuga ibyo, yongerera kubajyana mu busitani, abereka igiti cyaboze maze umutima ukavamo ariko nyamara cyari kigikura kandi gitoshye.

*Mbabazi* : Ibi ni ibiki ?

*Musobanuzi* : Iki giti, gifite umubiri mwiza, ariko imbere cyarabozwe ni ishusho y'abantu baboneka mu busitani bw'Imana mu kanwa ariko nta cyo bayikorera. Baratoshye ariko mu mitima yabo buzuye ubumara bw'ikibiriti cya Satani.

Aho ibiryo bibonekeye, baricara umwe arabishimira maze barafungura. Nk'uko byari akamenyero, Musobanuzi yakiraga abantu ku meza, abaririmbyi bagatangira kuririmba, maze uwari ufite akajwi keza atera agira ati :

*Yesu, Mwungeri Mwiza w'imikumbi ihiriwe ,*

*Ntihabaho amapfa ;*

*Munsi y'inkoni yawe yera,*

*Uyobora intambwe zanjye hafi y'amazi adasuma.*

*Buri munsi ni wowe ukomeza umutima wanjye*

*Mu buntu bwawe buhebuje;*

*Mu nzira zawe zo gukiranuka*

*Ku bw'urukundo rw'izina ryawe, uranyobora Mwami.*

Indirimbo zirangiye, Musobanuzi abaza Mukristokazi ikintu cyamuteye gutangira urugendo. Undi aramusubiza ati « Mbere na na mbere kubura umugabo wanjye byanteye agahinda kanini cyane, ariko ibyo bikaba ari ibiva ku rukundo rwa kamere muntu. Nongeye no kwibuka agahinda n'urugendo umugabo wanjye yagize,



n'ukuntu namumereye nabi, maze numva ntaye umutwe ku buryo nari no kwijugunya mu ruzi. Muri icyo gihe kandi naje kugira inzozo maze zinyereka ukuntu amerewe neza, byongeye kandi nabonye urwandiko rw'Umwami runtumira muri icyo gihugu cye ngo nze tubane. Izo nzozi n'urwo rwandiko ni byo byanshyize mu nzira ndagenda. »

*Musobanuzi* : Ariko se nta mbogamizi n'imwe wagize utarava iwawe ?

*Mukristokazi* : Cyane ! Mukabwoba, twari duturanye, akaba agira icyo apfana na wa mugabo woshyaga umugabo wanjye ngo asubire inyuma ataribwa n'intare, ni we wanyiherega iryinyo ngo ntangiye umushinga w'ubwihebe. Ntako atagize ngo amvane ku izima, anyibutsa umubabaro n'akaga kose umugabo wanjye yabonye ariko ndamunanira.

Nyamara abagabo babiri b'abagome nabonye mu nzozi bagamba mbanaga ukuntu bantesha urugendo ni bo banteye ubwoba bwinshi na n'ubu ndibuka izo nzozi zigatuma abo duhura bose mbakemanga, ngatinya ko bangirira nabi bakaba bantesha inzira yanjye. Nagira ngo nkubwire kandi Databuja, nubwo ntifuzaga ko biramenywe na bese ko hagati y'iyi nzu n'irembo twinjiriyemo, twahaterewe bibabaje cyane n'abagabo babiri, ku buryo twagombye gutabaza ! Kandi abo bagabo basaga n'abo nari narabonye mu nzozi.

*Musobanuzi* : Watangiye kandi uzarangiza neza urugendo rwawe.

Noneho Musobanuzi areba Mbabazi niko kumubaza ati « Wowe ni iki cyakuzanye hano ? »

Mbabazi arahinduka, ahinda unushyitsi maze amara akanya atavugaga.

*Musobanuzi* : Witinya, ahubwo emera kandi umbwire icyo utekereza.

*Mbabazi* : Mu by'ukuri Databuja, akamenyero gake ni ko gatuma ntavugaga. Sinavugaga ibyo kubonekerwa cyangwa iby'inzozo kuko ntabigize nka mucuti wanjye Mukristokazi. Emwe sinzi no kwanga iki bi cyo kutumvira inama z'ababyeyi.

*Musobanuzi* : None se Mukundwa, ukaba waratewe n'iki kugez nza utya ?

*Mbabazi* : Naje nihitira ndi kumwe n'undi muntu tujya gusura

Mukristokazi, dusanga yitegura kugenda. Tumaze gukomanga turinjira tumubaza ibyo yakoraga, adusubiza ko yatumiwe gusanga umugabo we. Atubwira ukuntu yari yamubonye mu nzozi atuye ahantu heza cyane ari hamwe n'abadapfa. Atubwira ko yari yambaye ikamba, acuranga inanga, arira kandi anywera ku meza y'Umwana w'Umwami, amusingiza kuko yamwinjije aho hantu n'ibindi... Mu gihe yatubwiraga ibyo bintu, numvaga umutima ugurumana. Naribwiraga nti « Niba biriya ari byo, ndi busige data na mama n'aha hantu navukiye, maze mperekeze Mukristokazi. » Hanyuma naje kumubaza niba ibyo yatubwiye ari byo kandi mubaza niba yankundira ko mukurikira, kuko nabonaga ntawaguma mu murwa wacu atarimbutse. Ngenda umutima uremereye, ntababajwe n'urugendo ahubwo mbabajwe n'ababyeyi banjye nsize inyuma. None naraje nk'uko umutima wanjye wabyifuzaga. Nimbishobora, nzajyana na Mukristokazi dusange umugabo we n'Umwami we.

*Musobanuzi* : Watangiye neza, kuko wemeye ukuri. Umeze nka Rusi, wasize se na nyina, n'igihugu cye, ku bw'urukundo yari afitiye Nawomi n'Imana ye, maze akajya mu gihugu atari asanzwe azi. « Uwituka akwiture ibyo wakoze, ugororerwe ingororano itagabanyije n'Uwituka Imana y'Abisirayeli wahungiyeye mu nsi y'amababa yayo. » (Rusi 2.12).

Aho bamariye kurya bajya kuryama. Buri mugore arara mu cyumba cye, naho abana bese barara mu cyumba kimwe. Mbabazi ntiyabasha gusinzira kubera ibyishimo by'uko atagishubijwe inyuma. Aruhuka ashima Imana ko yamugiriye ubuntu.

Bukeye ku gasusuruko, barabyuka, batangira kwitegura kugenda, ariko Musobanuzi abasaba kwihangana gato, kugira ngo bagende byose bitunganye. Nuko abwira Uwera wa mukobwa wari waraye abakiriye ati « Bajyane mu busitani maze ubuhagire, ubezeho umwanda wose baba barahuye na wo bagenda. » Uwera aherako arabajyana abereka aho bagomba kwiyuhagirira no kwitunganyiriza, nk'uko babigenzereza abagenzi b'abagore bahanyuze.

Bariyuhagira baranihanagura hamwe n'abana. Maze bavuye Kwiyuhagira umubiri wabo bese urorohera kandi urushaho kuba mwiza, n'ingingo zabo zisubiramo intege. Binjira mu nzu basa neza kurusha mbere bakijya mu rwiuhagiriro.

Musobanuzi abafatá ibiganza, arababwira ati « Murasa n'izuba rya kiberinka ! »

Aherako asaba ikimenyetso yashyiraga ku biyuhagiriye iwe bose, maze akibashyiraho kugira ngo bazamenyekane aho bazajya hose.

Icyo kimenyetso cyarimo umwana w'intama wa Pasika Abisirayeli bariye ubwo bari bagiye kuva mu Egiputa (Kuval 2.8-10). Kandi icyo kimenyetso agishyira hagati y'amaso yabo ku buryo cyabongereye ubwiza bitewe n'uko cyarimbishaga uruhanga, maze rukarushaho gusa n'urw'abamarayika.

Musobanuzi abwira wa mukobwa wari ushinzwe abo bagore ati « Jya mu cyumba cy'imyenda maze uzanemo iy'abagenzi. » Aragenda azana imyenda yera (Ibyah .19 .8) ayimushyira imbere, naho undi ati « Yibambike. » Yari ifite utudodo tworohereye tw'umweru utagira ikizinga. Abo bagore bamaze gutakwa batyo, umwe agatinya undi kubera ukuntu yamubonanaga icyubahiro, akabona amurenze.

Umwe ati « Ariko urandusha ubwiza ». Naho undi ati « Umuntu yahugira kukwirebera gusa ! »

Abana na bo bari batangaye kubera uko bari bambitswe.

Musobanuzi aherako ahamagara umwe mu bakozi be witwaga Ruzirabwoba, maze amutegeka gufata inkoni, ingofero y'icyuma n'ingabo bye ati « Umperekereze aba bakobwa, maze ubageze ku ngoro yitwa Nyumbanziza, kuko ari ho bagomba kuruhukira. Ruzirabwoba afata intwari ze, maze abajya imbere. Nuko Musobanuzi arababwira ati « Imana ibafashe ». Abari aho mu rugo bose babifuriza urugendo ruhira. Baherako bakomeza urugendo rwabo baririmba bati :

*Mwami kuri iyi si hose  
Urahareba kandi ukarinda intama zawe,  
Kandi nk'umubyeyi mwiza,  
Uziyoborana urukundo !*

*Umwuka wawe ni we uzahura,  
Kugira ngo agaburire abagaragu bawe,  
Kandi abatunganyiriza inzira  
Aho uba wasutse ubugwaneza bwinshi.*

*Iyo hagize icyago gitera  
Imbaraga zawe zirankingira ;  
Kandi amasezerano ahumuriza,  
Abera umutima wa bo umugabane mwiza.*

*Mbega amahoro Mwungeri mwiza,  
Nk'ayo dufite ubu !  
Mu nzira ijya mu bwiza budashira,  
Tuyikomejemo dushikamye.*

## 6. RUZIRABWOBA AHEREKEZA ABAGENZI

Nuko mu gihe nkirota mbona bakomeje urugendo, baherekejwe na Ruzirabwoba. Bakigenda bagera hahandi umutwaro waviriye kuri Mukristo, ukiroha mu rwobo. Nuko barahagarara bashima Imana.

*Mukristokazi* : Ndibutse ! Bimwe batubwiye tucyinjira, ngo tuzabona imbabazi mu magambo no mu bikorwa, mu magambo bivuga ko ari ku bw'isezerano, mu bikorwa bivuga ko ari ku bw'uburyo izo mbabazi zabonetse, none Ruzirabwoba ndakwinginze gira icyo ubitubwiraho, kuko ugomba kuba ubizi.

*Ruzirabwoba*: Imbabazi mu bikorwa, ni imbabazi zibonwa n'umuntu uziha undi uzikeneye. Imbabazi wowe na Mbabazi na bariya bahungu mwagiriwe zabonywe n'undi wa Wundi wabakiriye mukinjira. Kandi yazibonye kuri ubu buryo bubiri : yashohoje ukuri kugira ngo akubatwikirize kandi yamennye amaraso ye kugira ngo ayabuhagize.

*Mukristokazi* : Ariko niba ugukiranuka kwe akutwihera, we azasigarana iki ?

*Ruzirabwoba*: Ugukiranuka kwe gusumba kure uko umuntu we-se yakwibwira ku buryo agutanga kandi akagusigarana.

*Mukristokazi* : Binisobanurire neza.

*Ruzirabwoba*: N'umutima mwiza rwose! Ariko ndagira ngo nku-bwire ko uwo tugiye kuvuga atagira uwo bagereranywa. Ni « umu-perisona » umwe muri kamere ebyiri, zigaragara neza ariko zidashoboye gutandukanywa.

Buta kamere yose ifite ugukiranuka kwayo kwa ngombwa ku buryo umuntu atabasha kugutandukanya na yo, keretse ayikuyeho. Twe ntitugira uko gukiranuka, ni nayo mpamvu tudashobora kuba abakiranutsi, cyangwa ngo tubeho nk'abera. Byongeye kandi, uwo « muperisona » ari ugukiranuka k'ubumuntu bwe butari kumwe n'uk'ubumana bwe, ahubwo ni ugukiranuka kwishyira hamwe kw'izo kamere zombi twakwita ugukiranuka ngombwa k'Uriho kwateguwe n'Imana ngo azakore umurimo wo kuba Umuhuza. Aretse ugukiranuka kwe kwa mbere, yaba aretse n'ubumana bwe, naho aretse ubwa kabiri, yaba yitandukanyije n'ubumuntu bwe,

aramutse aretse ukwa gatatu yaba aretse kwa gutungana kwe gutuma abasha kuba Umuhuza. Anafite ukundi gukiranuka, ari ko kubaha ubushake bw'Imana bwigaragaje, uko gukiranuka ni ko yambika abanyabyaha maze akagutwikiriza ibyaha byabo. Ni nayo mpamvu bavuga bati « Nk'uko kutumvira Inama k'umuntu umwe kwateye ko abenshi baba abanyabyaha, ni ko no kuyumvira k'umwe kuzatera ko abenshi baba abakiranutsi. » (Rom.5 .19).

*Mukristokazi*: Ariko se ubwo, ukundi gukiranuka kose ni ukuvu-ga ko nta cyo kutumariye ?

*Ruzirabwoba* ; Yee, kubera ko nubwo uko gukiranuka ari ngombwa kuri kamere ye no ku nshingano ye kandi kudashobora guhabwa abandi bantu, nyamara ni mu bwiza bw'uko gukiranuka dutsindishirizwa.

Ugukiranuka k'ubumana bwe guha ubushobozi kumvira kwe, ugukiranuka k'ubumuntu bwe guha kumvira kwe ubushobozi bw'ogutsindishiriza abantu naho ugukiranuka kuri muri ziriya kamere zombi zimutera kurangiza inshingano ye guha uko gukiranuka ubutware bwo gukora umurimo bugenewe.

Hari rero no gukiranuka, Yesu nk'Imana adakeneye, kuko ari Imana nubwo ko kutabaho ; hakaba n'ugukiranuka Yesu nk'umu-ntu adakeneye kuko kutamubuza kuba umuntu wuzuye nubwo kutabaho, nyuma hari ugukiranuka, Yesu nk'Imana-muntu adakeneye, kuko kudahari atabura kuba icyarimwe Imana kandi umuntu.

Hari kandi ugukiranuka kuri Yesu nk'Imana kandi nk'Imana-muntu, adakeneye ku bwe, nyamara ashobora gutanga. Ni yo mpamvu bamwita « Impano yo gukiranuka » (Rom. 5 .17).

Kuva Yesu yishyize ubwe muni y'amategeko, uko gukiranuka kugomba guhabwa abandi, kuko amategeko adahatira umuntu agenga gukora neza byonyine, anamutegeka gukora iby'urukundo. Itegeko ribwiriza ufite imyenda ibiri, guha umwe udafite na mba. Kandi mu by'ukuri, twavugaga ko Umwami Imana yacu afite imyambaro ibiri, umwe we bwite n'undi ashobora gutanga. Nguko ndetse ukuntu wowe Mukristokazi n'abahungu bawe na Mbabazi imbabazi mugiriwe zavuye ku gikorwa, ku murimo wakoze n'undi muntu. Yesu Kristo, Umwami wanyu, ni we wakoze icyo gikorwa kandi aha abamusabye bese ibyo yahawe. Ariko rero kugira ngo habeho kubabarirwa ku bw'igikorwa ni ngombwa ko Imana

ihabwa igitambo, kandi hakabaho ikintu cyo kubatwikira. icyaha cyatumye tuvumwa n'amategeko kuko akirauka. Uwo muvumo rero twavuvanwaho n'inshungu z'ibibi twakoze. Ni ngombwa ko byishyurwa, kandi ibyo byarabayeye ubwo amaraso ya Yesu yamenekeka. Yaraje afata umwanya wacu, maze apfira ibicumuro byacu. Nguko uko amaraso ye yadukuye mu byaha agatwikiriza gukiranuka kwe ubugingo bwacu bwari bwanduye: Ni nayo mpamvu Imana izatwishimira ubwo izagaruka gucira isi urubanza (Rom. 8 .34).

Mukristokazi aratangira cyane ati « Mbega ukuntu ari byiza ! » Ubu mbonye noneho ko umuntu ashobora kugira icyo amenya ku mbabazi zibonwa ku bw'ijambo no ku bw'igikorwa. Mbabazi rero ! Dukwiriye gukora uko dushoboye tukabyandika mu bwenge bwacu, na mwe bana banjye, mujye muhora mubyibuka. Ariko se, Databuja, aho si cyo cyatumye umutwaro wari ku bitugu by'umugabo wanjye umuvaho, akitera hejuru kubera ibyishimo ?

*Ruzirabwoba*: Yee, imigozi yari imuboshye yaracitse kubera kwizera izo mbabazi, kandi byabayeye ngombwa ko yikorera umutwaro we kugeza ku musaraba, kugira ngo yibonere ubwe gihamya y'amaraso ya Kristo.

*Mukristokazi* : Ibyo natekerezagana ni byiza, kuko nubwo umutima wanjye wabanjye kuba agashushungwe no kwishima, ubu bwo byikubye inshuro cumi. Kandi ndemezwa n'ibyo nabonye, nubwo ari bike kugeza ubu, ko n'umuntu waba arusha abandi bese mu isi kurererwa ageze aha, akabona ibyo mbona kandi akemera ibyo nemera ubu, umutima we wanezerwa kandi ukanyurwa.

*Ruzirabwoba* : Kureba no guha agaciro ibyo bintu ntibiduhumiriza ngo binadukize umutwaro gusa, ahubwo binaduteramo urukundo nyarwo, kuko ntawabasha, mu gihe yemera ko imbabazi zitangwa ku bw'isezerano no ku bw'igikorwa kudakorwa ku mutima n'uburyo bwakoreshejwe ngo akizwe, no kudashimira uwamubereye igitambo.

*Mukristokazi* : Ibyo ni ukuri, kandi bibabaza umutima wanjye iyo ntekereje ko yamennye amaraso ye ku bwanjye. Hasingizwe wowe Mwami Mana kuko wankunze utyo. Ngomba kuba uwawe, kuko wanguze ibirenze ibyo nkwiriye inshuro igihumbi. Ntibitangaje kuba byararijije umugabo wanjye maze akagenda amaramaje. Nzi neza ko yifuzaga ko twafatanyaga urugendo, ariko namubereye

ibamba ! Naramuretse ngo agende wenyine. Yoo ! Mbabazi we ! Iyaba so na nyoko bageraga hano na Mukabwoba na we ! Ndetse ahubwo na Musambanyikazi. Ntakabuza bakorwa ku mutima, ari ubwoba bw'umwe, ari n'ugukunda iby'isi k'undi, ntawe byasubiza inyuma cyangwa ngo bimubuze kuba umugenzi udahemuka.

*Ruzirabwoba* : Ubu uravugana ubushyuhwe bw'urukundo ufite. Ariko se urakeka ko bizakomeza bityo ? Urwo rukundo ntirwahawe bese, ndetse n'abiboneye amaraso ya Yesu ava. Hari abari bahagaze hafi ye, babona amaraso ye asesekara hasi, nyamara aho kugira ngo bibababaze, baramushungeraga. Aho kugira ngo bahinduke abigishwa be, banangiye imitima yabo ngo imurwanye. None rero bakobwa banjye, uko mwiyumva uko kuraterwa n'ibyo nababwiye byabacengeyemo mukabitekerezaho. Muzajye muhora mwibuka kandi ibyo mwabwiwe, ko inkoko, ntacyo iha udushwi twayo iyo iduhamagaje ijwi risanzwe. Ibyo mufite rero mwabihawe ku bw'ubuntu budasanzwe.

## 7. ABAGENZI KU MUSOZI BIRUHANYA. RUZIRABWOBA ANESHA IGIHANDA MUHOTOZI

Nuko nkomeza kurota, maze mbona ba bagenzi bakomeje urugendo kugera ha handi Mukristo yarabukiwe Muswa, Bute na Ruhangara baryanye kandi basinziriye. Ubu bwo bari bamanitse ku ngobe z'ibyuma ahagana hirya y'inzira.

Maze Mbabazi abaza Ruzirabwoba wari ubayoboye ati «Bariya bagabo batatu ni ba nde kandi bamanikiwe iki ? »

*Ruzirabwoba*: Bariya bagabo batatu bari abantu batagira umumaro. Ntibifuzaga na rimwe kuba abagenzi, ahubwo bashakaga no kubibuza ababikeneye. Bikundiraga iby'ubunembwe n'iby'ubwenge buke, kandi bakanabyoshya abandi, babemeza ko byose bizabagendekera neza nyuma. Nyamara ubwo Mukristo yanyuraga aha, bari basinziriye ; none dore ubu, murabyibonera namwe ko bamanitse.

*Mbabazi*: Ariko se bashakaga kwemeza abandi ibitekerezo byabo ?

*Ruzirabwoba*: Yee, bashoboye kuyobya benshi babavana mu nzira, barimo Bigurintege, Ntamwuka, Mutimamuke, Ndayamahari, Mutwewibitotsi, ndetse n'umugore muto witwaga Mwasama. Bakwirakwije ibigambo bisebya Databuja ngo ni umutware w'umunyamushiha, banahinyuye cya Gihugu Cyiza ngo nta n'ubwo ari n'icya kabiri cy'uko bakivuga. Bageze n'aho basebya abagaragu ba Databuja ngo ab'ingenzi muri bo ni abanyamatiku, babereyeho kuyobya no kugira nabi gusa. Kandi bavugaga ko umugati w'Imana ari ibihari, uguhoza abana bayo kwayo ngo nta reme gufite, naho imibabaro n'ibyago by'abagenzi ngo ni imfabusa.

*Mukristokazi*: Niba bariya bantu bari bameze nk'uko ubatubwiye, ntibambabaje, babonye ibibakwiriye kandi ni byiza ko bamanitswe ku nzira nyabagendwa ngo babere icyigisho abahanyura bese. Ariko, iyaba ibicumuro byabo byaranditswe ku mabati y'imiringa maze bigashyirwa aho bagiye babikorera, kugira ngo biburire abandi bagome.

*Ruzirabwoba*: Ibyo byarakozwe mwegereye urukuta mwabyibonera.

*Mbabazi*: Oya rwose, bakomeze kubambwa kandi amazina yabo azavumwe ! Maze ubugome bwabo buzabagaruke iteka ryose ! Kuri twebwe ho ni umunezero mwinshi kuba twari tutarahagera, kuko nta wamenya ibyo bari gukorera abishobere b'abagore nka twe. Nuko atangira kuririmba agira ati :

*Kubabona munanitse uko muri batatu,  
Muteye ubwoba n'isoni,  
Abasebya Ubutungane,  
Abanzi b'Ukuri,  
Bazatengurwa kubera ubwoba no gutinya !  
Wowe nshuti yanjye wirinde,  
Uhungire kure abo bagome  
Bazamererwa nabi.*

Bakomeza urugendo maze bagera ku musozi Biruhanya, bituma inshuti yabo Ruzirabwoba aboneraho kubatekerereza uko byagendekereye Mukristo ahageze. Abanza kubajyana ku isoko, arababwirira ati « Iyi soko ni yo Mukristo yanywereyeho amazi mbere yo kurira uyu musozi ! » Icyo gihe amazi yari meza kandi aryoshye, ariko ubu yandujwe n'ibirenge by'abatifuza ko abagenzi bica akanyota. »(Ezek.34 .18).

*Mbabazi*: Iryo shyari se rigaterwa n'iki ?

*Ruzirabwoba*: Nimushyire kuri aya mazi mu kibindi kuko ibyo ari byo byose aracyari meza kandi aracyaryoshye. Imyanda izajya mu ndiba y'ikibindi naho amazi akeye ajye hejuru.

Mukristokazi na bagenzi be babikora uko babibwiwe, maze babona amazi meza baranywa. Maze Ruzirabwoba abereka twa tuyira tubiri turi muni y'umusozo aho Mihangoyidini na Ndyarya bayobeye.

*Mukristokazi*: Inzira z'abagambanyi zirarushya (Imig.13 .15), byantangaza rero baramutse binjiye muri iyi nzira ntibakube ijosi.

*Ruzirabwoba*: Yee, ni byo ! Nyamara bifuzaga kuzizereramo, ku-ko nk'iyo hagize umugaragu w'Umwami ubabona, akabahamagara, maze akababurira ko banyuze mu nzira mbi, ko kandi bazabona akaga gakomeye, baramuseka cyane bakamusubiza bati « Ntabwo tuzakumvira mu byo watubwiye mu izina ry'Uwitwaga byose. Ahu-

bwo tuzasohoza rwose ijambo ryose ryavuye mu kanwa kacu.» (Yer.44.16-17). Nyamara murabona ko ziriya nzira zishwe, bako-resheje inzitiro z'ibiti, n'imiferege, n'imigezi ndetse n'amahwa. Ariko abantu benshi baranga akaba ari zo bahitamo kunyuramo.

*Mukristokazi* : Nuko ari abanebwe, bakaba batifuza kurira umu-sozi. Bityo iri jambo rigasohora ngo « Inzira y'umunyabute imeze nk'uruzitiro rurimo amahwa »(Imig.15 .19) . Bahitamo kugwa mu mutego, aho kuzamuka umusozi, ngo bakurikire inzira ijya mu ijuru.

Nuko bikomereza urugendo rwabo bazamuka. Ariko mbere yuko bagera mu mpinga y'umusozi, umutima wa Mukristokazi uratera cyane, niko kuvuga ati « Uyu musozi wamaramo umuntu umwuka, simfe n'abandi bahitamo ibyoroshye bakabigurana ubugingo bwabo binyurira indi nzira. »

*Mbabazi* : Nkwiriye kwicara akanya gato.

Naho umuto muri ba bana atangira kurira.

*Ruzirabwoba* : Nimuze tugende mwihagarara, kuko haruguru y'aha gato hari agashyamba k'Umwana w'Umwami. Afata ka gahungu gato maze agafasha kuzamuka. Bageze muri ka gashyamba, banezewa no kuharuhukira kuko bari bananiwe cyane.

*Mbabazi* : Mbega ukuntu ikiruhuko ari cyiza cyane ku barushye (Mat.11.28) ! Umutware w'abari mu rugendo yagize neza kubateganyiriza aha hantu ngo baharuhukire ! Aka gashyamba numvise kenshi bakavuga ariko ntarakabona. Nyamara ariko twirinde, ntidusinzire, kuko ngo byabereye nabi Mukristo.

*Ruzirabwoba* : Nimuze bana banjye, ubwo yabwiraga ba bahungu ababaza ati « Uru rugendo rwanyu murarutekereza ho iki ? »

Umwana muto witwaga Yakobo ati « Databuja, umutima wari ugiye kumvamo, rwose wakoze kumfata ukuboko ngo untabare akaga nari ndimo. Nibutse kandi ko mama yambwiye ati « Inzira ijya mu ijuru irahagaze, isa n'urwego, naho ijya mu irimbukiro ni akamanuko k'ubusamo. » Mpisemo rero kurira urwego ngana ubugingo aho kumanuka njya kurimbuka.

*Mbabazi* : Kandi hari umugani uvuga ko byoroshye kumanuka .

*Yakobo* : Uko ntekereza, igihe kirageze ubwo kumanuka bizaba bikomeye cyane kurusha ibindi.

*Ruzirabwoba* : Uri umwana mwiza, kandi ushubije neza.

Mbabazi aramwenyura, ariko uwo mwana arijima.

*Mukristokazi* : Ese ntimwaba mugagura akanwa igihe mukiruhura amaguru ? Dore mfite amatunda Musobanuzi yampaye nkinjira. Yampaye kandi ubuki ndetse n'icupa ry'umutobe.

*Mbabazi* : Nari nabitekereje ko agira icyo aguha, igihe yakwihereranaga.

*Mukristokazi* : Yee, ariko iyi mpamba turayisangira nawe kuko ari ko nabigusezeranyije tukiva iwacu, maze ukemera kubana natwe.

Aherako abagabagabanya iyo mpamba ye maze batangira gufungura. Mukristokazi abaza Ruzirabwoba ati « Databuja, wowe se ntiwadufasha ? » Aramusubiza ati « Mwe muracyafite urugendo runini, naho jye ndi hafi gusubirayo. » Nimurye rero bibatere imbaraga . Nanjye ndabifite imuhira. »

Abari mu rugendo bamaze kurya no kunywa, ndetse no kuganira, umuherekeza wabo arababwira ati « Nimugire tugende dore umunsi urakuze. » Baherako barahaguruka, ba bahungu baba ari bo babanza kugenda. Nyamara Mukristokazi aza kohereza umuhungu we muto kumuzanira rya cupa ry'umutobe yari yibagiwe. Mbabazi ni ko kuvuga ati « Hano hantu ni aho gusiga byose kuko Mukristo yahibagiriwe umuzingo we, none Mukristokazi akaba ahibagiriwe icupa rye ! Ni ukubera iki Mwene Da ! » Ruzirabwoba aramusubiza ati « Biterwa n'ibitotsi cyangwa uburangare. Bamwe barasinziye mu gihe bagombaga kwibuka. Ni yo mpamvu akenshi abari mu rugendo bibagirirwa ibintu byabo hano. Bagombaga kuba maso no kwibuka ibyo bakiranye umunezero mwinshi, ariko kuko batabikora, umunezero wabo ugakingirizwa n'igicu nk'uko byagendekeye Mukristo aha ngaha. »

Bageze hahandi Mukristo yahuriye na Bwoba ari kumwe na Mutiringira, bagashaka kumwemeza ko bakwiye guhunga intare, babona ikintu kimeze nk'ingazi, kandi imbere yacyo, hari ibati rinini ryanditseho iyi mirongo :

*Yemwe abari mu rugendo, iyi ngazi nibigishe,*

*Ko mukwiye kwitondera ururimi n'umutima byanyu*

*Kugira ngo ejo mutazagusha ishyano*

*Nk'iryagwiriye abagome babiri ba ntagaciro.*

Ahagana hasi hari handitse ngo :

*Iyi ngazi yubakiwe guhana abatinya  
urugendo ku bw'ubwoba no kutiringira.  
Ni kuri iyi ngazi Bwoba na Mutiringira baciriweho ururimi  
n'icyuma gishyushye, kubera kō bagerageje kubuza  
Mukristo gukomeza urugendo rwe.*

*Mbabazi* : Ibi birasa na ya magambo y'Ukundwa cyane ngo «Wa rurimi ruriganya we, azaguha iki, azakongera birutaho iki ? Ni imyambi ityaye y'intwari n'amakara y'umurotemu»(Zab.120.3-4).

Bakomeza urugendo, maze bagera ahateganye na za ntare. Ruzirabwoba yari umugabo w'ibigango, kandi ntiyatinyaga intare na mba. Bakizigeraho, ba bahungu bari imbere bacika intege, bashya ubwoba niko guhagarara maze basubira inyuma.

Umuherekeza abibonye aramwenyura niko kubabwira ati « Bana banjye, muri nka babandi se bafata iya mbere iyo nta cyago kiri mu nzira ariko babona intare bagakimirana ? » Bakomeza kuzegera nuko Ruzirabwoba akura inkota ye kugira ngo atambutse abagenzi intare. Ni bwo hatungutse umuntu wasaga n'ushinzwe kwita kuri izo ntare abaza Ruzirabwoba ati « Muje gukora iki hano ? »Uwo mugabo yitwaga Muhotozi kuko yacaga imitwe y'abari mu rugendo kandi akaba uwo mu bwoko bw'ibihanda . Ruzirabwoba aramusubira ati « Aba bagore n'aba bana bari mu rugendo kandi bagomba guca muri iyi nzira nubwo uyirimo n'izo ntare zawe. »

Mu by'ukuri rero iyo nzira yasaga n'iyasibamye. Abantu bari batakihanyura kubera gutinya izo ntare n'uwo murinzi wazo, ku burvo rero ibyatsi byari bitangiye kurenga kuri iyo nzira. Nuko Mukristo atera hejuru, ati «Ibihogere byarimo ubusa, abagenzi bagenda basesera mu tuyira tuziguye, ubwo nahagurukaga nk'umubyeyi mu Isirayeli »( Abac. 5 . 6-7).

Muhotozi arahira intare ze ko batari buhace, ndetse abategeka gusubira inyuma. Ariko Ruzirabwoba wari ubayoboye yiyahura kuri cya Muhotozi n'inkota ye aragitimbura maze icyo gihanda gisubira inyuma kivuga kiti «Murashaka se kunyicira n'iwanjye? » Ruzirabwoba ati « Turi mu nzira y'Umwami nubwo wayishyizemo intare, kandi nubwo aba bagore bafite intege nke, kimwe n'aba ba-



Rurizabwoba arwana n'intare

na, bagomba kuyinyuramo. »

Akivuga ibyo aragitikura kigwa gifukamyeye urugofero rwacyo rumenekamo kabiri. Arwongera iya gatatu iruca akaboka. icyo gihanda aho cyari kigaramye kiragonga cyane, ku buryo byateye ba bagore ubwoba, nyamara banishimiye ukuntu cyigaragura hasi gisambagurika. Intare zo zari ziziritse ku buryo zitashoboraga kugira uwo zigirira nabi. Muhotozi amaze kunogonoka, Ruzirabwoba abwira abagenzi, ati « Noneho nimuze munkurikire, ibyo binyamaswa nta cyo bibatwara .»

## 8. ABAGENZI BAKIRIRWA NEZA MU NYUMBANZIZA

Abagenzi bagera aho umunyarugi wa Nyumbanziza yabaga. Bihutira kugera yo kuko byari bikomeye kunyura muri izo nzira bwije.

Bageze ku rugi, ubaherekeje arakomanga, maze umunyarugi ati « Ni nde ? » Ruzirabwoba arasubiza ati « Ni jye .» Aba yamenye ijwi rye kuko butari ubwa mbere ahagera aherekeje abari mu rugendo.

Akingura ariko atabonye ba bagore, ati « Ni iki kikuzanye iki gihe Ruzirabwoba ? »

*Ruzirabwoba* : Mpererekeje abagenzi Databuja ampaye ngo bacumbike hano. Iyo ntahura n'igihanda cyunganira intare, mba nageze hano kare. Ariko nyuma y'intambara ikomeye nanesheje kandi mbasha kuzana aba bagenzi.

*Umunyarugi* : Ariko se wakwinjiye ukaruhuka ukazagenda ejo ?

*Ruzirabwoba* : Oya, ngomba kurara nsubiye imuhira kwa Databuja.

*Mukristokazi* : Yoo ! Mwene Da, sinzi niba nta gahinda udusiganye kuko tutarangijanyije uru rugendo, ariko watugiriye neza uraturwanirira kandi utugira inama nziza ku buryo ntazigera nibagirwa ubugwaneza bwawe.

*Mbabazi* : Ubu se tuzagira dute ? Abatindi babiri b'abagore nka twe tuzishoboza inzira irimo aka kaga kose koko, nta nshuti nta n'udutabara ? Iyaba wari uduherekeje kurinda turangiza urugendo.

Naho ka gahungu gato Yakobo karavuga kati « Rwose Mwene Data, gerageza urebe ko wakomeza kudukomeza. Turi abanyantege nke kandi ino nzira iraruhije .

*Ruzirabwoba* : Databuja ni we untegeka. Ambwiye ngo mbaherekeze kugera ku mpera y'urugendo, nabikorana umurava. Ariko byabacyeho ntimwansaba ngo mbaherekeze burundu, kandi aba yarabibemereye. Mbabazi, namwe ntwari bana banjye, ngaho murabeho!

Nuko wa munyarugi witwaga Ntagoheka, abaza Mukristokazi ibyerekeye igihugu cye n'umuryango we.

*Mukristokazi* : Mvuye mu murwa Rimbukiro. Nkaba ndi umu-



pfakazi kuko umugabo wanjye yapfuye, izina rye ni Mukristo, umugenzi.

Ntagoheka atera hejuru ati «Yee ! Mukristo yari umugabo wawe? »

Mukristokazi ati «Yee, kandi n'aba ni abana be, naho uriya (yerekana Mbabazi) tuva mu gihugu kimwe. »

Ntagoheka avuza inzogera, maze umukobwa w'inkumi witwaga Mwicishabugufi aza kumwitaba.

Ntagoheka ati «Genda umenyeshye abari mu nzu bose ko umugore wa Mukristo n'abana be bari mu rugendo, bakaba bageze hano. »

Ahita agenda asohoza ubwo butumwa. Akimara kubivuga, bitera hejuru kubera ibyishimo, maze bahita bihutira kuza kumureba aho yari agihagaze ku rugi bati « Injira Mukristokazi we, injira mugore w'intwari, injira wowe wahawe umugisha, injirana n'abo muri hamwe bose. »

Barinjira, babajyana mu cyumba kinini cyane ngo bicare. Umutware nyir'urugo atumwaho ngo aze abarebe anabaramutse. Hinjira n'abandi bantu benshi, barabahobera, n'ubwuzu bwinshi, barabawira bati « Murakaza neza, Miyoboro y'ubuntu bw'Imana ! Murakaza neza muri twe abanyu, inshuti zanyu zitaryarya. »

Ariko kubera ko abagenzi bari bananiwe bitewe n'urugendo rurerure, no kubona indwano ndende n'intare, bifuzaga kuruhuka dore ko bwari bwije. Abari aho bose bati « Oya, nimubanze murye akanyama. »

Bari babatekeye umwana w'intama n'umufa mwiza wabigenewe (Kuva 2.8 ; Yoh.1.29). Bamaze kurya no gusenga no gusoma zaburi basaba aho baruhukira. Kandi Mukristokazi asaba ko yajya mu cyumba umugabo we yaruhukiyemo ubwo yahanyuraga. Baherako barabajyana maze babashyira muri cya cyumba. Bageze mu buriri, Mbabazi na Mukristokazi batangira kuganira.

*Mukristokazi* : Ubwo umugabo wanjye yatangiraga uru rugendo, sinigeze ntekereza ko nazamukurikira.

*Mbabazi* : Nta n'ubwo watekerezaga ko wazaryama mu buriri bwe no mu cyumba yarayemo.

*Mukristokazi* : Nta n'ubwo natekerezaga kuzareba uruhanga rwe ukundi no kuzasingiza Umwami Imana turi kumwe nk'uko ubu

mbyemera.

*Mbabazi* : Umva ! Nta rusaku wumva ?

*Mukristokazi* : Ndarwumva. Ubanza ari indirimbo zo kwishimira ko twageze ino.

*Mbabazi* : Mbega ibintu byiza ! Indirimbo muri ino nzu, indirimbo mu mitima yacu, n'indirimbo mu ijuru kubera twebwe !

Baganira akanya gato, bageze aho barasinzira. Mu gitondo bakangutse, Mukristokazi abwira Mbabazi ati « Ni kuki iri joro wasekaga kandi usinziriye ? Ubanza warose neza ! »

*Mbabazi* : Ni byiza rwose, ariko se koko nasekaga ?

*Mukristokazi* : Cyane rwose ! Wasekaga n'umutima mwiza. Ariko se mbwira, ni iki warose ?

*Mbabazi* : Narose nicaye ahantu, ndi jyenyine, nitotombera cyane kwintangira k'umutima wanjye. Ntarahamara umwanya, mbona abantu benshi bankikije, bandeba, bumva n'ibyo mvuga. Nkomeza kwitotomba. Bamwe baranseka, abandi ngo ndi umusazi, maze nyuma abandi banyirukaho. Ndeba hejuru maze mbona umuntu ufite amaboko, aje ansanga. Ni ko kumbwira, ati « Mbabazi, ubabajwe n'iki ? » Amaze kumva amaganya yanjye, arambwira ati « Gira amahoro ! » Afata agatambaro ke maze ampanagura amarira, arangije arantaka na feza n'izahabu, arantaka ku ijosi no ku matwi, arangije anyambika ikamba ku mutwe. Maze amfata ukuboko, ati « Mbabazi ngwino tunganire ! » Aragenda ndamukurikira, tugera ku rugi rw'izahabu. Arakomanga, maze bakinguye, arinjira, ubwo nanjye ndamukurikira tugera ku ntebe y'Ubwami, maze uwari uyicayeho arambwira, ati « Urakaza neza mwana wanjye ! » Aho hantu habengeranaga cyane nk'inyenyeri cyangwa izuba, kandi ndibwira ko nahabonye umugabo wawe. Nuko mba ndakangutse. Ariko se koko nasetse ?

*Mukristokazi* : Wasekaga rwose kandi ni mu gihe kuko wari umeze neza. Izo nzozi ni nziza koko. Ubwo wabonye igice cya mbere cyuzuye n'icya kabiri urakibona. Imana ivuga rimwe kuri ubu buryo ubundi kuri buriya, kandi ntitubwitaho, ivugira mu nzozi, mu kubonekerwa nijoro, mu gihe abantu basinziriye cyane (Yobu 33. 14-15). Si ngombwa rero ko tuguma turi maso mu mubiri kugira ngo tuvugane n'Imana. Ishobora kudasura dusinziriye maze ikatwumvisha ijwi ryayo. Umutima wacu uhora uri maso n'iyo du-

sinziriyeye, maze Imana ikatuvugishiriza mu magambo, mu migani, mu bimenyetso no mu bitekerezo icyo turi maso.

*Mbabazi* : Nuko rero inzozo zanjye zirashimishije kandi nizeye ko zizaba zo bidatinze maze nkazongera ngaseka n'umutima wanjye wose.

*Mukristokazi* : Ngira ngo dukwiriye kubyuka kugira ngo tumenyeshwe icyo dukwiriye gukora.

*Mbabazi* : Nibadusaba kuguma hano akanya gato, rwose ndagubabuze tubyemere. Ndumva ntifuzaga kugenda tutamenyanye na bariya bakobwa. Ndabona Mwirinzi na Mwubahamana na Nyirarukundo, ari abanyabwenge, bafite n'igikundi.

*Mukristokazi* : Tuzaba tureba icyo bazatubwira. Bamaze kubyuka no kwambara, baramanuka nuko babazwa niba basinziriyeye neza.

*Mbabazi* : Nasinziriyeye neza cyane, mbese iri cumbi ni rimwe mu meza nabonye mu buzima bwanjye.

Nuko Mwirinzi na Mwubahamana niko kubabwira bati « Niba mukunze kuguma hano igihe gito, muzahabwa ku byiza byose bishobora kuboneka muri iyi nzu. » Nyirarukundo yungamo ati « Cyane rwose muzabihanwa umutima mwiza. »

Ba bagenzi barabyemera maze bahamara ukwezi kurenga, kandi kubana nabo aho bibagirira umumaro cyane.

Mwirinzi yifuzaga kumenya uburyo Mukristokazi arera abana be, maze amusaba uburenganzira bwo kubabaza. Undi arabumwemereye. Maze atangirira ku muto muri bo ati « Yakobo, ngwino hano ! Ushobora kumbwira uwakuremye ? »

*Yakobo* : Imana Data, Imana Umwana, Imana Umwuka Wera.

*Mwirinzi* : Nuko mwana wanjye ! Wambwira se uwagukijije ?

*Yakobo* : Imana Data, Imana Umwana, Imana Umwuka Wera.

*Mwirinzi* : Ni byiza cyane ! Ariko se Imana Data yagukijije ite ?

*Yakobo* : Ku bw'imbabazi zayo.

*Mwirinzi* : Naho se Imana Umwana ?

*Yakobo* : Ku bwo gukiranuka kwe, urupfu rwe, amaraso n'ubugingo bwe.

*Mwirinzi* : Naho Imana Umwuka Wera agukiza ate ?

*Yakobo* : Ku bw'urumuri rwe no kuvugurura kwe ndetse no kuri-nda kwe.

Maze Mwirinzi abwira Mukristokazi ati « Ukwiye gushimwa

kubera uburyo urera abana bawe ndakeka ko ntakeneye kubaza ibi bibazo abandi, ubwo umuto muri bo ashoboye kubisubiza neza aka kageni. Reka noneho nibwirire ubanziriza bucura. Ngwino Yoze, nkwiabarize ! Urabishaka ? »

*Yozefu* : N'umutima wanjye wose.

*Mwirinzi* : Umuntu ni iki ?

*Yozefu* : Ni ikiremwa gifite ubwenge, cyaremwe n'Imana nk'uko murumuna wanjye yabivuze.

*Mwirinzi* : Ijambo gukizwa risobanura iki ?

*Yozefu* : Risobanura ko kubera icyaha, umuntu ubwe yishyize mu buroko no mu kaga gakomeye.

*Mwirinzi* : Bivuga iki gukizwa n'Ubutatu ?

*Yozefu* : Bivuga ko icyaha gikomeye cyane kandi kikaba n'umwicanyi w'igihangange, ku buryo nta muntu wacyigobotoramo, uretse Imana kandi ko Imana ari nziza kandi ikaba idukunda cyane ku buryo idukura muri ako kaga kameze gatyo.

*Mwirinzi* : Imana se iba ifite uwuhe mugambi icyo ikiza abo batindi b'abantu ?

*Yozefu* : Iba igira ngo izina ryayo, ubuntu bwayo, n'ubutabera bwayo bihimbazwe, kandi ikiremwa cyayo kigire umunezero iteka.

*Mwirinzi* : Ni bande bagomba gukizwa ?

*Yozefu* : Abemera agakiza ke.

*Mwirinzi* : Ibisubizo byawe Yozefu ni byiza. Nyoko yakwigishije neza kandi warabyumviye.

Nuko Mwirinzi ahamagara Samweli w'ubuheta muri abo bahungu.

*Mwirinzi* : Ngwino Samweli ...! Urashaka ko nkubaza nawe ?

*Samweli* : Cyane rwose.

*Mwirinzi* : Ijuru ni iki ?

*Samweli* : Ni ahantu n'ukuntu umuntu yumva amereye neza kubera ko ari kumwe n'Imana.

*Mwirinzi* : Umuriro ni iki ?

*Samweli* : Ni ahantu n'ukuntu umuntu yumva amereye nabi, bitewe nuko hari indiri y'icyaha, ya Satani, n'iy'urupfu.

*Mwirinzi* : Ni kuki ushaka kujya mu ijuru ?

*Samweli* : Kugira ngo ndebe Imana kandi nyikorere igihe cyose, no kugira ngo ndebe Kristo maze mukunde iteka ryose, kandi no

kugira ngo ngire muri jye kuzuzwa Umwuka Wera ntabasha kugirira kuri iyi si.

*Mwirinzi* : Nawe ushubije neza cyane kandi wafashe rwose inyigisho wahawe.

Maze noneho *Mwirinzi* ahamagara uw'imfura witwaga Matayo ati « Ngwino Mata... ! Nshobora kukubaza nawe ? »

*Matayo* : Cyane rwose.

*Mwirinzi* : Ndakubaza niba hari umuntu cyangwa ikintu cyabayeho mbere y'Imana ?

*Matayo* : Nta cyo, kuko Imana ari Uwiteka nta kindi kintu cyabayeho uretse yo, kugeza ubwo umunsi wa mbere wabayeho. Kuko « Mu minsi itandatu, Imana yaremye ijuru, isi, inyanja, n'ibirimo byose .»

*Mwirinzi* : Utekereza iki kuri Bibiliya ?

*Matayo* : Ni Ijambo ryera ry'Imana.

*Mwirinzi* : Ushobora gusobanukirwa n'ibiyirimo byose ?

*Matayo* : Oya, harimo byinshi ntumva.

*Mwirinzi* : Ukora iki iyo ugeze aho utumva ?

*Matayo* : Mpita ntekereza ko Imana indusha ubwenge, nkayisaba kumpa kumenya ibimfitiye umumaro.

*Mwirinzi* : Utekereza iki ku kuzuka kw'abapfuye ?

*Matayo* : Nemera ko abapfuye bazazukana ubumuntu bwabo, ariko bwarakijijwe uburiganya. Ibyo ndabyemera kubera impamvu ebyiri. Iya mbere ni uko Imana yabisezeranye, iya kabiri ni uko ifite ubushobozi bwo kubikora.

Nuko *Mwirinzi* abwira abo bahungu ati « Mukwiye guhora mwumvira nyoko kuko azakomeza kubigisha ibintu byinshi. Mukwiye no gutega amatwi ibyiza byose muzigishwa n'abandi. Kandi mwitegereze neza ibyo isi n'ijuru bibigisha, ariko cyane cyane mutekereze kuri cya gitabo cya mbere cyabereye so intandaro yo gutangira uru rugendo . Naho jyewe, bana banjye, nzabigisha ibyo nshoboye byose mukiri hano, kandi nzishima nimumbaza ibibazo byo kubakomeza. »

## 9. MBABAZI ACA INTEGE UMUSORE URIMASO. MATAYO ARWARA CYANE AVURWA N'AMARASO YA KRISTO

Hashize icyumweru, haza umugabo aje gusura Mbabazi avuga ko yifuza kumugirira neza. Uwo mugabo yitwaga Urimaso, akaba yari yarize kandi akiyita umunyedini nubwo yikundiraga iby'isi. Aza kenshi gusura Mbabazi, ndetse anamubwira ibyo kuzamurongora. Mbabazi yari mwiza cyane bitangaje. Buri gihe yabaga akora uturimo twe bwite cyangwa aboha imyenda yo guha abata-yifite.

Urimaso ntiyari azi icyo ayimaza, ariko yatangazwaga no kutigera abona yicaye ubusa, aribwira ati « Yewe ! Azaba umugore mwiza w'urugo ! »

Mbabazi abibwira abakobwa bari aho mu rugo, nuko ababaza neza iby'uwo mugabo Urimaso. Kuko bari bamuzi neza kumuru-sha, bamubwira ko ari umusore w'umunyamwete wiyita umunyedini, ariko bongeraho ko batinya ko nta sano agirana n'ukuri.

Mbabazi aravugaga ati « Noneho rero sinzongera kumwitaho, kuko nta cyo nshaka ko cyabera ubugingo bwanjye ikigusha. »

*Mwirinzi* amugira inama yo kutamwirukanisha amagambo, ko ahubwo agomba gukomeza gukorera abakene maze akazareba ko uwo muhungu atiyirukana ubwe.

Agarutse, asanga nyamukobwa akora wa murimo yageneye abakene, maze aramubwira ati « Yee he ! Ese ukora ibintu bimwe iteka ? »

*Mbabazi* : Yee, rimwe ndikorera, ubundi ngakorera abandi.

*Urimaso* : Ubwo se ubona gihembo ki ku munsi ?

*Mbabazi* : Ibi mbikorera kugira ngo ngwize imirimo yanjye myiza, bityo nirundire ubutunzi buri ku rufatiro rukomeye, kugira ngo mbone ubugingo nyakuri (1 Tim. 6.18-19).

*Urimaso* : Ndakwinginze mbwira ikintu umaza ibyo bintu.

*Mbabazi* : Mbyambika abambaye ubusa.

Yumvise ayo magambo, ahita ahinduka ku buryo atongeye kugaruka kumureba na rimwe. Abamubajije impamvu, akababwira ko Mbabazi ari umukobwa mwiza, ko ariko afite ibitekerezo biteye ubwoba.

Aho agendeye, Mwirinzi niko kubwira Mbabazi ati «Sinari nakubwiye ko Urimaso atazatinda kukureka? Kuko ubwo yasaga n'ufite igisa n'idini cyangwa se n'urukundo afitiye Mbabazi, nta gasano na mba we yagiranaga n'imbabazi ku buryo atabasha kubana na zo.»

*Mbabazi*: Mba nararongowe kera, ariko abanshakaga bakanga ibitekerezo byanjye nubwo nta cyo banengaga ku mico yanjye. Bityo rero ntitwumvikane.

*Mwirinzi*: Umuntu nka Mbabazi, muri iki gihe, arasuzuguritse, ntiyitaweho cyane kimwe n'ukuri gukubiye mu izina rye, abantu bake ni bo bakora ibyo iryo zina ryawe rivuga.

*Mbabazi*: Nuko rero, niba nta muntu n'umwe unshaka, nzipfira ndi ingaragu, cyangwa se ibitekerezo byanjye bizambere umugabo, kuko ntashobora guhindura kamere yanjye, sinshaka na rimwe umugabo ufite ibitekerezo bidahuje n'ibyanjye. Nari mfite mwene mama, witwaga Umugiraneza, aza kurongorwa n'umuntu utagira uburere, maze ntibumvikana na rimwe, bitewe nuko yari yariyemeje kuguma uko yatangiye, ni ukuvuga kugwa neza ku bakene. Uwo mugabo yamukobeye mu ruhame, nyuma aramusenda.

*Mwirinzi*: Kandi ubwo nyamara yagaragaraga nk'ukunda Imana.

*Mbabazi*: Cyane! Yari nka bene ba bakristo ubona bese!

Hagati aho umuhungu w'imfura wa Mukristokazi witwaga Matayo ararwara. Amara yaramubabazaga cyane, ku buryo rimwe na rimwe yumvaga asa n'ayiboha. Hafi aho hakaba umuganga uzwi cyane witwaga Mubashankwaya. Mukristokazi aramutumira ngo aze amusuzume. Amaze kumusuzuma, avuga ko arwaye igitabazi. Nuko ni ko kubaza nyina ati «Matayo uyu amaze iminsi aya biryo ki?» Mukristokazi ati «Nta kindi kitari ibiryo byiza bisukuye.» Ariko muganga yongeraho ati «Uyu mwana yariye ikintu igifu cye kitabasha gusya, kandi nticyasohokamo atabonye umuti. Ni ngombwa kumwina kuko bitabaye ibyo yapfa.»

Nuko Samweli yitera hejuru ati «Mama, aho si urubuto Matayo yaciye tukimara kurenga ubwinjiriro bw'iyi nzira? Ntimwibuka ko hirya y'urukuta ahagana ibumoso hariyo umurima w'imbuto ariko izo mbuto zigatendera ku rukuta hanze. Matayo ntiyacyiyeho akirira?»

*Mukristokazi*: Ni byo koko mwana wa! Uyu mwana yarazifashe

arazirya koko, naramubujije ariko ntiyumva.

*Mubashankwaya*: Nabonaga ko yariye ikintu kibi, ndetse agomba kuba yarariye urubuto rwica vuba kurusha izindi, ubwo ni urubuto rwo mu ruzabibu rwa Sekibi. Ntangajwe cyakora no kubona nta wababuriye, kuko abenshi mu baziriyeho zabishe.

Nuko Mukristokazi atangira kurira avuga ati «Ye baba! Mbega icyaha! Shyuu! Mbega uburangare bwanjye! Ubu se namukorera iki?»

*Mubashankwaya*: Wicika intege, komera. Uyu muhungu ashobora gukira ahiswe kandi akaruka.

*Mukristokazi*: Ndakwinginze, muganga ukore n'ibidashoboka, ariko akire, uzance ibyo ushaka byose.

*Mubashankwaya*: Oya, nzaguca ibikwiriye.

Nuko amushakira ibyo kumuhitisha, ariko ntibyagira umumaro, ngo byari bikoze mu maraso y'isekurume y'ihene, n'ay'inka y'iriza, n'amazi y'ubugingo (Heb. 9.13-19; 10.1-14). Abonye ko uwo muti udashoboye gukiza umurwayi we, noneho akora undi mu mubiri n'amaraso bya Kristo (Yoh. 6.54-57; Heb. 9.14).

Ntuzi se ko abaganga bategeka abarwayi imiti y'igitangaza? Uwo muti wo wari ukoze mu buryo bw'ikinini, ukaba warimo isezera no rimwe cyangwa abiri hamwe n'akunyu gakwiriye (Mar. 9.49). Matayo yagombaga kuwunywa atariye, awunywesha igice cy'ikirahuri cy'amarira yo kwihana.

Aho umuti ubonekeye, bawuzanira wa muhungu, ariko umunani- ra kuwumira nubwo yaribwaga cyane.

*Mubashankwaya*: Ihangane, kuko ni ngombwa kuwunywa.

*Matayo*: Urantera iseseme.

*Mukristokazi*: Ugomba kuwunywa.

*Matayo*: Ndawuruka.

*Mukristokazi*: Mbwira mugaga..., uwo muti umeze ute?

*Mubashankwaya*: Nta buryohé cyangwa ububihe ufite.

Nuko Mukristokazi afata ikini kimwe yishyira ku munwa, niko kuvuga ati «Yoo, Mata! Uno muti uraryohereye kurusha ubuki. Rwose girira nyoko na barumuna bawe, unywe uyu muti.»

Matayo abanza gusabira uwo muti umugisha, maze aherako arawumira. Amaze kuwunywa arahitwa, araruka, nyuma yumva

amerewe neza. Aza kumva agashyuhe kamuzamukamo, ku buryo ububabare bwe bwayoyokanye n'icyuya yabize.

Hashize akanya gato arahaguruka, yicumba akabando, maze akajya muri buri cyumba kuganira na Mwirinzi na Mwubahamana na Mbabazi abatekerereza iby'indwara ye n'uko yayikize. Aho akiriye neza, Mukristokazi abaza Mubashankwaya, ati « Ubu se nkwiriye kuguha iki kubera ibyo wakoze ? »

Mubashankwaya aramusubiza ati « Uzishyura Umukuru w'Inama y'ubuvuzi, nk'uko amategako abiteganya. »

Mukristokazi : Ariko se, Mutware, ibi binini ntibishobora kuvura izindi ndwara ?

Mubashankwaya : Ni umuti uvura indwara zose zashobora gufata abari mu rugendo, kandi ukoze neza kandi ushobora kubikwa ugakoreshwa ibihe byose.

Mukristokazi : Noneho rero, ndakwinginze, nkorera udupaki cumi na tubiri tw'ibi binini kuko ntifuza kuzagira indi miti nywa.

Mubashankwaya : Ibi binini ni byiza kuko birinda indwara kandi bikanazivura. Ndetse umuntu ubikoresheje neza bimubeshaho iteka ryose (Yoh. 6.51). Ariko rero nshuti yanjye Mukristokazi, ugomba kunywa uyu muti nk'uko nabikubwiye, kuko n'utabigenza utyo ntacyo uzakumarira.

Mubashankwaya aherako amuha ibinini bye bwite, iby'abana n'ibya Mbabazi. Yihanangiriza Matayo ngo ntazongere kurya imbuto mbi, maze amusezeraho.

Muribuka ko Mwirinzi yari yasezeraniye ba bahungu mu gihe babyifuza, ko bashobora kumubaza ibibazo bibafitiye umumaro, ko azabasubiza. Nuko rero Matayo wari urwaye aramubaza ati « Ni kuki ino miti idusharirira mu kanwa ? »

Mwirinzi : Ni ukwerekana ukuntu Ijambo ry'Imana n'ibyaryo byose byakirwa nabi n'umutima wa kamere.

Matayo : Ni kuki umuti ufite akamaro, uhitisha kandi ukanarukisha ?

Mwirinzi : Ni ukwerekana ukuntu Ijambo iyo rikoze ku mutima riwutunganya rikaweza. Kuko urebye ibyo umuti ukorera umubiri, Ijambo ry'Imana ribikorera ubugingo.

Matayo : Naho ikirimi cy'umuriro kizamuka mu kirere n'imirasire y'izuba imanuka ikagera ku butaka, byo bitwigisha iki ?

Mwirinzi : Ikirimi cy'umuriro kizamuka kitwigisha ko dukwiye kuzamuka, tukagana mu ijuru dufite ubushake bugurumana kandi bwemera. Naho imirasire y'izuba igirira isi neza, bitwigisha ko Umukiza w'isi nubwo ari hejuru cyane, atumanuriraho ubuntu n'urukundo bye.

Matayo : Amazi y'ibicu ava he ?

Mwirinzi : Ava mu nyanja.

Matayo : Biratwigisha iki ?

Mwirinzi : Ko abakozi b'Imana bagomba kuyoborwa na yo.

Matayo : Ni kuki ibicu byikamurira ku isi ?

Mwirinzi : Byerekana ko abakozi b'Imana bagomba gusesekaza aho bari hose ibyo bigishijwe na yo.

Matayo : Ni kuki izuba rizana umukororombya ?

Mwirinzi : Ni ukwerekana ko amasezerano y'ubuntu bw'Imana akomejwe muri Kristo.

Matayo : Ni kuki amasoko asakaye ku isi akomoka ku nyanja ?

Mwirinzi : Kugira ngo twigishwe ko ubuntu bw'Imana tububona ku bw'umubiri wa Kristo.

Matayo : Ni kuki amasoko amwe aba mu mpinga z'imisozi ?

Mwiringizi : Ni ukugira ngo herekanwe ko Umwuka w'ubuntu uzasesekara mu mitima y'abakeri n'aboroheje.

Matayo : Biterwa n'iki ko urumuri rufata ku rutambi rw'itara ?

Mwirinzi : Ni ukugira ngo herekanwe ko ubuntu bugomba kwaka mu mitima yacu niba dushaka kugira urumuri nyakuri rw'ubuzima.

Matayo : Ni kuki urutambi n'amavuta bigenda bishira kugira ngo urumuri rw'itara rubeho ?

Mwirinzi : Ni ukugira ngo herekanwe ko umubiri n'ubugingo ndetse n'ikiremwa cyose bigomba kwitanga kugira ngo bibashe gukomeza ubugingo bw'Imana muri twe.

Matayo : Ni kuki ikinyoni cyitwa nyirarugabo cyikomeretsa agatuza n'umunwa wacyo ?

Mwirinzi : Ni ukugira ngo kigaburire amaraso yacyo abana bacyo. Ibyo bikatwereka ko Kristo akunda cyane abana be, ubwoko bwe, ku buryo abacunguza amaraso ye, akabakiza urupfu.

Matayo : Kubika kw'isake kwatwigisha iki ?

Mwirinzi : Kwibuka icyaha no kucyihana nk'uko Petero yabigenje. Uko kubika kandi kutubwira ko bukeye kujye gutuma utekere-

za kuri wa munsu uteye ubwoba, umunsu wa nyuma w'urubanza !

Nyuma y'ukwezi abari mu rugendo bamenyesha ba nyir'inzu ko bumva bakwiriye kugenda. Noneho Yozefu abwira nyina, ati « Nti-wibagirwe gutuma kuri Musobanuzi ngo atwoherereze Ruzirabwoba kugira ngo aduherekeze mu rugendo rusigaye. » Mukristokazi abwira Yozefu ati « Mwana wa, uzi ko nari mbyibagiwe ! »

Yandika akandiko maze agaha umunyarugi ngo arebe umuntu yizeye ko akamugereza kuri Musobanuzi. Aho Musobanuzi akabonye, amaze no kugasoma, atuma ukazanye ngo agende ababwire ko azamubohereza.

Nuko bene urugo babonye ko Mukristokazi ashaka kugenda, batumiza abarutuyemo bose ngo bashimire Umwami wabo kuba yarabohereje abashyitsi beza kandi bafite umumaro Nuko babwira Mukristokazi bati « Nk'uko ari akamenyero ku bagenzi bose banyuze hano, turashaka kubereka ibintu muzajya mutekerezaho igihe mugenda. »

Baherako bajyana Mukristokazi n'abana be na Mbabazi mu cyumba, ni ko kubereka itunda risa na rya rindi Eva yariye, akarihaho n'umugabo we, maze rigatuma birukanwa muri Paradizo ; niko kubabaza rero bati « Murabitekerezaho iki ? »

Mukristokazi ati « Sinzi niba ari ibyo kurya cyangwa ari uburozi. » Baherako barabimusobanurira (Itang. 3.1-6, Rom.7.20). Mukristokazi biramutangaza, maze yerekeza ibiganza bye mu ijuru. Babajyana noneho ahantu maze babereka urwego rwa Yakobo, abamarayika bari barimo bazamukaho (Itang.28.12). Birabashimisha cyane kureba ukuntu abamarayika bazamuka . Bashatse kubajyana kubereka ibindi bintu, Yakobo abwira nyina ati « Basabe tube tugumye hano akanya, kuko hari ibyiza biteye amatsiko. »

Bongera kwihera ijisho. Hanyuma babajyana ahantu hamanitse umubumbe w'izahabu maze basaba Mukristokazi kuwufata; kuko byari ngombwa cyane ko bawujyana bakawushyira mu mwenda w'ubwato ku buryo umuhengeri nuzi utazabahunzabanyanya (Heb.6.19). Arabyishimira cyane.

Bongera kubajyana kuri wa musozi Aburahamu yari agiye gutambiraho Isaka igitambo babereka uruhimbi, n' umuba w'inkwi, n'umuriro, n'isezerano, kuko na n'ubu biboneka. Bamaze kubireba neza, bazamura ibiganza maze bashima Imana cyane, bagira bati

« Mbega ukuntu Aburahamu yakundaga Shebuja, mbega n'ukuntu yari afite umutima wo kwitanga ! »

Bamaze kubona ibyo byose Mwirinzi abinjiza mu cyumba bariramo, niko gutangira kubacurangira inanga, anabaririmbira agira ati :

*Mwa bwoko bukiranuka mwe nimunyumve  
Muze aho ndi twifatanye  
Kandi imitima yanyu yuzuye imbaraga nshya  
Indirimbo zayo zigere mu marembo y'ijuru.*

*Yee mubisubiremo musimbagizwa n'ibyishimo  
Kugira ngo buri munsu muhabwe  
Ibyiza byinshi by'ubutunzi bunejeje  
Butangwa n'Umwami ukomeye mukorera.*

Bakiri muri ibyo, umuntu arakomanga. Umunyarugi arakingura, nuko babona ni Ruzirabwoba . Amaze kwinjira, ibyishimo birabasaga, kuko abagenzi bari bacyibuka ukuntu yabakijije cya gi-handa hamwe n'intare. Maze abwira Mukristokazi na Mbabazi ati « Databuja yoherereje buri wese muri mwe icupa rya vino, n'impeke zikaranze, hamwe n'imicungwe ibiri, naho abana abohereje imbuto ziryohereye cyane, zirimo n'imikeri, kugira ngo mugende mwibobezza imihogo. »

Batangira kugenda bose, Mwirinzi na Mwubahamana barabahe-rekeza.

Bageze ku rugi, Mukristokazi abaza Ntagoheka umunyarugi niba nta muntu uheruka kuhanyura. Ntagoheka aramusubiza ati « Hanyuze umuntu umwe vuba aha, ari bwo yambwiraga ko habayeho kwibwa gukomeye mu nzira y'Umwami muza kunyuramo, ariko ngo abajura barafashwe, kandi ngo bazacirwa urubanza. »

Mukristokazi na Mbabazi batangira kugira ubwoba, ariko Matayo aravugaga ati « Mama, ntukwiye kugira ubwoba, igihe cyose turi kumwe na Ruzirabwoba aduherekeje. »

Nuko Mukristokazi abwira uwo munyarugi ati « Mwene Da ! Sinzibagirwa ubugwaneza wangiriye kuva nagera aha, njye n'abana banjye. None sinzi icyo naguhemba. Ndakwinginze akira

aka kantu ni ikimenyetso cy'icyubahiro ngufitiye. »

Amupfumatiza agashusho k'umumarayika gakoze mu izahabu nsa. Nuko Ntagoheka aramwunamira cyane, niko kumubwira ati « Imyenda yawe iragahora yera, kandi umutwe wawe ntukabure gusigwa (Umubw. 9.8). Arakabaho Mbabazi iteka ryose ibikorwa bye bigwire ! »

Nuko abwira ba bahungu ati « Ntimwishinge ibinezeza byo mu busore, ahubwo mushake ukuri, ukwizera, urukundo n'abambaza. Imana bafite umutima ukeye (2Tim. 2.22). Bityo muzatera nyoko ibyishimo, kandi abanyakuri bose bazabashima. »

Nuko bagenda bishimiye uwo munyarugi.

## 10. ABAGENZI BAMBUKA IKIBAYAMUCISHABUGUFI N'ICY'IGICUCU CY'URUPFU. RUZIRABWOBA YICA IGIHANDA MUNOGOZI

Nuko mbona muri izo nzozi zanjye abari mu rugendo bakomeje inzira, kugera mu mpinga y'umusozi. Bahageze, Mwubahamana atera hejuru ati « Yebaba we ! Nibagiwe ikintu nashakaga kwihera Mukristokazi na bagenzi be. » Nsubiyeyo kukizana.

Agenda yirukanka. Muri icyo gihe atari ahari Mukristokazi asa n'uwumvise ijwi ry'indirimo, ngo :

*Koko Mana, ubuntu bwawe ni bwo bundagira bukindinda.*

*Iteka ryose ijisho ryawe rirankurikira*

*Iteka ryose riranyobora,*

*Kandi rindinda kugwa mu mutego uwo ariwo wose.*

Ateze ugutwi neza yongera gusa n'uwumva irindi risubiza riti :

*Kandi Nyagasani turaje ngo twibere*

*Mu gicucu cy'ubuntu bwawe budashira,*

*Akira ubugingo bwacu bwose,*

*Kuko twifuzaga kuburekera mu biganza byawe.*

Nuko Mukristokazi abaza Mwirinzi uririmba uwo ariwe. Mwirinzi aramusubiza ati « Ni inyoni zo muri iki gihugu cyacu. Ayo majwi ziyaririmba rimwe na rimwe mu gihe cy'umukamuko, indabyo zitangiye kurabya, ku gihe cy'agacyo n'agashyuhwe k'izuba, ni bwo rero ushobora kuzumva umunsi wose (Indir. 2.11-12). Kenshi njya hanze ngo nzumve ndetse tuzishyira no mu mazu. Rwose zitumara umubabaro kandi zibera umutako ibiti n'amashyamba ndetse n'ahantu hadatuwe. »

Muri ako kanya, Mwubahamana aba araje, niko kubwira Mukristokazi ati « Reba nkuzaniye urutonde rw'ibintu byose wabonye iwacu, mu gihe uzumva wabyibagiwe, ujye urebaho bizajya bikugarukamo maze bigukomeze. »

Batangira kumunuka umusozi, ku ruhande rwerekeranye n'ikiba-

ya Mucishabugufi. Haramanukaga cyane kandi hanyerera, ariko babasha kuhivana amahoro. Bamaze kuhamanuka, Mwubahamana abwira Mukristokazi ati « Aha ni ho umugabo wawe yahuriye n'umwanzi we Apolowoni maze aharwanira inkundura nk'uko ugomba kuba warabyumvise. Ariko ukomere kuko igihe cyose uzaba uri kumwe na Ruzirabwoba uzagenda neza. »

Mwirinzi na Mwubahamana bashinga abagenzi uwari ubashoreye, maze niko kwigendera. Ruzirabwoba yari imbere naho Mukristokazi na Mbabazi bamukurikiye. Aherako arababwira ati « Ntitugomba gutinya iki kibaya, kuko nta kaga kazatugeraho uretse twakikururira. Ni koko Mukristo yahuriye na Apolowoni hano, ariko byatewe nuko yari yamanutse nabi kuri uyu musozi. Abawumanutseho bose bagomba kwitegura kurwana intambara. Ni naho izina ry'umubabaro ryitiriwe iki kibaya ryavuye, kuko abantu ba rubanda rwa giseseka iyo bumvise ko hari umuntu wakigiriye-mo akaga bahita bibwira ko ari ikibaya cy'umwanzi ukomeye cyangwa se umuzimu mubi, kandi nyamara ari ukubera ibyo baba barabanje gukora. Iki kibaya Mucishabugufi ni ikibaya nk'ibindi byose, kandi nzi neza ko nitwitonda turabona impamvu yatumye Mukristo ahababarizwa. »

Nuko Yakobo abwira nyina, ati « Reba kuri iriya nkingi sinzi ibyanditseho ; reka tujye kubireba. »

Bajyayo maze basomaho aya magambo ngo :

*Intambwe zihuzagurika Mukristo  
yabanje gutera mbere yuko agera hano,  
n'intambara ikomeye yarwaniye muri iki cyanya,  
bizabere imbuzi abazanyura hano bose .*

Ruzirabwoba arababwira ati « Ntimureba ! Sinari nababwiye ko tuza kubona impamvu ya ya ntambara Mukristo yarwanye ? »

Maze ahindukirira Mukristokazi, niko kumubwira ati « Nta gisebo kuri Mukristo, cyangwa ku bandi babaye nka we, kuko byoroshye kuzamuka uyu musozi kurusha kuwumanuka, kandi nta misozi myinshi nka wo iba ino ! Ariko Mukristo tumwihorere kuko ni umugabo, ubu akaba aruhuka kuko yanesheje umwanzi we ukomeye. Ahubwo Isumbabyose iturinde akaga kabi katugwirira

turamutse tugeragejwe nka we ! Tugarutse ku by'ikibaya Mucishabugufi, ni ubutaka buruta ubundi mu bwiza no mu kurumbuka muri aka karere. Ngira ngo muribonera ko itaka rikize ku ifumbire kandi rikaba rikomeye cyane cyane mu byanya, ndetse umuntu wahaba mu ki nkatwe, atigeze yumva bahavuga, yashimishwa no kuhareba. Nimwirebere ukuntu iki kibaya gitoshye, n'ukuntu gitatswe n'iriya myangange (Indir. 2.2) ! Nzi abantu benshi baremerewe n'imibabaro kandi bari bafite amasambu muri iki kibaya cya Mucishabugufi. Kuko Imana irwanya abibone naho abicisha bugufi ikabahera ubuntu (1Pet.5 .5). Ni ubutaka bwera imyaka myinshi cyane, ndetse abenshi bifuzako Ingoro y'Umubyeyi wabo yaba hafi aha, kugira ngo baruhuke imisozi n'udusozi bibavuna burira, ariko inzira aba ari inzira kandi hakabaho n'itege igomba kugerwaho . »

Mu gihe bagendaga, baganiraga babona agahungu karagiye intama za se. Kari kambaye utwenda twanduye, ariko ko ubwako kasaga neza kandi gateye amabengeza ; kari kicaye karimo kuririmba.

Ruzirabwoba ati « Nimwumve ibyo uwo mwana w'umushumba aririmba ! »

*Iyaba bambazaga ibyiringiro byanjye,  
Nasubiza ko ari ukujya mu ijuru.  
Ubugingo bwanjye bwuzuye ishimwe  
Kubera ko Imana yabushyize mu bahire.*

*Ni koko amahoro ya Yesu ni ay'ubugingo bwanjye ;  
Yee, urukundo rwe rwankijije urupfu ;  
Kandi aho mwiwambarije hose ijwi rye riransubiza,  
Kubera ko mu bihe byose nabonye agakiza ke.*

*Reba ukuntu ngenda mva mu buzima bw'iyi si ;  
Buri gihe nyuzwe kandi nduhutse.  
Iyo ngize agahinda ngatura Imana ;  
Kandi inkiza ibibi byose iyo indebye.*

Ruzirabwoba arababwira ati « Mwamwumvise ? Sinatinya kuvuga ko kariya gahungu kanezerewe cyane kurusha abambaye



imyenda y'igicro ndetse muri ko hakaba hari cya cyatsi cyitwa 'Munezero w'ubugingo'. Ariko reka tugaruke ku kiganiro cyacu. Muri iki kibaya ni ho Databuja yari afite inzu aruhukiramo, yakundaga cyane kuhaza. Yanakundaga kugendagenda cyane muri ibi byanya kubera umwuka waho wamuberaga mwiza cyane. Aha ni ho umuntu yakwihisha iminaniro n'imiruhu byo mu buzima. Mu gihe ibihugu byose byuzuye imiborogo bitazi iyo bijya, ikibaya Muci- shabugufi cyo cyibereye cyonyine mu mahoro. Uwashaka yaharu- hukira bitamuteye ubwoba, kuko nta muntu uhanyura uretse abari mu rugendo. Kandi nubwo Mukristo yagombye kuharwanira na Apolowoni intambara ikomeye, nababwiye ko mbere ye abantu bahahuriye n'abamarayika (Hos.12.4-5), bahabonye imaragarita (Mat.13.46), ndetse n'amagambo y'ubugingo (Zab.119.25,71). Sinababwiye ko Databuja yari afite inzu ye y'ikiruhuko hano; ko ndetse yakundaga gutembera muri ibi byanya? Ndetse ahubwo nakongeraho ko yageneye abamukunda aha hantu, agahembo ka buri mwaka ko gutuma baguma mu nzira nziza no kubakundisha urugendo (Mat.11.29).

Mu gihe bakigenda Samweli abaza Ruzirabwoba ati « Ko nzi ko Data na Apolowoni barwaniye muri iki kibaya, ni hehe rwose intambara yabereye? »

Ruzirabwoba ati « Iso yakubitiye Apolowoni imbere hariya, mu nzira ifunganye iri inyuma y'akanyatsi Mazinda. Ni ho hantu habi kurusha ahandi muri aka karere. Buri gihe cyose abari mu rugendo benda kuhagwa iyo bibagiwe ubuntu bagiriwe kandi batabukwiye. Abantu benshi kandi barahageragerejwe, kuko hari ikimenyetso cyemeza ko habereye intambara. »

Nuko Mbabazi aravuga ati « Hano hantu handutiye ahandi hose, mbese hanejeje ubugingo bwanjye. Nkunda kwibera ahantu hatari urusaku rw'amamodoka. Hano umuntu yabasha gutekereza icyo ari cyo, ntakimuhungabanya, aho yavuye, icyo akora, n'icyo Umwami Imana yamuhamagariye. Umuntu abasha kugira umutima umenetse kandi akagwa neza kugeza ubwo inkesha zo mu maso ye zimera nk'ibidendezi by'i Heshiboni (Indir.7.4). 'Abambuka iki gikombe cya Baka bagihindura ahantu h'amasoko' kandi imvura Imana yohereza abakirimo inabambika imigisha (Zab.84.7). Imizabibu yo muri iki gikombe ni yo Umwami azakomorerera abe (Hos.2.15),

kandi abacyambuka baririmba nk'uko Mukristo yaririmbye nubwo yari yahuye na Apolowoni. »

Ruzirabwoba ati « Ibyo ni byo. Ni kenshi nambutse iki kibaya ariko nta handi nigeze numva merewe neza nka hano. Naherekeje abagenzi benshi, ariko bese ni ko bavuga. 'Dore Uwo nitaho, ni ko Uwiteka avuga, ni umukene ufite umutima umenetse agahindishwa umushyitsi n'Ijambo ryanjye' (Yes.66.2). »

Ubwo baba bageze aho Mukristo yarwaniye ya ntambara nuko Ruzirabwoba abwira Mukristokazi n'abana be na Mbabazi ati « Ngaha aho Apolowoni yafatiye Mukristo. Nimurebe udutonyanga tw'amaraso y'umugabo wawe twasigaye kuri ariya mabuye. Umuntu anabona hirya no hino uduce tw'imyambi y'Apolowoni yavunaguritse. Aho ibirenge byabo byakandagiye haracyagaragara ku itaka, kuko mu gihe barwanaga, buri wese yashakaga kuganza undi, ku buryo banasataguye amabuye. Mbese rwose Mukristo yahabaye umugabo na Samusoni ubwe ntiyabasha kumurusha ubutwari. Aho Apolowoni anesherejwe, yagiye kuruhukira mu gikombe gikurikira iki, igikombe cy'Igicucu cy'Urupfu, tugiye kugeramo mu kanya. Dore imbere iriya, inzu yanditseho inkuru y'intambara no gutsinda kwa Mukristo, kugira ngo azabyubahirwe iteka ryose. »

Bayigezeho, barahagarara maze basoma aya magambo ngo:

*Aha ni ho habereye intambara*

*y'ubutwari ariko y'injyanamuntu.*

*Mukristo na Apolowoni basabanye amagara*

*umwe ashaka kunesha undi.*

*Mukristo yerekana ubutwari*

*bwatumye umwanzi we ahunga.*

*Iyi nzu ikaba yarubakiwe guhamya ibyo.*

Bakiva aho baba bageze ku gikombe cy'Igicucu cy'Urupfu. Icyo gikombe cyarutaga icya mbere mu burebure; hari ahantu hateraniye ibibi gusa, nyamara ari abagore, ari abana bese bashoboye kuhambuka nta nkomyi, kuko hari ku manywa kandi baherekejwe na Ruzirabwoba. Bakinjira muri icyo gikombe, basa n'abumvise umuniho umeze nk'uw'umuntu usamba. Bumva n'ukwijujuza kumeze nk'uk'umuntu uri mu kaga gakomeye. Ba bahungu bata-

ngira guhinda umushyitsi no guhindura ishusho, ariko Ruzirabwoba arabahumuriza. Bigiye imbere, bakumva uko bakandagiye itaka risa n'aho ririgita nk'aho ari hejuru y'umwobo, bakumva kandi n'ikivugirizo kimeze nk'icy'inzoka, ariko ntibagire ikintu babona.

Nuko ba bahungu barabaza bati « Ese ubu twaba turi hafi kugera ku mpera y'iyi nzira mbi ? » Ruzirabwoba abasaba kwihangana no kureba neza aho bakandagira, kugira ngo batagwa mu mutego. Yakobo afatwa n'indwara y'ubwoba, maze nyina amuha kuri ka gatobe yahawe na Musobanuzi n'ibinini byateguwe na Mubashankwaya, nuko agarura ubuyanja.

Barakomeza bagera mu kibaya hagati. Mukristokazi aravuga ati « Sinzi icyo ndeba hariya, kuri iriya nzira ndabona ntazi uko kimeze. »

*Yakobo* : Ni igiki ma ?

*Mukristokazi* : Ni uruntu rubi mwana wa, rubi cyane !

*Yakobo* : Rurasa rute ma ?

*Mukristokazi* : Sinshobora kubivuga. Ruri hafi yacu.

*Ruzirabwoba* : Ngaho abafite ubwoba nimunyegere.

Igihanda Mukristokazi yari yabonye kiza kibegera, ariko Ruzirabwoba aragisatira ku buryo yakigeze iruhande kigahita kinyegera. Nuko bibuka ijamba bari baherutse kumva rivuga ngo « Murwanyeye Satani na we azabahunga » (Yak.4.7). Bigiye imbere gato, batuje ariko bataragera kure, Mbabazi arebye inyuma ye, maze abona ikintu kimeze nk'intare cyiruka kibasatira. Yaratomaga igatuma n'igikombe kirangira cyane. Imitima yose uretse uwa Ruzirabwoba ishya ubwoba.

Inyuma ibegereye Ruzirabwoba ashyira abagenzi imbere ye maze yitegura kurwana. Ariko iyo nkozi y'ibibi ibonye ko yiyemeje kuyirwanya, ihita ihunga ubutagaruka (1Pet. 5. 8-9). Bakomeza urugendo, maze Ruzirabwoba abajya imbere kugeza ku rwobo rwambukiranyije inzira yabo yose. Mu gihe batararwambuka haza igihu cyinshi n'umwijima w'icuraburindi biratwikira ku buryo nta kintu babashaga kubona. Abagenzi ni ko gusakuza cyane bati « Ngaho re ! Turabigenza dute ? » Ruzirabwoba arabasubiza ati « Mwitinya, nimuhumure, maze dutegereze ». Baguma aho bari bahagaze, kuko inzira yari ipfuye. Bumva imirindi y'abanzi babo

birukaga, kandi babona neza umuriro n'umwotsi byari mu rwobo. Mukristokazi ni ko kubwira Mbabazi ati « Ubu noneho menye akaga umugabo wanjye yabonye kose, nari narumvise aha hantu havugwa, ariko ubu bwo ndahiboneye. Mbega mutindi ! Aha hantu yarahunyuzwe wenyine ari nijoro, inzira yose mu mwijima, abagome bamugose ngo bamushwanyaguze. Abenshi bavuze iby'igikombe cy'Igicucu cy'Urupfu, ariko nta n'umwe utarakigezeho wabasha kuvuga uko kiri. 'Umutima wiyiziho uwawo mubabaro kandi umunezero wawo nta mushyitsi wawujyamo' (Imig.14.10). Yewe kuba hano biteye ubwoba ! »

Ruzirabwoba aravuga ati « Ni nk'uko umuntu yaba hagati mu muhengeri, cyangwa se yahiritse mu rwobo, tumeze nk'abari mu ndiba y'uruzi cyangwa se nk'abafungiranye hagati mu misozi. Maze tukaba twugarijwe n'impembe z'isi yose. Ariko 'Ugendera mu mwijima kandi akaba abuze umucyo, niyiragize izina ry'Uwitika ashikame ku Mana ye !' (Zab. 50.10). Naho ku bwanjye nk'uko nabibabwiye, nanyuze hano ndetse kenshi, ndetse nahageragerejwe birenze ibi, nyamara dore ndacyariho. Sinshobora kwirata kuko atari jye wikiza, ariko nzi neza ko dutabarwa tugakira. Nimuze dusenge kugira ngo dusabe urumuri Ushobora kutumurikira muri uyu mwijima kandi akanyama abadayimoni ndetse n'amashitani yose yo mu muriro. »

Nuko batangira gusenga, maze Imana iboherereza umucyo n'uburyo bwo gukira, kuko nta handi bashoboraga kunyura. Ubwo ariko bari batararangiza ikibaya, bakomeza kugenda, ariko impumuro mbi zikababuzaga guhumeka. Mbabazi abwira Mukristokazi ati « Aha hantu ntabwo ari heza nko ku rugi, cyangwa mu nzu ya Musobanuzi cyangwa nko muri ya ngoro tuvuyemo. »

*Samweli* : Nyamara kunyura hano biroroshye kuruta kuhaguma, kandi rero uko mbizi impamvu ari ngombwa kunyura hano ni ukugira ngo tugere aho twateguriwe, kuko ari heza cyane.

*Ruzirabwoba* : Uvuze neza Samwe, uvuze kigabo rwose.

*Samweli* : Nimva hano rero, ndibwira ko nzishimira umucyo n'inzira nziza birenze.

*Ruzirabwoba* : Mu gihe gito turaba tuvuye hano.

Bakigenda, Yozefu arabaza ati « Mbese ubu ntiturabona aho ikibaya kigarukiye ? »

*Ruzirabwoba* : Nimurebe aho mukandagira kuko ubu twugarijwe n'imitego. Nuko bakajya bashishoza kugira ngo babone aho bakandagira, kuko iyo mitego yari ibateye ubwoba bwinshi. Baza gukebuka ibumoso, maze babona umugabo mu rwobo. Uwo muntu yari yaratanyaguritse umubiri wose inyama zitendera. Ruzirabwoba arababwira ati « Ni umurambo w'uwitwa Nyabwangu, yari ari muri iyi nzira, hashize igihe ugaramye hariya. Uwitwa Kwitonda bari kumwe ubwo yafatwaga akicwa, ariko undi abasha gucika. Ntimushobora kwiyumvisha umubare w'abantu bicirwa muri iyi nzira. Abantu batangira uru rugendo bigezo ntibigere basaba ubaherekeza baba ari abasama. Ahubwo Mukristo ni igitangaza kugira ngo abe yarahakize. Cyakora ariko yari akunzwe n'Imana ye, kandi yarakiranukaga mu mutima, naho ubundi iyo bitaba ibyo ntiyajyaga gushobora ibyo yakoze. »

Ubwo bari bagiye kurangiza ikibaya, kuri rwa rwobo Mukristo yabonaga, babona cya gihanda cy'icyicanyi.

Icyo cyicanyi kigerageza gukoresha uburiganya ngo kiyobye abagenzi. Gihamagara Ruzirabwoba kiramubwira kiti « Ni kangaha wabujijwe gukora ibintu nk'ibyo ? »

*Ruzirabwoba* : Ibiki ?

*Igihanda* : Urabizi neza, ubu na we ibyawwe ngiye kubirangiza.

*Ruzirabwoba* : Ariko mbere na mbere ndifuzaga kumenya impamvu ituma ngomba kurwana.

Ubwo ari ba bagore, ari ba bana, bose bahindaga umushyitsi babuze iyo barigitira.

*Igihanda* : Uriba igihugu kandi uragikoreramwo ibidakorwa.

*Ruzirabwoba* : Ibyo birego ntibisobanuye ahubwo erekana igikorwa, si byo ?

*Igihanda* : Wowe ukora umwuga wo kwiba abantu ! Ugashimuta abana n'abagore ubajyana mu gihugu cy'amahanga, bityo ugaca intege ubwami bwa databuja.

*Ruzirabwoba* : Ndi umugaragu w'Imana yo mu ijuru, umurimo wanjye ukaba uwo kubwiriza abanyabyaha kwihana. Ngomba gukora uko nshoboye kugira ngo mvane abagabo, abagore n'abana «mu mwijima ngo bajye mu mucyo» no kubakura «mu bubata bwa Satani ngo bagane Imana ». Niba rero iyo ari yo mpamvu y'indwano yawe reka tubigarukirize aho.

Nuko cya gihanda kiza cyegera Ruzirabwoba, na we akura inkota ye ngo agitere. Naho cyo cyari gifite impiri. Bidatinze baba barashyamiranye. Cya gihanda kibanza gukubita Ruzirabwoba mu ivi. Ubwo ba bagore n'abana bacura imiborogo, ariko Ruzirabwoba ahagurukana ibakwe ryinshi arakubita agikomereza ku kuboko. Bamara hafi isaha barwana batyo kandi n'imbaraga nyinshi ku buryo igihanda cyagize impumu nyinshi maze zikagisohoka mu mazuru nk'umwuka w'inkono ishyushye.

Baherako baricara bararuhuka. Ruzirabwoba atangira gusenga. Ba bagore n'abana bariraga basuhuza umutima, mu gihe iyo ntambara yamazeyo.

Aho baruhukiye, bafashe n'akuka, bongera gutangira kurwana, maze Ruzirabwoba arakubita n'ubuhanga nuko igihanda akigarika ku butaka. Kiti « Ndeka ngarure agatege. »

Ruzirabwoba arakireka maze kirahaguruka. Intambara yongera kurota habura gato ngo cya gihararumbo kijanjagure umutwe wa Ruzirabwoba n'ubuhiri bwacyo. Abibonye atyo nawe agisimbukiraho n'imbaraga ze zose maze agitoborera ibondo muni y'imbavu. Cyitura hasi n'impiri kirayita, noneho Ruzirabwoba agica umutwe.

Ba bagore n'abana barishima cyane, naho Ruzirabwoba asingiza Imana kubera ukuntu imukijije.

Ibyo birangiye, bubaka inkingi, maze bayimanikaho wa mutwe w'igihanda kandi bandikaho ahagaragara ngo « Nyir'iki gihanga yari umwanzi w'abagenzi, yatangiraga bese ntagire n'umwe ababarira. Ariko jycwe, Ruzirabwoba, umuherekeza w'abagenzi, naramurwanyije ndamutsinda. »

## 11. UMUSAZA MUKIRANUTSI YIFATANYA N'ABANDI BAGENZI

Nuko mbona batangiyeye kurira ahantu hirengeye hateguriwe abagenzi ngo bitegereze ibiri imbere. Hagomba kuba ariho Mukristo yaboneye bwa mbere Mwizerwa. Abagenzi barahicara ngo baruhuke; bararya baranywa, kandi banishimira ukuntu bakijijwe wa mwanzi wari ukomeye kwa kundi. Bakiri muri ibyo, Mukristokazi abaza Ruzirabwoba niba nta hantu yakomeretse muri ya ntambara. Aramusubiza ati « Oya, keretse akantu k'agakomere gato, ariko ntikanteye ubusembwa, ahubwo ubu ni ikimenyetso cy'urukundo mfitiye Databuja na mwe, kandi ku bw'ubuntu, nyuma kazampesha igihembo gikomeye. »

*Mukristokazi* : Ariko se ntiwagize ubwoba ubonye kije n'ubuhiri bwacyo ?

*Ruzirabwoba* : Ngomba kutiringira imbaraga zanjye, kugira ngo mbashe kwishingikiriza k'Usumbabyose (2 Kor. 4. 10-11).

*Mukristokazi* : Ariko se igihe yakubanje akakugarika hasi watekereje iki ?

*Ruzirabwoba* : Nahise nibuka ko Databuja ubwe yagiriwe nabi, ariko nyamara, nyuma ya byose yaje gutsinda.

*Matayo* : Ibyo ari byo byose, ndabona ko Imana yatugiriye neza ikatuvana muri kiriya gikombe kandi ikanatuvana mu maboko y'uriya mugizi wa nabi. Njye rero nkaba ntacyo mbona cyantera kuyishidikanyaho mu bihe bizaza, kuko hano yaduhamirije iby'urukundo rwayo.

Nuko barahaguruka, baragenda. Bataragera kure, bagera ku giti kinini cyane, kandi muni yacyo hari hasinziriye umugenzi usheshe akanguhe. Bamenyana ko ari umugenzi kubera imyambaro ye, umukandara we, n'inkoni ye.

Ruzirabwoba aramukangura, maze wa musaza witwa Mukiranutsi yitera hejuru akanuye amaso ati « Ni iki ? Muri ba nde, kandi murakora iki hano ? »

Ruzirabwoba aramusubiza ati « Witinya, turi inshuti zawe. » Wa musaza arahaguruka maze ashaka kumenya neza abo ari bo. Ni bwo Ruzirabwoba amubwiye, ati « Nitwa Ruzirabwoba nkaba umuherekeza w'abagenzi bajya mu gihugu cy'ijuru. Mukiranutsi ati

«Noneho mumbabarire, nari nagize ngo muri mu gaco kamwe n'abaheretse kwiba udufaranga twa Nizerabuhoro, ariko ubu ndabona muri abanyakuri. »

*Ruzirabwoba* : Iyo tuba bo se wari kwitabaza iki ?

*Mukiranutsi* : icyo nari kwitabaza ? Najyaga kurwana kugeza mfuye ; kandi ntimwajyaga kunsinda, kuko nta mukristo uneshwa, keretse icyo ariwe ubwe uretse kurwana.

*Ruzirabwoba* : Uvuze neza data we! Nkurikije ibyo umaze kuvuga, ndabona uri uwo mu bwoko bwatoranijwe, kuko uvuze ukuri.

*Mukiranutsi* : Nanjye ndabona ko uzi neza icyo urugendo nyarwo ari cyo kuko benshi bazi ko tunesheka vuba.

*Ruzirabwoba* : Ubu se ko tumaze kumenyerana, ntiwambwira izina ryawe n'aho uturuka ?

*Mukiranutsi* : Simbasha kukubwira izina ryanjye, ariko mvuye mu murwa Buswa ku bilometero 22 uvuye mu murwa Rimbukiro.

*Ruzirabwoba* : Yoo ! Mbese uri uwo muri uwo murwa? Noneho menye uwo uri we. Witwa Mukambwe Bukiranutsi, si byo ?

Nibwo umusaza avuze ati « Oya si Bukiranutsi, ahubwo Mukiranutsi ni ryo zina ryanjye, kandi nifaza ko kamere yanjye yaryemeza. Ariko se izina ry'umurwa nturukamo rikubwiye ukwitwa rite ? »

*Ruzirabwoba* : Numvise Databuja akuvuga kuko azi ibibera mu isi byose. Ngahora mbaza niba hari umuntu wava muri uwo murwa wanyu, dore ko urusha ububi umurwa Rimbukiro bagize indahiro.

*Mukiranutsi* : Yee, ni koko turi kure y'izuba cyane, bityo tugakojya cyane, kandi tukaba ubutita ntitwumve, nyamara nubwo umuntu yaba afungiranye mu musozi w'urubura, izuba ry'ubutabera rikamurasiraho, umutima we wari umeze nk'urubura urayenga. Ngibyo rero ibyambayeho.

*Ruzirabwoba* : Mukiranutsi Mubyeyi, ibyo ndabyemeye, kuko nzi ko uvuga ukuri.

Nuko wa musaza aramutsa abari aho bose, abahoberana urugwiro rwinshi, abaza izina rya buri wese n'ukuntu urugendo rwabagendeye kugera aho.

*Mukristokazi* : Ndibwira ko izina ryanjye urizi, Mukristo mwiza yari umugabo wanjye, kandi aba bana uko ari bane ni abe.

Tekereza icyo uwo musaza yakozze amaze kumenya ! Yiteye

hejuru amwenyura kubera ibyishimo, maze abifuriza ibyiza agira ati « Numvise benshi bavuga iby'umugabo wawe, ubutwari bwe n'ukuntu yarwanye mu rugendo rwe. Ibyo bibanzeze ko izina rye ntaho ritazwi muri iki gihugu. Ukwizera kwe, ubutwari, ugukomera n'ukuri byamugize ikirangirire. »

Noneho areba ba bahungu, maze abaza buri wese izina rye. Bamaze kumubwira, ni ko kubabwira atya ati « Matayo, urabe nka Matayo wari umukoresha w'ikoro (Mat. 10.3), udakurikira ibibi bye ahubwo ukora ibyiza bye. Samweli, urabe nka Samweli w'umuhanuzi, ubeshejweho no kwizera no gusenga (Zab. 99.6). Nawe Yakobo, urabe nka Yakobo umunyakuri ukiranuka, cyangwa nka Yakobo umuvandimwe w'Umwami wacu (Ibyak. 1.13-14).

Bamubwira ibya Mbabazi n'ukuntu yasize byose agakurikira Mukristokazi n'abahungu be. Maze umusaza aramubwira ati « Mbabazi iryo zina ryawe ku bw'impuhwe, uzacishwa mu bikomeye uzahurira na byo mu nzira, kugeza ubwo uzagera ku isoko y'imbabazi maze ukayitegereza n'amaso yawe. »

Ubwo Ruzirabwoba yarabitegerezaga, amwenyura n'ibyishimo byinshi.

Bakigenda, Ruzirabwoba abaza wa musaza Mukiranutsi niba atazi umugabo witwaga Bwoba wo mu by'iwabo wari waratangiye urugendo.

*Mukiranutsi:* Yee, ndamuzi. Yari umugabo ugira ukuri muri we, ariko akaba umugenzi w'amananiza menshi ntigeze mbona.

*Ruzirabwoba:* Uramuzi neza koko kuko umuvuze uko ari.

*Mukiranutsi:* Ndamuzi neza kuko twanagendanye igihe kugeza ubwo yatangiraga kwibaza ku byashoboraga kuzatubaho, nari kumwe na we.

*Ruzirabwoba:* Nanjye naramuherekeje kuva ku nzu ya Databuja kugera ku nzugi z'igihugu cy'ijuru.

*Mukiranutsi:* Ubwo rero nawe uzi ko yari mubi.

*Ruzirabwoba:* Naramwihanganiye, kuko mu murimo wacu hari ubwo tugomba guherekeza abantu nk'uwo.

*Mukiranutsi:* Ngaho rero ntekerereza ukuntu mwameranye umuherekeje.

*Ruzirabwoba:* Mbese yahoraga afite ubwoba bwo kutazagera aho yashakaga kujya. Ibivuzwe byose cyangwa igicucu cy'igisitaza

yarabukwaga, byose-byamuteraga ubwoba. Nanamenye ko yamaze ukwezi kose anihira mu bwihebe, adatinyuka gukomeza nubwo yabonaga abandi bagenzi bamucaho kandi baranashoboraga kumuha akaboko ngo bamufashe. Ntiyanifuzaga gusubira inyuma avuga ko yapfa aramutse atageze mu ijuru, kandi nyamara buri kantu k'akabazo kose kamucaga intege, kabone n'akatsi gato gate kaka-mutega akagwa.

Amaze igihe muri iryo sayo nk'uko nabikubwiye, yaje kurivamo umunsi umwe haramutse agacyo, maze sinzi ngo uko yambutse. Aho aviriyemo, ntiyabashaga kwemera ko ari byo. Mbese ubanza mu bwenge bwe hari harimo isayo y'ubwihebe yagendanaga. Hanyuma yaje kugera ku rugi rw'umuryango w'iyi nzira naho kandi ahamara igihe kinini ataratinyuka gukomanga. Aho urugi rukinguriwe ashaka kwiyirukira ngo ahe umwanya abandi binjire, avuga ko kwinjira atabikwiye. Bityo, nubwo yahageze mu ba mbere, abaje nyuma bamutanga kwinjira.

Aguma aho atitira, yitaruye, mbese uwo ariwe wese yamugiriye impuhwe, nyamara ariko ntiyashakaga gusubira inyuma. Nyuma, aza gufata inyundo yari imanitse ku rugi akomaho rimwe cyangwa kabiri buhoro cyane. Baramukingurira, ariko nanone ashaka kwiruka. Uwari amukinguriye amwirukaho, maze aramubaza ati « Ni iki yewe utitira? » Yumvise ayo magambo, yitura hasi. Uwamuvugishaga atangazwa cyane n'izo ntege nke ze, maze aramubwira ati « Gira amahoro! Haguruka kuko bagukinguriye urugi. Injira kuko urahirwa. » Nuko arahaguruka maze yinjira atitira. Agezemo imbere, agira isoni zo kwiyerekana mu maso. Bamumarana umwanya bamutinyura, maze bamwereka inzira yagombaga gukurikira. Aragenda kugeza ubwo yageraga ku nzu yacu. Ageze ku muryango wa Databuja Musobanuzi, bimubera nka mbere ubwo yari ku muryango w'inzira. Ubwo kandi hari amajoro akonje cyane. Yari anafite urwandiko rumushingana yagombaga guha Databuja ngo amwakire mu nzu ye amutere akanyabugabo, kandi amuhe umuherekeza w'inkwakuzi kuko we yari afite umutima woroshye. Nyamara ntiyatinyutse gukomanga ku rugi. Uwo mutindi aguma aho kugeza ubwo yendaga kuhanogokera. Yari atentebutse ku buryo nubwo yabonaga abandi baza bagakomeza bakinjira we atatinyukaga gukora nka bo. Sinzi uko narebye mu idirishya maze ndamubona,

ndamusanga, maze mubaza uwo ari we. Ariko uwo munyabyago yari yuzuye amarira mu maso, noneho numva icyo yashakaga. Ubwo ndinjira mbimenyesha abari mu nzu na bo babimenyesha Databuja, na we anyohereza kumwinjiza, ariko birandushya cyane kubimwemeza. Nyuma ariko mbigeraho, kandi rwose Databuja yamwakiriye neza. Ku meza hari hakiri udutongo turyoshye, baratumuha.

Nibwo atanze urwandiko, Databuja ararusoma maze amusubiza ko ibyifuzo bye byumviswe bikemerwa. Ahamaze igihe, asa n'ugaruye akanyabugabo kandi amera neza, kuko Databuja - ni ngo mbwa ko mubimenya - agira imbabazi cyane cyane ku banyabwoba. Amwitwaraho mu buryo bumukomeza. Amaze gusura ibyo yagombaga kubona byose, amaze no kwitegura kugenda agana mu murwa wo mu ijuru, Databuja amuha icupa ry'umutobe nk'uko yabigenjereje Mukristo amuha n'ibindi byiza byinshi byo kurya. Turagenda maze njya imbere ye, ariko ntiyavugaga, ahubwo gusa yasuhuzaga umutima cyane. Tugeze ha hantu hari hamanitse abagabo batatu, avuga ko atinya kuzaba nka bo. Yongera kunyurwa ariko abonye wa musaraba na ya mva. Yifuzaga kuhaguma igihe, kandi asa n'uwishimye akanya. Ageze ku musozi Biruhanya, ntiyajijinganya, ndetse ntiyanatinya za ntare, kuko si byo byamuteraga ubwoba, ahubwo yatinyaga kutazakirwa ku mpera.

Mujyana mu ngoro Nyumbanziza, ngira ngo atanabishaka. Amaze kwinjira, mwereka inkumi zituyemo, ariko akaba afite isoni zo kuba hamwe n'abandi, akihitiramo kuba wenyine, nubwo yakundaga ibiganiro bwose. Akenshi yajyaga kubumviriza inyuma y'urusika. Kandi yanakundaga kureba ibintu bya kera akanabitekereraho cyane. Aza kumbwira ko yifuzaga kuguma muri izo nzu ebyiri twari tuvuyemo, ariko ngo nta butwari yari kubona bwabisa-ba.

Aho tuviriye mu ngoro Nyumbanziza ngo tumanuke wa musozi ugana mu kibaya Mucishabugufi, amanuka neza ku buryo nta wundi muntu nigeze kubona mu buzima bwanjye umanuka neza nka we, ibyo guca bugufi nta bwoba byamuteye cyane, icya ngombwa cyari ukuzanezerwa ku mpera. Mbese wagira ngo hari akantu k'urukundo hagati ye n'icyo kibaya kuko nta bundi nari narigeze kubona amerera nko muri cyo. Yituraga hasi agakubita umu-

nwa we mu mukungugu, ubundi akihumuriza indabo zabaga aho (Amag.3.27-29). Buri gitondo yarizinduraga akirukanka ikibaya cyose.

Ariko tugeze ku bwinjiriro bw'igikombe cy'Igicucu cy'Urupfu, nsa n'ubura wa muntu wanjye, atari uko ashatse gusubira inyuma, kuko byari bimuri kure, ahubwo yendaga kwicwa n'ubwoba. Yarasakuzaga cyane, agira ati «Yoo! Amashitani aramfashe we! Aranyishe we!»

Sinabashaga rero kumucecekesha ngo atuze. Yarasakuzaga cyane ku buryo iyo aza kumwumva, yari guhita yihutira kuducakira. Ariko nyamara nza kubona ko muri icyo gihe yambukaga ari bwo bwa mbere na nyuma nabonye icyo kibaya gituje cyane. Ndibwira ko Umwami wacu yari yategetse abanzi by'umwihariko, kutagira icyo bakora mu gihe Bwoba ahanyura.

Mbese biraruhije kugutekerereza byose, ariko ndakubwira ikindi kimwe cyangwa bibiri byabaye. Ageze muri rya guriro ry'i Mburamumaro, ngira ngo agiye kurwana n'abantu baririmo, ngira ubwoba bw'uko bahadukubitira kubera ko yaberekaga ko asuzuguye ibyo bakoraga by'ubusazi.

Mu kwambuka cya Gihugu Kiroze aba intwari, ariko ntitugeze kuri rwa ruzi rutagira ikiraro yongera kwiheba ati «Ubu noneho ndagwamo, kandi sinzigera mbona rwa ruhanga rugomba kumpoza amarira kandi naragenze urugendo rungana rutya ngo ndwitegereze.» Aho naho mbona ko amazi y'uruzi yabaye magufi cyane ku buryo ntigeze mbona mu buzima bwanjye bwose. Nyuma arambuka, amazi ntiyigera amurenga agatsinsino. Ageze ku rugi binjiriramo, musezeraho maze mwifuriza kuzakirwa neza iyo mu ijuru. Aransubiza, ati «Yoo, Nzakirwa neza rwose, nzakirwa neza pe!»

Nuko turatandukana, sinongera kumubona ukundi.

*Mukiranutsi* : Niko ye ? Ngo yaba yaragize ibyishimo nyuma ?

*Ruzirabwoba* : Ni ngombwa, sinigeze mbishidikanya. Yari umugabo ujijutse, gusa akaba umuntu unaniwe buri gihe ku buryo byamurushyaga, bikanavuna n'abandi (Zab.88). Ariko ikiruta byose, ni uko yangaga icyaha, yatinyaga kugira uwo yababaza ku buryo we ubwe yibuzaga n'ibyo amategeko amwemerera (Rom.14.21 ; 1Kor.8.13).

*Mukiranutsi* : Ariko se, ni kuki umuntu mwiza gutyo yamaze

icyo gihe cyose mu mwijima ?

*Ruzirabwoba* : Hari impamvu ebyiri . Imwe ni uko Imana yo ikiranuka yabishatse ityo, ngo bamwe bavuze umwirongye naho abandi barira (Mat.11.16-17). Bwoba yari mu bacuranga ijwi ryo hasi. We n'abasa nka we, bacuranga bene za nanga zitanga amajwi anihira kurusha ayandi, nubwo abantu bose batemera ko ijwi ryo hasi ari ryo shingiro ry'indirimo. Ku bwanjye sinemera na hato ukwemera kutavuye mu kwicisha bugufi . Umurya umucuranzi abanza gukoraho ashaka kuringaniza inanga ye, ni utanga ijwi ryo hasi. Imana na yo ikunda gukora kuri bene uwo murya iyo ishaka gutunganya ijwi ry'ubugingo. Gusa kubera gukiranirwa kwa Bwoba, nta rindi jwi yabashaga gucuranga uretse iryo kuniha kugeza ku muni we wa nyuma. (Ndagira ngo nisehereze kuko nkoreshye iki kigereranyo hano kugira ngo nkangure urubyiruko rusoma ibi kuko mu gitabo cy'Ibyahishuwe, abatowe bagereranywa n'umutwe w'abaririmbyi, n'uw'abacuranzi bacuranga impanda n'inanga, baririmba imbere y'intebe y'Ubwami) .

*Mukiranutsi*: Yari umugabo ugira umwete mwinshi nk'uko bigaragara, dukurikije uko ubitubwiye. Ntiyatinyaga, ari amagorwa, ari intare , ari Iguriro Mburamumaro , yatinyaga gusa icyaha, urupfu n'umuriro w'iteka, kuko yari afite gushidikanya ku kuzakirwa kwe mu gihugu cy'ijuru.

*Ruzirabwoba* :Ni byo ntubeshya, ibyo koko ni byo byamusazaga kandi na byo byavaga ku ntege nke z'ubugingo bwe no ku bw'imibereho iruhanyije y'uri mu rugendo. Ndibwira ko nk'uko bivugwa mu mugani ngo «Yari kwambukiranywa n'umuriro, iyo inzira ye iwumuganishamo.» Gusa nta muntu n'umwe wabasha kwikiza ibimubabaza.

*Mukristokazi* : Ibyo mumaze kuvuga kuri Bwoba, byangiriye umumaro. Nibwiraga ko nta muntu n'umwe umeze nka nje, none mbonye uwo mugabo afite ibintu bimwe duhuriyeho. Gusa dutandukanye ku bintu bibiri : ubwoba bwe bwari bwinshi cyane ku buryo bwagiye n'ahagaragara ariko ubwanjye bwo bwangumagamo. Byongeye kandi bwamubuzaga gukomanga ku nzugi z'ama-zu yateguriwe abagenzi, naho ubwanjye bwo bwatumaga ahubwo nkomanga cyane.

*Mbabazi* : Mvuze ibindimo, ndabona bimwe bye tubihuje kuko

buri gihe kwambuka uruzi no kubura umwanya muri Paradizo bintera ubwoba kurusha ikindi kintu cyose. Aho uzi ukuntu natekerezaga !Yoo ! Nti icyampa nkabasha kugira umunezero wo kubayo umunsi umwe byaba bimpagije, nubwo nasize byose ku bw'ibyo.

Nuko Matayo afata ijambo, ati « Ubwoba ni bwo bwatumye ntekereza ko nta kintu na mba mfite cyatuma nkizwa, ariko none niba ari ko byari bimereye umuntu mwiza nk'uwo Bwoba, kuki bitambayeho ? » .

*Yakobo* : Iyo nta bwoba nta n'ubuntu buba buhari nubwo bwose atari igihe cyose ahari ubwoba bwo kurimbuka haba n'ubuntu, nyamara nta gushidikanya ko nta buntu na mba buba aho badatinye Imana.

*Ruzirabwoba* :Yakobo, uvuze neza cyane, wageze ku ntege, kuko « Ugutinye Imana ari ko kubanziriza ubwenge », kandi nta gushidikanya ko ku babuze iryo tangiriro, nta n'impera kuri bo. Aho ni ho cyakora turangiriza iki kiganiro kuri Bwoba.

## 12. UMUSAZA MUKIRANUTSI ABARIRA ABANDI BAGENZI INKURU YA MWIYEMEZI

Nuko mbona bakomeje kugenda baganira, kuko Ruzirabwoba akimara kuvuga ibya Bwoba; Mukiranutsi yahise atangira ibya Mwiyemezi ati « Yiyitaga umugenzi, ariko ndahamya ko atigeze agera ku irembo ryinjira muri iyi nzira. »

*Ruzirabwoba* : Ntabwo se mwigeze kuganira ?

*Mukiranutsi* : Twarabyigeze, ndetse inshuro zigera kuri ebyiri cyangwa eshatu. Ariko akiyemera nk'uko izina rye ribivuga. Ari abantu ari ibitekerezo ari n'urugero nta na kimwe yitagaho. Yakoraga icyo atekereza gusa kandi nta kintu cyashobora kukimubuza.

*Ruzirabwoba* : Mbwira, ubwo se yari yishingikirije kuki ?

*Mukiranutsi* : Yavugaga ko umuntu wese ashobora kwigana ibyo abari mu rugendo bakora, bityo akaba yizewe gukizwa.

*Ruzirabwoba* : Gute ? Nibura iyo apfa kuvuga, ati « Birashoboka ko umuntu yagwa mu byaha nk'ibyo abari mu rugendo, kimwe nuko yakora ibyiza nka bo », kuko ni ukuri, nta hame na rimwe ryatuvana mu bubata, mu gihe tutabaye maso kandi ngo turwane. Ariko we si cyo yashatse kuvuga, ndumva igitekerezo cye ari uko bene uko gukora byemewe.

*Mukiranutsi* : Ni byo, rwose ni ko yibwiraga kandi akaba ari na ko akora.

*Ruzirabwoba* : Ubwo se yishingikirizaga kuki kugira ngo avuge atyo ?

*Mukiranutsi* : Yavugaga yishingikirije ku Byanditswe.

*Ruzirabwoba* : Mukiranu ! Rwose dusobanurire neza.

*Mukiranutsi* : Reka mbibabwire. Yavugaga ko nk'uko Dawidi wari ukunzwe cyane n'Imana, yafashe umugore w'undi, na we ashobora kubikora, ko nk'uko Salomo yari afite abagore benshi, na we gutunga abarenze umwe yabikora. Yavugaga kandi ko nk'uko Sara na ba babyaza bo mu Egiputa babeshye, na Rahabu agakiza ba batasi akoresheje ikinyoma kandi akabihemberwa ko na we nta kibi yaba akoze aramutse abeshye. Yanavugaga ko intumwa za Yesu zikurikije itegeko rya Shebuja, zambuye indogobe nyirayo, ko ubwo na we abasha kubikora, hanyuma ngo kuko Yakobo yabo-

nye umugisha wa se, ku buriganya no kwiyoberanya na we afite uburenganzira bwo gukora atyo.

*Ruzirabwoba* : Mbega ibintu bibi ! Ni byo se koko ?

*Mukiranutsi* : Naramwiyumviye abivuga na Bibiliya mu ntoko.

*Ruzirabwoba* : Ibintu nk'ibyo ntibishobora kwihanganirwa na mba.

*Mukiranutsi* : Unyumve neza ariko, ntiyavugaga ko ari ngo mbwa. Ariko ko abigana ibyiza by'ababikoze, bashobora no kwigana ibibi byabo.

*Ruzirabwoba* : Ariko se noneho, hari ikibi kiruta uwo mwanzuro ? Ni nko kuvuga ngo niba abantu bacumuye ku bw'imbaraga zabo, we akwiye gucumura ku bwende bwe. Cyangwa ngo umwana muto, agize atya rimwe agasitara akagwa mu byondo, maze akiyanduza, ngo ubwo na we ashobora kwigaraguramo nk'ingurube ! Ni nde wabasha kwemera ko umuntu w'umugabo yakwigira injiji ku buryo ahumishwa n'imbaraga z'irari bene ako kageni ! Ariko ni iby'ukuri koko ibyanditswe biravugaga ngo « Basitara ku Ijambo ry'Imana ntibaryumvire, kandi ari bo ryagenewe. » (1 Pet.2.8). Ni ukwibeshya, gukeka ko ushobora kugira ubwiza bw'abakiranuka wiha gukora ibibi bashobora kuba barigeze kugwamo. « Gutungwa n'ibyaha by'ubwoko bw'Imana » (Hos.4.8) nk'uko imbwa irya umwanda ntibyavamo kugira ibyiza. Sinshobora kwemera ko umuntu utekereza atyo yaba afitiye Imana ukwizera n'urukundo. Ariko ndibwira ko wamuhakanije, ntiwambwira icyo yagushubije.

*Mukiranutsi* : Yarambwiye ngo agomba gukora ibitanyuranye n'ibyo atekereza.

*Ruzirabwoba* : Icyo gisubizo ni kibi rwose, kuko nubwo ubwabyo ari bibi kwiyegurira ibidushuka tukabikora kandi mu bitekerezo tubyamagana, birushijeho kuba bibi gukora ibyaha tugerageza kwumvisha ko atari ibyaha. Ingero za bamwe zibashye gutwara abantu batabishaka, ariko iz'abandi zo zikabaganisha mu mitego.

*Mukiranutsi* : Hari abatekereza nka Mwiyemezi ariko ntibabivuge ni no kubera abatekereza batyo ubuzima bw'umugenzi buhinyurwa.

*Ruzirabwoba* : Ni ukuri koko, kandi birababaje ariko uwubaha Umwami w'ijuru azava muri ayo magorwa.



*Mukiranutsi* : Muri iyi si harimo ibitekerezo biteye ubwoba. Nzi umugabo uvuga ati « Hazaba hari akanya gahagije ko kwihana mbere y'urupfu. »

*Ruzirabwoba* : Nta cyo uwo arusha Mwiyezezi. Uwo uwamuha icyumweru cyo gukoramo urugendo rwa kilometero ijana, yarusunika akazarutangira ku isaha ya nyuma y'icyumweru.

*Mukiranutsi* : Ni byo koko, nyamara ariko abenshi mu bagenzi ni ko babigenza. Dore nk'uko ubibona nawe, ndi umusaza, kandi nagenze igihe kirekire muri iyi nzira, nabonye byinshi. Nabonye abagenzi bahagurukana umuvuduko nk'abashaka guca ku babari imbere bese, maze nyuma y'igihe gito, bagapfira mu butayu, batageze mu gihugu basezeranjwe. Nyamara hari n'abandi batagaragazaga ubushobozi na buke bagitangira, bagasa nk'aho batazanabaho n'umunsi n'umwe, ariko bagaragayemo abagenzi beza cyane. Narababonye bagenda biruka, ariko hashira akanya gato, bakagaruka biruka uko bagiye. Narabumvise, bagiye batangira inzira bagana muri Paradizo, bemera ko aho hantu habaho koko, ariko bajya kuhagera, bakagaruka inyuma, bavuga ngo ntihabaho. Abandi na bo birataga ibyo bazakora bageze mu kaga, bagiye bareka ukwemera, n'imibereho y'umugenzi, n'ibindi byose kandi kubera ko bikanze induru y'ibinyoma gusa !

Mu gihe bakigenda, haza umugabo yiruka, maze arababwira ati « Yemwe mwa bagabo mwe, na mwe banyantege nke, niba mwikunda, nimushake uko mwikura mu kaga kuko imbere yanyu murahura n'abambuzi. » Nuko Ruzirabwoba arasubiza, ati « Bashobora kuba ari ba bagabo batatu bigeze kurwanya Nizerabuhoro. Ubu turi hafi guhura na bo. » Noneho bikomereza urugendo. Aho bageze mu gakoni hose, bakitegereza neza ngo barebe ko babona abo bambuzi, ariko ntibababona. Niba barumvise Ruzirabwoba bakamutinye, niba bari bahinduye igitekerezo cyo gutera nta wabimenya.

Mukristokazi aza kwifuza ahantu yaruhukira kuko we n'abana bari bananiwe maze Mukiranutsi ababwira ko hashobora kuboneka hafi aho. Arababwira ati « Gayo (Rom.16.23), umwigishwa wubahwa cyane atuye hariya. » Nuko bese biyemeza kujyayo kuko uwo musaza yamutakaga bihebuje.

### 13. ABAGENZI BAKIRWA NEZA KWA GAYO

Kubera ko inzu ya Gayo yari yaragenewe amacumbi bahita bayijyamo badakomanze. Bahamagara nyirayo ngo bamubaze niba ashobora kubacumbikira iryo joro.

Gayo ati « Cyane rwose, niba muri abizerwa, kuko inzu yanjye ari iy'abari mu rugendo. »

Ibyo birabashimisha cyane kubona nyir'iyi nzu ari inshuti y'abari mu rugendo. Basaba ibyumba, Mukristokazi n'abana na Mbabazi abereka kimwe, naho Ruzirabwoba na wa musaza abereka ikindi.

*Ruzirabwoba* : Mukundwa Gayo, ufite iki se cyo kugaburira aba bagenzi bagenze igihe kirekire none bakaba bananiwe ?

*Gayo* : Ubu igihe cyo kuba twajya kubashakira amafunguro cyarenze. Ariko turabaha icyo dufite, ntimutugayire.

*Ruzirabwoba* : Ibyo ufite mu nzu biratunezeza, kuko ubu nagutunguye, kandi nzi neza ko utajya ubura ibyangombwa.

Gayo aramanuka ajya mu gikoni, maze ategeka umutetsi witwaga Mwumvakaryoshye kugira icyo ategurira abagenzi. Amaze kuvugana n'umutetsi, Gayo aragaruka abwira abagenzi ati « Murakaza neza nshuti zanjye, murisanga kandi rwose nejeje no kuba mfite inzu yo kubakiriramo. None ubwo bagitegura icyo kurarira nimucyo tube tunganira ku ngingo zishimishije kandi z'ingirakamaro. »

Bese barabyemera. Gayo arabaza ati « Uyu mubyeyi mbona ukuze se, ni uwa nde ? »

*Ruzirabwoba* : Uyu mubyeyi ni umugore wa Mukristo, umugenzi wa kera, kandi aba ni abana be uko ari bane. Naho uriya mukobwa ni umwe mu nshuti zabo yashoboye kwemeza ko bakorana urugendo. Aba bahungu bahora bibuka se kandi bifuzaga gukurikira inzira ze, iyo babonye ahantu yaruhukiye, cyangwa aho yakandagiye, bishimira cyane kuharuhukira, cyangwa kuhakandagira.

*Gayo* : Koko se uyu mugore n'aba bana ni aba Mukristo ? Se w'umugabo wawe twari tuziranye, ndetse na sekuru. Mbese mu muryango we harimo abantu benshi b'intwari, abasekuruza babo

bakomoka muri Antiyokiya (Ibyak. 11.26). Abakurambere ba Mukristo, ndibwira ko umugabo wawe yabakubwiye, bari abantu b'inyangamugayo. Bagaragariye Umwami Imana n'inzira ze kimwe n'abamukunda, ubugwaneza n'ubutwari bikomeye. Numvise ko benshi mu bakurambere b'umugabo wawe bihanganiye ibigera-gezo byose ku bwo gukunda ukuri. Sitefano, umwe mu basekuru b'umuryango w'umugabo wawe, yicishijwe amabuye (Ibyak. 7.59-60). Yakobo na we wo muri icyo gihe, yicishijwe inkota (Ibyak.12.2). Ntavuze Pawulo na Petero, abakuru bo muri uwo muryango w'umugabo wawe, habayeho Iginatiyo wajugunyiwe intare, Romani bakataguyemo udutongo umubiri wose na Polikarupe wagumanye ubutwari bwe no mu itanura ry'umuriro. Harimo umwe wamanitswe mu gitebo ahitegeye izuba ngo amavubi azamwarikemo, undi na we ahambirwa mu mufuka maze ajugunywa mu nyanja. Mbese rwose ntibyashoboka kubarura abantu bose muri uwo muryango bababajwe bakanicwa urw'agashinyaguro ku bw'urukundo rw'Umwami wabo. Nakwishimira gusa kubona ko umugabo wawe yasize abahungu bane, kandi nizeye rwose ko batazasebya izina rya se, kandi ko bazanyura inzira ze bakazagira amaherezo nk'aye.

*Ruzirabwoba* : Mu by'ukuri koko, ndibwira ko ari ko bizagenda, kuko baja bahitamo ku bushake bwabo inzira za se.

*Gayo* : Ni byo navuze na njye, ni nayo mpamvu umuryango wa Mukristo utagomba kwibagirana ku isi. Mukristokazi azashakire abahungu be inkumi zo kurongora, kugira ngo izina rya se n'inzu y'abasekuruza be itazibagirana mu isi.

*Mukristokazi* : Byaba bibabaje kubona umuryango nk'uyu, uyongobera.

*Gayo* : Kuyongobera ntibishoboka, nyamara washobora kugabanuka. Kandi Mukristokazi akurikije ibitekerezo byanjye, ibyo ntibyaba. Nawe rero Mukristokazi, nishimiye kukubona, hamwe n'inshuti yawe Mbabazi, muri akagozi gakubiranyije maze nabishaka, umushyigire Matayo umuhungu wawe w'imfura, ni uburyo wakwizera ko hari uwo usize kuri iyi si.

Ubwo imisango iba irabaye, ku buryo n'ibyo kurongorana byagezweho.

Gayo aravuga ati «Ngiye kuvuga imigenzereze y'abagore kandi

mbamare isoni. Kuko nk'ko urupfu n'umuvumo byazanywe mu isi n'umugore (Itang. 3), ni nako byagenze ku bugingo n'ubuzima Imana yohereza Umwana wayo wabyawe n'umugore (Gal.4.4). Kugira ngo berekane ko banze rwose igikorwa cya nyina w'abantu (Eva) abagore bo mu Isezerano rya kera bifuzaga abana, bizeye kuzabyara umucunguzi w'isi. Nanavuga ko mu gihe hari hakivugwa iby'ivuka ry'uwo mucunguzi abagore ari bo bamwishimiye mbere y'abagabo n'abamarayika (Luka 1.42-46). Nta hantu nigeze nsoma umugabo n'umwe waba yarahaye Kristo nibura akamiya kamwe; nyamara abagore baramukurikiraga kandi bakamufashisha n'ibyabo (Luka 8.2-3)! Ni umugore kandi wogeje Yesu ibirenge n'amarira ye (Luka 7.37-50). Kandi na none ni umugore wasize amavuta umurambo we mbere yuko ujya mu mva (Yoh.12.1-7). Kandi n'ubwo yajyaga guhambwa, ni abagore bamuririraga (Luka 23.27), ari na bo bamukurikiye kugera i Kaluvariyo (Luka 23.49), kandi bakanicara ku mva ye ubwo yahambwaga (Mat. 27.61). Na none ubwo yazukaga mu gitondo kare yabonye n'abagore, ari na bo bagejeje bwa mbere iyo nkuru ku bigishwa be ko yazutse mu bapfuye (Luka 24.22-23). Nguko uko abagore bahawe icyubahiro, kandi ibyo bikaba bitwereka ko kimwe na twe, bahabwa ubuntu bw'ubugingo. »

Muri ako kanya, umutetsi atumaho ko ibyo kurya biri hafi kuboneka, imeza irategurwa bashyiraho n'umunyu n'umugati.

Matayo aravuga, ati « Mbonye integuza yuko ibyo kurya bihiye maze numva mbishatse. »

Naho Gayo aravuga ati « Bityo rero, abe ari ko amahame yose y'ubugingo agukangurira gushaka kuzarira ku meza y'Umwami mu Bwami bwe, kuko inyigisho zose zitangwa, ibitabo by'amasesengesho n'imihango ikurikizwa mu nsengeru, byose ni ukwitegura, kimwe n'iyo meza uko iteguye, n'umunyu n'ibindi, umunsi mukuru Umwami Imana aduteganyiriza mu nzu ye. »

Ibiryo biba bigeze ku meza. Harimo kandi urushyi rw'akaboko n'inkoro by'igitambo (Lewi 7.32-34) kugira ngo bigaragare ko bagomba kubanza gusenga no gusaba umugisha mbere yo kurya (Zab.25.1 ; Heb.13.15). Maze bese babiryana umunezero .

Noneho bazana icupa rya vino itukura nk'amaraso (Guteg.32.14).

Gayo arababwira ati « Nimunye mu mudendezo ni vino ye-

nzwe mu maraso y'inzabibu. Inezeza Imana n'abantu.» (Abac. 9.13 na Yoh.15.5). Nuko barayinywa kandi barishima. Ubwo hakurikiraho amata n'umugati usize.

Gayo aravuga ati «Ibi ni iby'abo bahungu byo kubakuza(1Pet.2. 1-2).»

Noneho bazana amavuta n'ubuki. Gayo ati «Nimubiryane umudendezo kuko ari ibyiza byo kubanezeza no kubakomeza mu bitekerezo no mu bwumvikane bwanyu. Ni byo byatungaga Umwami wacu akiri umwana, biranditswe ngo 'Amata n'ubuki ni byo bizamutunga kugeza aho azamenyera ubwenge bwo kwanga ibibi agakunda ibyiza'» (Yes. 7.15).

Noneho bazana amatunda meza aryohereye.

*Matayo* : Ubu se dushobora kurya amatunda kandi tuzi ko ari yo inzoka yakoresheje igashuka umubyeyi wacu wa mbere ?

*Gayo* : Twashukiwe mu matunda koko, nyamara icyaha ni cyo cyanduje ubugingo bwacu, ntabwo ari amatunda. Kurya ku mbuto zabujijwe bijyana ku kurimbuka, ariko aya matunda yo mushobora kuyaryaho nta cyo mwishisha.

*Matayo* : Nabajije icyo kibazo kubera ko nigeze kurwara cyane kubera ayo nari nariye.

*Gayo* : Urubuto rubujijwe ni rwo rutera uburwayi, ntabwo ari urwo Imana iduhaye rubutera.

Mu gihe bakivuga batyo, babazanira imbuto z'ubundi bwoko zifite igihu gikomeye noneho umwe mu bari kuri ayo meza aravuga ati « Bene izi mbuto zirwaza amenyo cyane cyane ay'abana. »

Gayo abyumvise arasubiza ati « Ibyanditswe bikomeye bisa n'izi mbuto z'igihu gikomeye, ariko gihishe urubuto ruribwa. Mukureho icyo gihu murasanga imbere urubuto ruribwa. Niyo mpamvu bazi-bazaniye. »

Ku bw'ibyho barishima cyane. Baguma ku meza akanya baganira utuntu n'utundi. Noneho wa musaza aravuga, ati « Musangwa mwiza, mu gihe tugisatura izi mbuto zacu, fora icyo ibi bivuga :

*Hari umugabo wagaragaraga nk'umusazi;*

*uko yatagaguzaga cyane, ni ko yungukaga byinshi.*

Bose batega amatwi, bibaza icyo Gayo agiye gusubiza. Amara akanya acecetse. ageze aho arasubiza ati « Uha umukene azunguka

inshuro cumi, ndetse ijana. »

*Yozefu* : Sinibwiraga ko wabasha kubifindura Mutware we.

*Gayo* : Yooo ! Bene uwo mwitoto ndawumenyereye, kandi nta kintu na kimwe cyigisha nk'inararibonye. Imana yanyigishije kugwa neza, maze mbona ko kugira neza bingirira neza.«Hari umuntu utanga akwirakwiza nyamara akarushaho kunguka, kandi hari uwi-mana birenze urugero, ariko we bizamutera ubukene gusa » (Imig. 11.24).

Nuko Samweli yongorera nyina, ati «Mama, ko mbona iyi nzu ari iy'umuntu w'umugabo, twayimazemo igihe maze Matayo akarongoreramo Mbabazi, tukabona gukomeza urugendo rwacu.»

Gayo amaze kumwumva ni ko kumusubiza ati «Ni byo rwose mwana wa ! »

Nuko bahamara igihe kirenze ukwezi, maze Mbabazi ahabwa Matayo ho umugeni.

Muri icyo gihe bahamaze, Mbabazi ahadodera imyambaro y'abakene nk'uko bisanzwe maze ibyo bihesha ishema abagenzi.

Tugaruke ariko ku bya mbere. Nyuma yo gufungura, ba bahungu basaba kujya kuryama, kuko urugendo rwari rwabananiye. Ni bwo Gayo aberetse ibyumba bagomba kuryamamo, naho Mbabazi yiyemeza kubajyana mu buriri. Arabaryamisha, barasinzira neza. Abandi bo bakomeza kwiganirira na Gayo, burinda bucya. Nyuma y'amagambo menshi ku Mana, kuri bo ubwabo no ku rugendo bagize, wa musaza Mukiranutsi, umwe wari watanze rya yobera ariha Gayo atangira guhunyiza. Ruzirabwoba aramubwira ati « Niko ye ! Ugiye gusinzira ? Kanguka nkubwire iyobera. »

*Mukiranutsi* : Ngaho rivuge.

*Ruzirabwoba* : Ushaka kwica, agomba kubanza kuneshwa kandi ushaka kuba mu mahanga agomba kubanza gupfira iwabo.

*Mukiranutsi* : Yaa ! Rirakomeye, rirakomeye gusobanura ariko cyane cyane gushyira mu bikorwa. Ariko reka turebe, yewe Musangwa, ndariguhaye ridusobanurire ndashimishwa no kukumva.

*Gayo* : Oya ! Ni wowe ryabajijwe, none ni wowe urisubiza.

Noneho wa musaza aravuga ati « Ni ngombwa kubanza gutsindwa n'ubuntu kugira ngo icyaha kinishwe, kandi ushaka kugira ubugingo nyakuri agomba kubanza gupfirwa ku giti cye. »

Gayo ati « Ni byo rwose, ihame ryera n'inararibonye birabitwi-

gisha. Kuko kugeza ubwo ubuntu bwigaragaza bugatwikiriza ubugingo ikuzo ryabwo, ubwo bugingo nta mbaraga buba bufite zo kunesha icyaha. Ndetse niba Satani akoresha icyaha nk'umuguzi wo kuzirika ubugingo, ubwo bugingo bushobora bute kunesha mu gihe izo ngoyi zitaracika? Nta muntu n'umwe wagiriwe ubuntu wakwemera ko ashobora kuba ingoro y'ubwo ubuntu mu gihe akiri imbata y'ibyaha bye. Ahubwo nibutse agakuru keza ngiye kubatekerereza. Hari abagabo babiri batangiye urugendo, umwe yari umusore, undi yari ashaje. Uwo musore yagombaga kurwana n'ibyifuzo bikomeye bya kamere, naho iby'uwo musaza byo byari byaracogojwe n'iminsi. Uwo musore kandi yagendaga ashinga ikirenge aho uwo musaza agishinguye. Ni nde wambwira muri abo bombi uwo ubuntu bwagiriye umumaro cyane kurusha undi?»

Mukiranutsi aramusubiza ati «Ni uwo musore rwose, kuko urwana n'imitego ikomeye ni we uba akomeye, cyane cyane iyo abaho kimwe n'utandarwana na kimwe cya kabiri cy'iyi mitego ye kuko ubukuru buyimurinda. Ndetse, nasanze ko abasaza benshi bibeshya gutyo, bitiranyu ubudohoke bwa kamere yabo no kunesha ibyaha ku bw'ubuntu. Mu by'ukuri, abasaza bafite ubwo ubuntu, baba bashobora cyane guha abakiri bato inama kuko bo baba bazi neza ukuntu ibintu ari ubusa. Nyamara iyo umusaza n'umusore babaho kimwe, uwo musore aba amurusha amahirwe yo kubona umurimo w'ubuntu uri muri we, kuko ukwifuzwa kwa kamere y'umusaza kuba kwaracogoye.»

Bakomeza kuganira gutyo burinda bucya.

#### 14. RUZIRABWOBA ANESHA IGIHANDA MWICABEZA.

Bose barahaguruka, Mukristokazi asaba umuhungu we gusoma igice cyo mu gitabo cy'Imana, atoranya icya mirongo itanu na bitatu cyo muri Yesaya. Aho arangirije gusoma, Mukiranutsi arabaza, ati «Ni koko havugwa ngo Umucunguzi avuye mu butaka bwumye kandi ngo nta shusho nziza cyangwa igikundiye yari afite?»

Ruzirabwoba ati «Ikibazo cya mbere ndagisubiza. Ni uko Itorerero ry'Abayuda ryari ritakigira utuzi tw'ubugingo cyangwa se umwuka w'ukwemera nyakuri naho ku cya kabiri, navuga ko hano ari ukuntu Umucunguzi yagaragariraga abanduye, abatagira kwa gushishoza kwinjira ngo kugere mu mutima wa Data wa twese, bo bakamucira urubanza rw'umukene nk'uko yigaragazaga. Ibyo byabaye nk'uko abatazi ko amabuye y'agaciro aba atwikiriyeho imyanda, bayajugunya nk'aho ari amabuye asanzwe; nk'aho nta gaciro arangwaho.»

Gayo ati «Ubwo ubu muri hano mwese, kandi nkaba nzi ubuhanga bwa Ruzirabwoba mu byo kurwanisha intwari, muze nitumara kwica akanyota, tujye gutembera mu mirima maze turebe niba nta cyo twakoraye. Hafi muri kilometero imwe uturutse hano, hari igihanda Mwicabeza kibuzwa cyane umutekano muri aka karere k'inzira y'Umwami. Kiyoboye agatsiko k'ibisambo, none byaba byiza tugikijije igihugu.»

Barabyemera maze baragenda, Ruzirabwoba afata inkota ye n'ingofero y'icyuma hamwe n'ingabo, naho abandi bafata ibisongo n'ibibando.

Bakigera ahantu cya gihanda cyari kiri, basanga gifashe mu maboko yacyo uwitwa Ntegenke, akaba yari yazanywe n'abagaragu bacyo bamufatiye mu nzira. Ubwo cya Mwicabeza cyarimo kumucuzwa ngo nikirangiza kimuhekenye amagufwa, dore ko ngo cyaryaga abantu.

Kikibona Ruzirabwoba n'abagenzi ku muryango w'ubuvumo bwacyo, kibabaza icyo bashaka.

Ruzirabwoba aragisubiza ati «Ni wowe dushaka, tuje guhorera Abagenzi benshi waciye imitwe, wabanje kubavana mu nzira nziza y'Umwami. Sohoka muri ubwo buvumo bwawe.»

Gikora ku ntwaro zacyo maze kirasohoka, barwana mu gihe cy'isaha irenga, maze barekera aho ngo bafate akuka.

*Igihanda* : Ni kuki mwanziye mu mirima ?

*Ruzirabwoba* : Twaje guhorera amaraso y'abagenzi nk'uko nabikubwiye.

Bongera gutangira indwano, maze cya gihanda gihigika Ruzirabwoba, kimujyana inyuma, arakigarukana agitimbura mu mutwe no mu mbavu, ku buryo cyataye intwano. Akigejeje hasi, aracyica, noneho agica umutwe, avujyana ku icumbi. Afata wa mugenzi Ntegenke na we aramujyana.

Bageze mu rugo, bereka abahasigaye umutwe wa Mwicabeza, barawuranga nk'uko babikorera abandi kugira ngo abifuzaga gukurikira urugero rw'icyo gihanda bashye ubwoba. Noneho babaza Ntegenke uko yagiye mu maboko y'icyo gihanda.

Ntegenke ati « Nk'uko mubyibonera, ndi umurwayi, ariko kuko urupfu rwahoraga rukomanga ku muryango wanjye, natekereje ko ntazigera ngirira amahoro mu rugo, ni bwo rero niyemeje kuba umugenzi, mva mu murwa w'Ishidikanyamana navukiyemo, jye na data na mama, ndinda ngera aha. Nta kabaraga ari ku mubiri, ari mu bugingo, ariko nubwo ngenda nkururuka, ndifuzaga gukomeza urugendo rwanjye. Nkigera ku irembo ry'iyi nzira, umutware waho yanyakiranye urukundo, ntiyagira icyo ambwira ku byerekeye uko ndi nk'agati uku, cyangwa se ku ntege nke z'ubugingo bwanjye, ahubwo ampa ibyangombwa ngomba gukenera mu rugendo, niko kumbwira ati 'Izere kugeza ku mperuka'. Nkigera kwa Musobanuzi, nakiriwe neza, kubera ko bambwiraga ko ntari gushobora kuzamuka umusozi Biruhanya, umwe mu bakozzi be arantwara angeza mu mpinga. Abagenzi na bo baramfashije nubwo nta n'umwe wigeze yemera kugendera mu ntambwe yanjye. Nyamara iyo bansigaga, bambwiraga ngo 'Komera'! Kandi bakanyemeza ko ubushake bw'Imana ari uko abanyanteye nke bahozwa amarira. Nkigera mu Muhora w'Igitero, ni bwo igihanda kimbwiye ngo ninitegure urugamba; ariko ibyo byari ukwikoza ubusa, mu ntege nke zanjye sinari nkeneye kurwana ahubwo nari nkeneye agatobe ko kunsubizamo imbaraga. Ubwo cyaraje kiramfata. Natekereza ko nubwo cyamfungiranye mu buvumo bwacyo, kitazanyica kuko ntari nagikurikiye ku bushake. Numva-

ga nzavamo ndi muzima kuko nari narumvise ko umugenzi wese uryazwe n'ibisumizi, adapfa mu gihe akomeje gutekereza Shebuja. Nari nteze kuvanwamo kandi koko ni ko byabaye ndetse murabona ko intacyo nabaye. Ndashimira Umwami wanjye wantabaye hamwe na mwe yakoresheje. Niteze n'ibindi bitero nzahura na byo, ariko niyemeje kuziruka uko nshoboye, kuzatera ibitambwe nintabasha kwiruka no kuzakururuka nintabasha gutera ibitambwe. Naho ku cy'ingenzi, kubera uwankunze, ubu mfite ikiruhuko, inzira yanjye yaraharuwe imbere yanjye naho ubugingo bwanjye bwamaze kwambuka rwa ruzi rutagifite urutindo namba nubwo nk'uko mbibona ndi umunyanteye nke z'ubugingo. »

*Mukiranutsi* : Mu minsi ishize, nta mugenzi witwa Bwoba washoboye kubonana na we ?

*Ntegenke* : Kuvuga ukuri twarabonanye. Yari avuye mu murwa witwa Buswa uri nko muri kilometero esheshatu uvuye mu murwa w'Irimbukiro, aho hantu harashyamba no kuva i Rimbukiro kugera aho navukiye. Ubusanzwe ndamuzi cyane kuko yari data wacu. Twarasaga cyane; yari afite uruti ruto nka njye, kandi twari dufite imico imwe.

*Mukiranutsi* : Erega ndabona umuzi koko kandi koko ndabyemeye ko mugirana isano, murasa rwose ari ukwereruka, ari indoro, emwe muranavugaga kimwe.

*Ntegenke* : Abatuzi bese ni ko bavugaga koko, na ndetse ibyo namubonyeho ibyinshi nanjye mbyibonaho.

Nuko Gayo aramubwira ati « Ngwino kandi ukomere ! Urisanga mu rugo rwanjye. Nugira icyo wifuzaga, ugisabe mu mudendezo kandi nunagira icyo wifuzaga ko abakozzi banjye bagukorera, baragikora batinuba. »

*Ntegenke* : Iyo neza ungiriye sinayitekerezaga, imbereye mbese nk'izuba ryatungukira mu gicu cyijimye cyane. Ese aho cya gihanda Mwicabeza kigeze gitekereza ko nzagirirwa iyi neza, ubwo cyamfataga kimbuza gukomeza urugendo ! Ubwo cyancuzaga kinsaka mu mifuka aho cyatekereza ko nzajya kwa Gayo akanyakira ? Nyamara birabaye.

Mu gihe Gayo na Ntegenke bari bakiganira, haza umuntu yiruka, akomanga ku rugo maze avugaga ko umugenzi Nkiranirwa yakubiswe n'inkuba hafi aho nko muri kilometero ebyiri.

*Ntegenke* : Ayi wee ! Yapfuye koko ? Mu minsi mike mbere yuko ngera hano yari yanshyikiriye maze turagendana. Ubwo igihanda Mwicabeza cyamfataga twari kumwe, ariko kuko yari akomeye, aza gushobora guhunga. Naho yacikiraga urupfu, naho jye mfatiwe ubugingo !

**15. ABAGENZI BAKWIRANYE :NTEGENKE  
NA MUGENDAYANGA. ABAGENZI MU  
IGURIRO MBURAMUMARO**

Muri icyo gihe, ni bwo Matayo yarongoye Mbabazi. Gayo na we ashyingira Yakobo, murumuna wa Matayo, umukobwa we witwa Foyibi. Nyuma y'ibyo bamara iminsi hafi icumi aho kwa Gayo bakora nk'uko abagenzi bose bakora.

Igihe cyabo cyo kugenda cyegereje, Gayo abakorera umunsi mukuru, bararya baranywa maze barishima. Ariko isaha yo kugenda igeze, Ruzirabwoba abaza agaciro k'ibyo bakoresheje byose, Gayo amubwira ko abari mu rugendo nta cyo bajya bishyura iwe. Buri mwaka yarabacumbikiraga ariko agategereza kuzishyurwa na wa Musamariya w'ingeso nziza, wari warasezeranije ataryarya ko azishyura ibizaba byaratanzwe byose (Luka 10 .34-35).

Nuko noneho Ruzirabwoba aramubwira ati « Mukundwa ukora nta buryarya mu byo ukorera Bene Data bose, ndetse n'abanyamahanga ku buryo banatanze ubuhamya bw'urukundo rwawe, imbere y'iteraniro, ubaha ibyo bakomeye byose mu rugendo ku buryo burya Imana (Yoh.5 .7).

Gayo abasezeraho bose, n'abana ariko cyane cyane kuri Ntegenke anamuha ka gatobe ko kunywera mu nzira.

Bakimara kurenga umuryango, Ntegenke atangira gusa n'usigara inyuma. Ruzirabwoba aba yamubonye, niko kumubwira, ati « Ntegenke, tebuka tujyane, nawe nzakubera umuherekeza maze uzarebe ukuntu bizakunezeza nk'abandi. »

*Ntegenke*: Iyaba byashobokaga ! Nkeneye umeze nka njye ngo tujyane, naho mwe mwese murakomeye kandi mufite imbaraga. Nahitamo rero gusigara inyuma kuko ndi n'akamuga, aho kugira ngo mbe umutwaro kuri jye ubwanjye no kuri mwe. Nababwiye ko ndi akanyanteye nke, ari mu mubiri ari no mu bugingo, kandi ibyo abandi bashobora kwihanganira, njye bintera uburwayi. Sinkunda ibitwenge, sinkunda imyenda myiza, sinakunda n'ibibazo bidafite umumaro. Mfite intege nke cyane ku buryo njya nshidikanya ku

mudendezo abandi bagira. Ntabwo nzi ukuri kose, ndi umukristo w'injiji, nk'iyi numvise umuntu yishimira mu Mwami, biramba-baza kuko jye meze nk'umuntu w'umunyanteye nke uri mu banyambaraga cyangwa nk'umurwayi uri mu bazima. Mbese ndagayitse ku buryo ntazi icyo nakora. Yewe, koko « Abanyerera bagenewe gusekwa » (Yobu 12 .5).

*Ruzirabwoba* : Ariko rero muvandimwe, mfite ubutumwa bwo « gukomeza abacogora, no gufasha abadakomeye » (1Tes.5.14). Uragomba rero kujyana na twe. Turajya tukurinda kandi tunagufashye. Twiteguye kwitanga rwose muri byose ku bwo kugukunda, ntituzakugisha impaka na rimwe (Rom.14.1) kandi tuzakubera byose (1 Kor.9 .22) aho kugusiga inyuma.

Ubwo ibyo byabereye imbere y'umuryango kwa Gayo, maze muri icyo gihe bakijya izo mpaka uwitwa Mugendayanga aba arahageze n'imbago ze mu ntoki (Zab.38.18) na we yari mu rugendo. Ntegenke aramubaza ati « Wageze hano ute ? Nari mbabajwe nyine n'uko ntafite uwo twajyana duhuje, none uje nari ngukeneye. Urakoze nshuti, nizeye ko tuzafatanyaga. »

Mugendayanga aramusubiza ati « Nzanezewa no kujyana nawe. Kandi Ntegenke Mwene Data, ubwo tugize amahirwe tugahura, ndagira ngo mbere yo kugenda, ngutize imwe mu mbago zanjye.

*Ntegenke* : Oya rwose kandi urakoze, ariko sinifuzaga gukoresha imbago ntaracumbagira. Uretse ko bishoboka ko duhuye n'imbwa y'inkazi, iyo mbago yawe nayitabaza.

*Mugendayanga* : Ntegenke mwiza, niba hari icyo jye n'imbago zanjye twakumarira, turakwihaye rwose.

Baherako barajyana bose. Ruzirabwoba na Mukiranutsi bajya imbere, Mukristokazi n'abana bakurikiraho naho inyuma haza Ntegenke na Mugendayanga mu mbago ze. Nuko Mukiranutsi abwira Ruzirabwoba ati « Ntiwatubwira ubu ngubu tukigenda ibyatugirira umumaro byo ku bagenzi batubanjirije. »

*Ruzirabwoba* : Cyane rwose ! Ngira ngo numvise bavugaga ukuntu Mukristo yahuye na Apolowoni mu gikombe Muçishabugufi, n'amaganya yagize ubwo yari ageze mu kibaya cy'Igicucu cy'Urupfu. Ndibwira ko mutanitesheje kumva ukuntu mugenzi we Mwizerwa yikijije umugore Musambanyikazi, na Adamu wa mbere

kimwe na Miburo ndetse na Soni, abashukanyi bane b'ibihate umuntu ashobora guhura nabo mu nzira.

*Mukiranutsi* : Yee, harya Soni si we wabereye Mwizerwa ibamba mu kumurwanya ? Uwo mugabo ntiyananirwaga.

*Ruzirabwoba* : Ni byo, kuko nk'uko uwo mugenzi abivugaga, uwo mugabo ntaho yari ahuriye n'izina rye.

*Mukiranutsi* : Ariko se ntiwambwira aho Mukristo na Mwizerwa bahuriye na Magambo ? Na we ngo yari impambiranyi !

*Ruzirabwoba* : Yari umupfapfa wiyemera cyane, nyamara benshi bakamukurikira.

*Mukiranutsi* : Ngo yaba yarashatse kuyobya Mukristo.

*Ruzirabwoba* : Ariko Mukristo yamuhaye ibibazo byatumye amumenya.

Baba bageze ha handi Mubwirizabutumwa yahuriye na Mukristo na Mwizerwa maze akababwira ibizababaho mu Iguriro Mburamumaro.

Ni bwo rero Ruzirabwoba ababwiye, ati « Aha ni ho Mukristo na Mwizerwa bahuriye na Mubwirizabutumwa akababwira ibigera-gezo bazabonera mu Iguriro Mburamumaro. »

*Mukiranutsi* : Koko se ? Bigomba kuba byari bikomeye.

*Ruzirabwoba* : Ariko kandi na none yarabakomeje. Ariko se twabavugaho iki ? Bari abagabo babiri bafite ubutwari nk'ubw'ingwe, mu maso habo habereye abanzi nk'urutare. Ntimwibuka ukuntu babaye indahangarwa imbere y'umucamanza ?

*Mukiranutsi* : Yee, ariko Mwizerwa yarababaye mu butwari bwinshi.

*Ruzirabwoba* : Ni byo, kandi mu mibabaro ye havuyemo ibyiza byinshi, kuko abantu benshi barimo Byiringiro, bahindutse kubera urupfu rwe.

*Mukiranutsi* : Komeza utubwire biragaragara ko ubizi neza.

*Ruzirabwoba* : Mbese ikintu kibi cyane yabonye aho aviriye mu Iguriro Mburamumaro ni uguhura na Mwishakirandamu.

*Mukiranutsi* : Mwishakirandamu yari muntu ki ?

*Ruzirabwoba* : Yari indyarya n'inkozi y'ibibi y'umubeshyi mu idini, yari umunyedini cyane ariko akaba indyarya cyane ku buryo nta cyabashaga kumubabaza cyangwa ngo abe yagira icyo yabura kubera ryo. Yahoraga asenga buri kanya, n'umugore we bikaba

nta cyabashaga kumubabaza cyangwa ngo abe yagira icyo yabura kubera ryo. Yahoraga asenga buri kanya, n'umugore we bikaba uko. Yahoraga ahindagurika mu bitekerezo bye, kandi akabibonera ibisubizo. Ariko nk'uko mbyibwira, byamurangiriye nabi ku buryo uko nzi nta mwana we n'umwe wemerwa n'abubaha Imana. Muri ako kanya, baba bageze aho bitegeye ururembo Mburamumaroro rurimo rya guriro. Babonye ko begereye urwo rurembo, babanza kujya inama y'ukuntu bari burunyuremo. Umugenzi wese atanga inama ye. Nyuma Ruzirabwoba aravuga, ati «Nk'uko mu-basha kubyibwira, naherekeje abagenzi benshi tunyurana muri uru rurembo, nduzimo uwitwa Munasoni w'Umunyakupuro (Ibyak. 21 .16), akaba ari umwigishwa wa kera, dushobora rero gucumbikayo ; si no kubishaka turajyayo. »

Ari Mukirantsi, ari Mukristokazi ari na Ntegenke, bose bati « Ye ».

Bakinjira muri urwo rurembo, ijoro riba riraguye, ariko Ruzirabwoba akaba yari azi inzira ibageza kwa Munasoni maze bagerayo nta ngorane. Ruzirabwoba arahamagara hanyuma Munasoni amenya ijwi rye, araza niko gukingura, bose barinjira.

*Munasoni* : Ubu murava he?

Nabo baramusubiza bati «Kwa mucuti wawe Gayo. »

*Munasoni* : Ubwo mwagenze cyane, mugomba kuba munaniwe. Baherako baricara. Ruzirabwoba abaza abagenzi ayoboye ati « Bite ?Ndibwira ko mwumva mwisanze hano kwa mucuti wanjye ? »

*Munasoni* : Nanjye ndabyizeye kandi rwose mbifurije kuza neza, nimugira icyo mwifuzaga cyose, mumbwire ndakora uko nshoboye kose nkibahe.

*Mukirantsi* : Mu kanya twari dukeneye icumbi no kumererwa neza, none ndibwira ko byombi twabibonye.

*Munasoni* : Ku byerekeye icumbi, namwe murabibona uko riri, naho ibyo kumererwa neza byo muzabyibonera.

*Ruzirabwoba* : Ariko se, ntiwajyana aba bagenzi mu byumba byabo ?

*Munasoni* : Cyane rwose ! Ajyana buri wese aho bari bucumbike maze anabereka aho bagombaga kuza gufungurira mbere yuko isaha yo kuruhuka igera.

Bamaze kuruhuka, Mukirantsi abaza nyir'urugo niba nta bantu benshi b'intwari bari muri urwo rurembo.

*Munasoni* : Ni bake ugereranyije n'ahandi.

*Mukirantsi* : Ubwo se twamenyana dute, kuko ku bagenzi kubona abantu b'intwari bihwaye n'uko ukwezi cyangwa inyenyeri bibonekera abagenda mu bwato bari mu nyanja.

Noneho Munasoni arahamagara, maze umukobwa we Nyirabuntu aritaba. Aramubwira ati «Nyirabuntu jya kubwira inshuti zacu : Ubabajwenibyaha, Mugabowera, Nshutiyabera, Mutabeshya, n'Usabimbabazi ko hano hari inshuti zifuza kubonana na bo muri uyu mugoroba. »

Nyirabuntu ajya kubahamagara, maze baraza. Bamaze kuramukanya, bicara bakikije akameza.

*Munasoni* : Nk'uko rero mubibona, bagenzi banjye, mfite muri uyu mugoroba abashyitsi b'ahandi. Ni abari mu rugendo, baturutse kure kandi baragana ku musozi Siyoni. Ariko muribwira ko uyu ari nde ? Ubwo yababazaga Mukristokazi.

Abasobanurira ko ari Mukristokazi, umugore wa Mukristo, wa mugenzi w'ikirangirire wagiriwe nabi cyane muri urwo rurembo we na mugenzi we Mwizerwa.

Baratangara cyane maze baravugaga bati « Ni igitangaza rwose, ntitwari tuzi ko turi bubone Mukristokazi ubwo Nyirabuntu yaduhamagaraga. » Bamubaza uko amerewe, niba kandi abasore bari kumwe na we ari abahungu ba Mukristo. Aho ababwiriyeye ko ari bo, barababwirira bati «Umwami mukunda kandi mukorera azabagire nka so kandi azabageze aho ari amahoro ! »

Mukirantsi abaza Ubabajwenibyaha na bagenzi be ukuntu noneho ururembo rwabo rwari rwifashe muri icyo gihe.

*Ubabajwenibyaha* : Icyo mugomba kumenya ni uko iyo habaye umutekano w'iguriro tuba mu ntambara. Muri iyo rwaserera rero bikadukomerera kugira amahoro mu mutima cyangwa mu bugingo. Umuntu wese mbese uba muri bene urwo rurembo agomba guhura n'abantu nk'abarwo, agomba guhora ari maso buri gihe.

*Mukirantsi* : Ariko se abo muhujye igihugu bo ubu baratureje ?

*Ubabajwenibyaha* : Ubu barushijeho gucisha make. Ngira ngo muribuka ukuntu Mukristo na Mwizerwa bagiriwe nabi muri uru rurembo ariko hashize igihe gito abaturage bagabanije amarere.



Ngira ngo amaraso ya Mwizerwa abaremerera nk'umutwaro kuko kuva aho bamutwikiye, bagize isoni ku buryo nta muntu n'umwe wundi bari bongera gutwika. Kera ntitwatinyukaga gusohoka ngo tujye mu nzira, ariko ubu turagendagenda mu mudendezo. icyo gihe izina ry'uwizera ryari igitutsi, ariko ubu mu gice kinini cy'ururembo, ngira ngo kandi muzi ko ari runini, iby'Imana bifite agaciro.

Ubabajwenibyaha akomeza ababaza ati «Ese urugendo rwababereye rute ? Bene wanyu se bo bababereye bate ? »

*Mukiranutsi* : Rwatubereye nk'uko bigendekera abagenda bose. Rimwe na rimwe inzira iba ari nziza, ubundi ikaba ari mbi, ubundi ikaba izamuka, ubundi ikamanuka. Mbega ntitujya twirara. Umuyaga uduhaha imbere n'inyuma. Kandi abo duhura bose si ko baba ari inshuti zacu. Ni kenshi twahuye n'ibisitaza mu nzira kandi ibidutegereje na byo ntitubizi, ariko kandi tubona ukuri kuri muri uyu mugani ngo «Amakuba n'ibyago by'umukiranutsi ni byinshi »(Zab. 34. 20).

*Ubabajwenibyaha* : Ni ibihe bisitaza mwahuye na byo ?

*Mukiranutsi* : Ibarize Ruzirabwoba, umuherekeza wacu, ni we wabigusobanurira neza.

*Ruzirabwoba*: Twatewe nka gatatu cyangwa kane kose. Mukristokazi n'abana be ni bo babanje kugarizwa n'ibisambo bibiri byasaga n'ibishaka kubica. Twatewe na none n'ibihanda bitatu, Muhotozi, Munogozi na Mwicabeza. Ariko mu by'ukuri uwo wa nyuma ni twe twamuteye. Dore uko byagenze. Twari tumaze iminsi mike kwa Gayo, wari uducumbikiye kandi ucumbikira abantu bose (Rom. 16. 23), maze tugira igitekerezo cyo gufata intwari ngo tujye kureba niba tutashobora kuzikoresha ngo twice bamwe mu banzi b'abagenzi, kuko twari twarumvise ko hari benshi hafi aho. Gayo yari azi neza ubwihisho bwa Mwicabeza, dushakashaka mu mpande zose, nyuma tuza kubona ubwinjira bw'ubuvumo bwe, biradushimisha cyane kandi bidutera ubugabo. Turagenda, maze tubona ko yari yatwaye ku ngufu mu isenga ye umugabo Ntegenke, arimo yitegura kumwica. Ariko aho atuboneye, agomba kuba yarahise yibwira ko abonye irindi haho, kuko yahise areka nyakubohwa agasohoka. Natwe turitegura, kuko yari atangiye kuza yica igiti n'isazi, mbese muri make, yaje gushyirwa hasi, umutwe

we uracubwa maze umanikwa iruhande rw'inzira kugira ngo n'abandi bifuzaga kurenganya abagenzi nka we batinye. Sinkubeshya kandi hari n'umugabo wo kubihamya usa n'akana k'intama kakuwe mu rwasaya rw'intare, yabiyemereza.

Ntegenke ati « Ibyo ni ukuri koko, nari mfite ubwoba bw'ibindi cyane ubwo yambwiraga buri kanya ko agiye kunkacanga amagufwa ariko aho Ruzirabwoba n'abagenzi baziye n'intwari zabo baje kunkiza, nashize ubwoba kandi ndanezerwa. »

Mugabowera aherako aravugaga ati « Hari ibintu bya ngombwa ku bantu bari mu rugendo ni ukutagira ikizinga mu bugingo bwabo. Iyo babuze ubutwari, ntibashobora kurangiza urugendo kandi iyo ubugingo bwabo butereye iyo, basebya izina ry'umugenzi. »

Nshutiyabera yongeraho ati « Nizeye ko aya magambo kuri mwe atari ngombwa, ariko rero hari benshi b'abanyamahanga ku bagenzi aho kuba 'abanyamahanga n'abagenzi kuri iyi si' ».

*Mutabeshya* : Yego na none ntibaba bambaye umwenda cyangwa ngo bagire ubutwari nk'iby'abagenzi nyakuri, kandi ntibagendera inzira imwe, ahubwo ukuguru kwabo kujya imbere, ukundi gusubira inyuma, kandi imyenda yabo iratobaguritse : hamwe hari ikizinga, ahandi haracitse, ku buryo bugayisha Imana.

*Usabimbabazi* : Bagombye kubabazwa n'ibyo bintu kuko bituma abagenzi batabonera ubuntu muri bo, kandi bigatuma urugendo rwabo rutaba uko rwagombaga kuba mbere y'uko inzira ivanwamo ibyo bizinga n'iyi myanda.

Bakomeza kwicara baganira bategereje ko ibiryo biza ku meza. Aho biziye bararya ; nyuma bajya kuruhuka. Bamara igihe kirekire muri urwo rurembo, bari kwa Munasoni, waje gushyingira umukobwa we Nyirabuntu, umuhungu wa Mukristokazi witwa Samweli naho uwitwa Marita akamuha Yozefu.

Bahamara igihe kirekire nk'uko nabivuze, kuko noneho hatari hakimeze nka kera. Abagenzi bamenyana n'abandi bantu b'intwari benshi bo muri urwo rurembo, babafasha uko bashoboye kose. Nk'uko abisanganywe, Mbabazi akorera abakene cyane, baramushima, bityo ahesha icyubahiro umurimo we. Nyirabuntu, Foyibi na Marita nabo bari bafite ubuhanga bwihariye, ku buryo na bo hari ibyo bakoraga aho bari bari. Bose barabyara ku buryo izina rya Mukristo ritazasibangana muri iyi si.

Mu gihe bari bakiri aho, haza gutera muri urwo rurembo ikintu cy'igihindugembe kivuye mu ishyamba maze kibicamo abantu benshi. Kigatwara abana maze kikabigisha kurigata ibyana byacyo. Nta muntu n'umwe watinyukaga kucyegera. Iyo cyazaga, bose baragihungaga. icyo gihindugembe nta nyamaswa n'imwe yo ku isi byasaga. Cyari gifite umubiri nk'uw'ikiyoka. « Kikagira imitwe irindwi n'amahembe icumi » (Ibyah. 12.3). Cyibaga abana cyane, ariko kigategekwa n'umugore (Ibyah. 17.3), cyagiraga ibyo gisezeranya abantu, maze abakunze umubiri wabo kuruta ubugingo, bakabyemera, ubwo rero bakakiyoboka. Ruzirabwoba asezerana n'abazaga kwa Munasoni gusura abagenzi ngo bazarwanye icyo gikoko uko bashoboye kugira ngo bakure abaturage b'urwo rurembo mu nzara no mu menyo y'icyo gisimba.

Nuko Ruzirabwoba n'Ubabajwenibyaha na Mugabowera, na Mutabeshya hamwe n'Usabimbabazi bakora ku ntwaro bajya ku kirwanya.

Kikibakubita amaso, kirabasuzugura maze kikabarebana iseseme, ariko bo baragitimbagura cyane kuko bari bakomeye kandi bafite intwaro. Baracyirukana, kirahunga na bo bigarukira kwa Munasoni.

Mukwiye kumenya ko icyo gihindugembe cyari gifite igihe gisohokera kijya gushimuta abana muri urwo rurembo. Za ntware ubwo zakomeje kukigenza ku buryo buri gihe uko cyabaga cyasohotse bagitikuraga, kugeza ubwo baje kugikomereza ndetse baranakimugaza ku buryo kitakibasha gushimuta abana nka mbere, ndetse abenshi bemeza ko cyazize ibyo bikomere byacyo.

Uko gutsinda gutuma Ruzirabwoba na bagenzi be baba ibirangirire muri urwo rurembo, ku buryo n'abatemeraga ibitekerezo byabo bari basigaye babemera bakanabubaha cyane. Ni nayo mpamvu yo kwibera mu mudendezo muri urwo rurembo Mburamumaro. Na none abantu bamwe b'abahakanyi, batarora boshye ifuku, kandi batagira ubwenge boshye inyamanswa, ntibigeze babaha agaciro cyangwa ngo bemere ugutsinda kwabo.

## 16. ABAGENZI MU GIHUGU CY'IMISOZI Y'IGIKUNDIRO. RUZIRABWOBA, MUKIRANUTSI N'ABAHUNGU BA MUKRISTOKAZI BICA IGIHANDA BWIHEBE

Igihe cyo kwitegura gukomeza urugendo kiragera. Batumiza inshuti zabo biragiza Yesu. Bamwe muri izo nshuti bazana ibyiza bari bafite, baha abanyanteye nke n'abanyambaraga, abagore n'abagabo, ibyo bari bakeneye byose bose (Ibyak. 28.10).

Nuko bongera kugenda, inshuti zose zirabaherekeza zibageza kure hashoboka nyuma biragiza Umwami wabo mbere yo gutandukana.

Ubwo Ruzirabwoba yagendaga imbere. Abagore babagendera buhoro. Mugendayanga na Ntegenke baboneraho.

Bagitandukana n'abo mu rurembo ndetse n'inshuti zabo baba bageze ha handi Mwizerwa yiciwe. Barahagarara maze bashima Uwamushoboje umusaraba we neza, cyane cyane ko bari barabonye ukuntu imibabaro ye yahesheje umugisha abantu benshi.

Bakomeza kugenda baganira kuri Mukristo na Mwizerwa, ku kuntu Byiringiro yaje kwifatanya na Mukristo nyuma y'urupfu rwa Mwizerwa.

Baza kugera hafi ya ka gasozi kitwa Ndamu karimo aho bacukura ifeza ari naho hatesheje Dema urugendo rwe, hakaba ari naho, nk'uko bose babitekereza, Mwishakirandamu yaguye akihagera.

Ariko bageze kuri ya nkingi yari yegamiye agasozi Ndamu, ni ukuvuga ya nkingi y'umunyu iteganye na Sodomu na rwa ruzi rwiza, baratangara nk'uko byagendekeye Mukristo, kubera ukuntu abantu bafite ubwenge nka buriya bayobejwe bagata inzira yabo.

Banabona ukuntu abantu batajya bigishwa n'imibabaro abandi babonye iyo ari ibintu bishimishije ubusazi bwabo.

Mbona noneho bakomeje inzira ibageza kuri wa mugezi utemba no mu Misozi y'Igikundi, wa mugezi w'inkombe zikikijwe n'ibiti byiza bitoshye. Amababi yabyo yoroshya mu nda ku uyariye. Muri icyo gihugu, ibibaya bihora bitoshye, kandi abagenzi babasha kubiruhukiramo mu mutekano (Zab. 23). Kuri urwo ruhande rw'uruzi hari ibiraro n'ibuga by'intama, hamwe n'inzu yubakiye kugaburiramo no kororeramo utwana tw'intama ni ukuvu-

gà impinja z'abagore bari mu rugendo. Harimo kandi umugabo wari udushinzwe kuko yashoboraga kutugirira ibambe twagize intege nke (Heb. 4.15; 5.2). Yaraduteruraga akadushyira mu gituzo cye kandi agashorerana ituze intama zonsa (Yes.40.11).

Mukristokazi asaba abakazana uko ari bane ko baha uwo mugabo abana babo kugira ngo abacumbikishirize, abarinde, abatabare, abagaburire kandi ntihabe hagira n'umwe wabura muri bo.

Uwo mugabo anagarura mu nzira nziza abayiteshutsemo cyangwa abayitaye (Yer. 23.5), abakomeretse arabapfuka naho abarwaye akabakomeza (Yer. 34.11-16). Hafi ye nta kibuze, ari ibyo kurya, ari ibyo kunywa, ari n'ibyambarwa, nta bajura bahaba, kuko yahitamo gupfa aho kuba hazimira intama imwe mu zo aragira. Atoza abagenzi inzira nziza, kandi rwose ni iby'igiciro cyinshi.

Nk'uko mubiyumvira, hano bahabonera amazi meza, ibibaya byiza, indabyo zinyuranye, ibiti by'amoko atari amwe bifite imbuto nziza, zitari nka za zindi Matayo yaryaga zatenderaga hejuru y'urukuta rw'ubusitani bwa Sekibi Beyezebuli, ahubwo imbuto zitanga ubuzima aho butari, zikanabushyigashyiga zibwongera aho busanzwe.

Ba bagore banezewa cyane no guha abana babo uwo mugabo kandi no kumva ko ubwo buhungiro bw'abana bato bwateguwe n'Umwami, bibatera imbaraga.

Abagenzi barikomereza maze bageze kuri rwa rwuri rw'Inzira Iteshuka hafi y'uruzitiro Mukristo na mugenzi we Byiringiro bambutse ubwo bafatwaga na cya gihanda Bwihebe maze kikabafungira muri cya gihome cy'Ishidikanyamana, barahagarara maze barabazanya ngo bamenye icyo bakwiye gukora. Bumvaga icyakora bakomeye cyane kandi biyizeye rwose kubera kuba hamwe n'umuntu w'umugabo nka Ruzirabwoba w'umuherekeza ku buryo bibazaga niba badakwiye kubanza kurwanya icyo gihanda, bagasenywa icyo gihome cyacyo maze bagakuramo abagenzi baba bagifungiyemo mbere yuko bakomeza urugendo rwabo. Ariko bamara akanya bibaza niba byemewe gutera urugo rw'abandi. Umwe muri bo arababwira ati « Biremewe iyo intego ari nziza. »

Ruzirabwoba arababwira ati « Nubwo icyo cyemezo atari ihame iteka, nyamara nahawe itegeko ryo kuneshya icyaha no kurwanya

ikibi, itegeko ryo kurwana intambara nziza yo kwizera. None natsinda nte iyo ntambara ntarwanyije igihanda Bwihebe? Ngiye rero kugerageza kucyica, maze nsenye igihome cyacyo. Ni nde ushaka ko tujyana? » Wa musaza Mukiranutsi ati « Jye ndabishaka ». Ba bahungu ba Mukristokazi aribo Matayo, Samweli, Yozefu na Yakobo bati « Natwe ni uko. » Bose bari abasore uko ari bane b'imbaraga n'ibakwe ryinshi.

Ruzirabwoba n'umusaza Mukiranutsi hamwe na ba basore uko ari bane bagenda bagana cya Gihome cy'Ishidikanyamana ngo bahabonanire n'igihanda Bwihebe. Bageze ku rugi rw'icyo gihome barutimburaho cyane bidasanze. Igihanda cy'igisaza cyegera urugi, giherekejwe n'umugore wacyo Nyirabyiringirobiki.

Kirabaza kiti « Uwo wihaze bigeze aho kwendereza umukambwe Bwihebe ni nde? »

Ruzirabwoba ati « Ni jye Ruzirabwoba, umwe mu baherekeza bashyizweho n'Umwami w'iki gihugu ngo nyobore abagenzi, none ndagutegetse ngo ukingurire kugira ngo mbashe kwinjira. Unitegure kurwana, kuko nje kuguca umutwe no gusenya igihome cy'Ishidikanyamana. Igihanda Bwihebe cyibwira ko ubwo ari kinini kidashobora kuneshwa, maze kigatekereza, kiti « Jyewe wanesheje n'abamarayika natinye Ruzirabwoba koko? »

Gishyiramo imyenda yacyo y'intambara maze kirasohoka, cyari gifite ingofero y'umuringa ukomeye cyane, umukandara n'inkweto z'ibyuma maze gifite n'ubuhiri mu ntoke.

Noneho ba bagabo uko ari batandatu bacyiyahuraho bagiturutse imbere n'inyuma. Umugore wacyo Nyirabyiringirobiki aje kugitabara, wa musaza Mukiranutsi amutimbura rimwe aramugusha. Barwanira ubugingo bwabo, maze igihanda Bwihebe gishyirwa hasi ariko gitinda gupfa. Gikomeza kugaragurika n'amahane menshi, mbese cyakomezaga umutsi nk'injangwe. Ariko Ruzirabwoba akivaho ari uko agiciye umutwe. Batangira noneho gusenya igihome cy'Ishidikanyamana, ariko ntibyabatera ingorane na mba, kuko cya gihanda Bwihebe cyari cyapfuye, nyamara ntibabuze kuhakoresha iminsi irindwi yose. Basanga mu gihome harimo umugenzi witwaga Ntambaraga, ari hafi kwicwa n'inzara, hamwe n'umukobwa we Uwakanze babakuramo.

Aho Ruzirabwoba n'abagenzi barangirije icyo gikorwa, bafata

Ntambaraga n'umukobwa we Uwakanzwe, ngo babarinde kuko nubwo bari barafunzwe n'igihanda Bwihebe mu gihome cy'Ishidikanyamana, bari abantu b'inyangamugayo. Bamaze guhamba mu kirundo cy'amabuye igihirihive cya cya gihanda bajyana umutwe wacyo maze basanga bagenzi babo bari basigaye ku nzira niko kubereka icyo bari bamaze gukora.

Ntegenke na Mugendayanga babonye umutwe w'igihanda, bari-shima cyane. Mukristokazi n'umukazana we Mbabazi batangira gucuranga imyirongi n'imiduri, Mugendayanga ashaka kubyina, afata Uwakanzwe mu maboko maze batangira kubyina ku nzira. Na none yabyinanga imbago ariko ndababwiye umudiho we wari unoze. Uwo mukobwa na we yabyinaga butore. Naho Ntambaraga we, iby'indirimo ntacyo byari bimubwiye cyane, we yishakiraga kurya kurusha kubyina kuko inzara yari imuri nabi. Mukristokazi amuha kuri ka gatobe gatera imbaraga ngo agarure ubuyanja, nyuma bamushakire icyo kurya.

Nuko mbona mu nzizi zanjye Ruzirabwoba afata umutwe w'igihanda Bwihebe awutungu ku rubambo iruhande rw'inzira, muni neza y'inkingi Mukristo yari yarubatse ngo aburire abagenzi bazamukurikira batinjira iwacyo. Nuko yandika ku kabaho k'ibumba imirongo ikurikira :

*Uyu mutwe washyizwe hano,  
Wari uw'umwanzi w'abagenzi.  
Ariko n'ubutwari bwinshi,  
Jye Ruzirabwoba, ndarwana  
Maze igihanda, kiraneshwa !*

## 17. ABAGENZI BAKOMEZWA N'ABASHUMBA BO MU GIHUGU CY'IMISOZI Y'IGIKUNDIRO

Nyuma yo kwica no gusenyerera cya gihanda Bwihebe, abagenzi bacu bakomeza inzira. Maze bagera mu misozi y'Igikundi, hamwe Mukristo na Byiringiro baruhukiye bakahabonera ibyiza byari byarabagenewe.

Abagenzi banamenyana n'abashumba, na bo babifuriza kuza neza, nk'uko bari barabigiriye Mukristo.

Babonye ko Ruzirabwoba, bari bazi neza ari hamwe n'abantu be benshi, baramubaza bati « Mugabo mwiza ko uri hano n'abantu benshi, ntiwatubwira aho ubavanye ? »

Ruzirabwoba arabasubiza ati « Mbere na mbere dore uyu ni Mukristokazi n'abahungu be bane n'abagore babo. Bakaba bagana ku musozi Siyoni nk'uko urushinge rwerekana impande z'isi rwiganisha ku mitwe yayo. Naho dore uyu ni umukambwe Mukiranutsi, akaba umugenzi, hagakurikiraho Mugendayanga, akaba umuntu wumvira, kimwe na Ntegenke utifuza gusigara inyuma. Uyu kandi ni Ntambaraga akaba umugabo w'intwari, n'umukobwa we Uwakanzwe. Dushobora se gucumbika hano, cyangwa se dukomeze urugendo ? Nimutubwire icyo dukwiriye gukora. »

Ba bashumba bati « Aba bantu muri kumwe ni beza, mwese murisanga, kuko ari abafite intege nke, ari n'abafite nyinshi, tubakunda kimwe. Umwana w'Umwami wacu abona ibyo dukorera aboroheje cyane hanyuma y'abandi muri Bene Data, (Mat.25.40), ubumuga rero si bwo bwabuza kwakirwa. »

Barabajyana maze babageza ku rugi, barababwira bati « Injira Bwana Ntegenke, injira Bwana Mugendayanga, injira Bwana Ntambaraga, nawe Mukesha Uwakanzwe ». Ba bashumba babwira Ruzirabwoba bati « Aba tubahamagaye mu mazina kuko bo barusha abandi kuba bava mu nzira, naho wowe kimwe n'abasigaye, murakomeye, mushobora kugenda uko mushaka mu mudendezo. »

Ruzirabwoba ati « Ndabona rwose ko ubuntu bubuzuye mu maso uno muni kandi ko muri abashumba ba Databuja koko, kuko 'Mutabyigishije imbavu intama zirwaye ngo muzisunikishe igitugu' (Ezek.34.21). ahubwo mwaziteguriye inzira n'indabyo kuzeza mu ngora, nk'uko ari inshingano yanyu. »

Bityo ab'intege nke babanza kwinjira, Ruzirabwoba n'abandi bakurikiraho. Bose bamaze kwicara, abashumba babwira bamwe b'intege nke, bati « Murifuza iki? Kubera ko hano byose byateguwe kugira ngo abanyantege nke bahumurizwe kandi abayobye bagarurwe. »

Babazimanira indyo yoroshye, iryoshye, kandi yuzuye; bamaze gufungura bajya kuruhuka, buri wese ahe. Bukeye bwaho ku gasururuko, abashumba bajya kwereka abagenzi nk'uko babimenyereye, ibyo beretse Mukristo, noneho babajyana ahantu hashya.

Aha mbere haba ku musozi w'Igitangaza, aho babonye umugabo wagushaga imisozi n'ijambo rye gusa. Babaza abashumba icyo ibyo bisobanura babasubiza ko uwo mugabo yari mwene Muhabwabuntubwinshi. Bati « Abereye hariya kwigisha uburyo abagenzi babasha gutsinda amagorwa yose babonera mu nzira bakoresheje kwizera » (Mar. 11. 23-24). Ruzirabwoba ati « Ndamuzi ni umuntu mukuru. »

Abashumba babajyana ku musozi Bwitonzi. Bahabona umugabo wambaye ibyera n'abandi bantu babiri, Mwangizi na Rwango bamutera ibyondo ubutaruhuka. Nyamara ibyo byondo byahantanukaga ako kanya kandi iyo myambaro ye igakomeza kuba myiza nk'aho itigeze yanduzwa. Ba bagenzi barabaza bati « Ibi byo biravuga iki? »

Abashumba bati « Uriya mugabo yitwa Munyakuri, naho uriya mwambaro we, ukerekana ukuri kwe, ariko nk'uko icyondo kidafata ku myenda ye, ni nako ikibi ntacyo gishobora gutwara uwera wese muri iyi si. Abagerageza bese kwanduza bene abo bantu barushywa n'ubusa, kuko Imana ihita yerekana mu kanya gato, ubwitonzi bwabo, ikabugaragaza nk'urumuri naho gukiranuka kwabo kukererana nk'izuba ryo ku manywa. »

Babajyana noneho ku musozi Rukundo, bahaberekera umugabo ufite igice cy'umwenda imbere ye arimo kuhabohera ibishura n'imyenda y'abakene y'abari bamukikije ariko cya gice cy'umwenda cye nticyigera kigabanuka.

*Abagenzi* : Ibi ni ibiki?

*Abashumba* : Ni ukugira ngo mubone ko uha abakene ibivuye mu mirimo ye, atazigera agira icyo abura. « Uvomera abandi na we azavomerwa » (Imig. 11.25). Umutsima wa mugore yakoreye umuha-

nuzi nta cyo watubije na mba ku ifu yo mu rwabya rwe.

Babajyana kandi ahantu umusazi n'ikirimarima barimo buhagira umuntu w'igikara cyane ngo none yahinduka akera de, ariko uko bamwuhagiraga niko yarushagaho kwirabura. Abagenzi babaza icyo ibyo bivuga maze abashumba barabasubiza, bati « Nguko uko bigendekera ibyaremwe by'agaciro gake. Ibikorwa byose ngo byisumbure birushaho kubisubiza inyuma bibitera kwangwa. Ni ko byagendekeye Abafarisayo, kandi ni ko bizagendekera abiyoberanya bese. »

Mbabazi muka Matayo abaza nyirabukwe Mukristokazi ati « Mama, nifuzaga niba bishoboka, kubona ubwinjiriro bw'umusozu bakunda kwita mu muriro utazima. »

Mukristokazi abibwira abashumba. Noneho bajyayo. Ubwo bwinjiriro bwari buri mu rubavu rw'umusozu, barabufungura, maze babwira Mbabazi ngo natege amatwi akanya gato. Atega ugutwi maze yumva ijwi riboroga ngo « Yaba ikivume data utaranyeretse inzira y'amahoro n'ubugingo! » Naho irindi jwi ryasakuzaga ngo « Ye baba iyaba narashwanyaguritse mbere y'uko niyicira ubugingo ngo ndarwana ku mubiri wanjye! » Naho irindi ryasakuzaga ngo « Nk'ubu nkabasha kongera kubaho bundi bushya, mbega ukuntu nakwiyanga ngo ntazaza aha hantu! » Maze noneho asa n'uwumvise isi yiyatira muni y'ibirenge bye, inahinda umushyitsi. Agira ubwoba maze asohoka atitira, avuga, ngo « Hahirwa uwo ari we wese wakize aha hantu. »

Abashumba bamaze kubereka ibyo bintu byose babagarura mu rugo maze babazimanira ibyashoboraga kuboneka byose. Mbabazi kubera ko yari muto kandi atwite yifuza ikintu yari yarabutswe ariko atatinyutse kugisaba. Nyamara kuko yagaragaraga ko atameze neza, nyirabukwe amubaza ikimubabaje.

Mbabazi aramubwira ati « Hari indorerwamo nabonye mu cyumba twaririyemo ariko yanze kumva mu bwonko. Ubanza nintayibona ndibukuremo inda. »

*Mukristokazi* : Ngiye kubibwira abashumba, kandi ndibwira ko batayikwima.

*Mbabazi* : Mfite isoni zo kumva abo bagabo bamenya ko nagize uko kwifuza.

*Mukristokazi* : Oya mwana wa ..., ntabwo biteye isoni, ahubwo

ni byiza kurarikira ikintu nka kiriya.

*Mbabazi* : Mubyeyi rero , umbarize abashumba niba tutayigura.

Iyo ndorerwamo yari iteye ukwayo. Uruhande rumwe rwerekana-ga ishusho y'umuntu uko ari neza (Yak.1.23-25). Maze wayihindura, ikerekana mu maso hasa neza n'ah'Umwami w'abagenzi (1Kor. 13.12). Navuganye n'abamuzi maze bambwira ko babona muri icyo ndorerwamo umutwe we utamirije amahwa, babonye kandi ibiganza bye, ibirenge n'urubavu bitoboye. Iyo ndorerwamo iratunganye ku buryo imwerekana nk'uko umuntu yifuza kumubona yapfuye cyangwa ari muzima, ku isi cyangwa mu cyubahiro, aje kubabara cyangwa aje kwima ingoma (2Kor. 3 .18).

Mukristokazi yegera ba bashumba ari bo : Bwenge, Kamenyero, Ntagoheka na Mutariganya, abajyana ahiherereye ababwira atya ati « Umwe mu bakazana banjye, umugore ukiri muto utwite, arifuza ikintu yabonye muri iyi nzu kandi afite ubwoba ko yakuramo inda muramutse mukimwimye. »

Kamenyero ati « Muhamagare ! Muhamagare ! Agomba kubona icyo ari cyo cyose twabasha kumuha. »

Baramuhagara maze baramubaza bati « Mbaba... ! Ni ikihe kintu wifuza ? »

Asuherewe arabasubiza, ati «Ya ndorerwamo nini imanitse hamwe barira. »

Mutariganya agenda yiruka, arayizana, ayimuha n'umutima mwiza.

Nuko Mbabazi arunama amushimira agira ati « Ku cyo mukoze iki mmenyeyeho ko naboneye ubuntu mu maso yanyu. »

Abashumba baha n'abandi bagore bato bose ibyo bifuzaga byose, banashimira cyane abagabo babo kuko bari bifatanije na Ruzirabwoba mu kwica igihanda Bwihebe no gusenya igihome cy'Ishidikanyamana.

Bambika Mukristokazi urunigi kimwe na buri wese mu bakazana be uko ari bane. Banabaha uturimbisho tw'amatwi n'utw'uruhanga.

Bigeze igihe abagenzi bifuje kugenda, barabareka bagenda mu mahoro, ariko ntibagira inama babagira nk'uko bazigiriye Mukristo na mugenzi we, kuko bari bafite umuherekeza Ruzirabwoba wari uzi inzira neza kandi ashobora kubaburira bibaye ngombwa. Mu

kristo na mugenzi we bibagiwe inama bari bagiriwe n'abashumba kubera ko bazikoresheje nyuma y'igihe cyinshi cyari cyahise. Bityo abagenzi bari bayobowe na Ruzirabwoba bakaba bari bafite icyo babarusha. Bava aho baririmba bati :

*Ni ukuri mu ijuru dufiteyo Data  
Uduhozaho amaso ye buri muni ;  
Ibyiza byinshi bite nyina w'umuntu yakora  
Ntibyahwana n'urukundo rwe rutariyarya.*

*Urukundo rwe n'imbabazi ze  
Biduhaza ibyiza buri muni ;  
Araturinda kandi iteka akaduha  
Ibyiza birenze ibyo twifuza .*

*Yaa ! Tudatinze, twuzuye kwizera,  
Tutariyarya mucyo tumushime ;  
Tunerekanishe kumvira kwacu  
Ko tumwemeraho Umukiza wacu.*

## 18. ABAGENZI BAHURA NA MUNYENTWARI

Aho batandukaniye n'abashumba, abagenzi bahita bagera ha hantu Mukristo yahuriye na Musubiranyuma, wa muturage wo mu murwa Murekamana. Ruzirabwoba abibibutsa muri aya magambo ati « Aha ni ho Mukristo yahuriye na Musubiranyuma afite icyapa mu mugongo kiriho iby'ubuhemu bwe. Uwo mugabo ntiyumvaga inama n'imwe, ariko aho atangiriye kugwa ho nta kintu na kimwe cyabashije kumutangira. Aho agereye ha hantu hari umusaraba n'imva, ahasanga umuntu wamubwiye ngo niyitegereze, ahubwo we ahekenya amenyo maze akubita akarindi avuga ko yiyemeje gusubira mu murwa we. Mbere yo kugera ku rugi, ahura na Mubwirizabutumwa wamusabye kumurambikaho ibiganza kugira ngo amugarure mu nziza nziza, ariko we aranangira, ndetse aranamutuka, arangije yurira urukuta maze amucika atyo. » (Heb.10.26-29).

Abagenzi bakomeza urugendo rwabo maze basanga ha hantu heza Nizerabuhoro yamburiwe, hahagaze umugabo n'inkota mu ntoke kandi avirirana mu gahanga. Ruzirabwoba aramubaza ati « Uri nde ? »

*Wa mugabo* : Nitwa Munyentwari, nkaba ndi umugenzi kandi ndagana mu Rurembo rw'Ijuru. Ariko naje gucakirwa n'abagabo batatu ubwo nari nibereye mu nzira, maze bampitishamo mu bintu bitatu : kujyana na bo, gusubira iyo nari nturutse, cyangwa se guhita mfira aho. Ku cya mbere mbabwira ko kuva kera ndi umuntu w'umwizerwa ko rero ntashobora gufatanya n'ibisambo (Imig.1.10-19). Bambaza noneho icyo ntekereza ku cya kabiri. Mbasubiza ko iyo nza kubona ko aho naturutse hatambereye habi mba ntaririwe mwayo. Bansaba igisubizo ku cyifuzo cya gatatu. Mbabwira ntya nti « Ubuzima bwanjye ni ubw'igiciro cyinshi ku buryo ntapfa kubutanga uko mbonye kose, ndetse nta n'uburenganzira na mba mufite bwo kumpitishamo mutyo, ndetse nimukomeza kwivanga cyane mu byanjye, birababyarira ingorane. » Noneho ba bagabo uko ari batatu, bitwaga Bwarayaze, Mutigaya na Kidobya, banyiyahuraho nanjye nti « Ndabihambaho. » Turarwana, umwe kuri batatu, bimara amasaha arenga atatu. Bansigira igisare nk'uko mubibona, ariko nabo bajyana icyanjye. Bamaze kugenda nonaha ndi-

bwira ko bumvise imirindi yanyu maze bigatuma bahunga.

*Ruzirabwoba* : Ariko bigambaga kukuneshya kuko bari batatu kuri umwe.

*Munyentwari* : Ni byo, ariko kuba ari benshi cyangwa ari bake nta cyo bivuze ku muntu ufite ukuri. « Naho ingabo zabambira amahema kuntera, umutima wanjye ntuzatinya, naho intambara yambaho, no muri yo nzakomeza umutima. » (Zab. 27.3) Nandetse mu Byanditswe nasomye ko umuntu umwe yahanganye n'umutwe w'ingabo wose.

*Ruzirabwoba* : Ese kuki utavugije induru ngo hagire uwagutabara ?

*Munyentwari* : Natabaje Umwami wanjye we washoboraga, nk'uko nari mbizi kunyumva no kuntabara bitagaragara kandi ibyobyari bimpagije.

*Ruzirabwoba* : Witwaye butwari. Ese reka ndebe iyo nkota yawe.

Arayimuhereza. Amaze kuyakira no kuyitegereza akanya, yitera hejuru ati « Ni intwari nyayo y'i Yerusalemu. » (2Kor.10.4).

*Munyentwari* : Koko umuntu wese wayigira azi no kuyikoresha, ashobora ndetse no guhangana n'umumarayika ! Ntacyo yatinya na mba azi kuyikoresha. Ubugi bwayo ntibugimba na mba. Iyi ntware kandi iratema igahwanya byose, byaba inyama, byaba amagufwa byaba ubugingo cyangwa se-imyuka. (Ef. 6.12-17, Heb. 4.12).

*Ruzirabwoba* : Ariko ndumva bintangaje kuba utananiwe kandi warwanye igihe kirekire.

*Munyentwari* : Narwanye kugeza ubwo inkota yanjye numvaga yafatanye n'intoke, ku buryo numvaga ari igice gihera ku kuboko kwanjye, ubwo nabonye mvirirana mu ntoke ni bwo narushijeho kurwanana ubutwari.

*Ruzirabwoba* : Wakoze neza kuko warwanije icyaha ukakinesha kugeza ku kumena amaraso yawe (Heb.12.4). Ngwino, uzabana na twe, tuzakubera inshuti.

Baherako baramufata, bamwoza ibikomere maze bamuha ibyo bari bafite, byamugarurira agatege, noneho barajyana. Ruzirabwoba yari yishimiye cyane kubana na we kuko yakundaga abagabo b'intwari rero bakaba bari babaye intwari ebyiri hagati y'utunya-ntege nke n'utugoryi. Amubaza ku bintu byinshi, ariko abanza kumubaza igihugu akomokamo.

*Munyentwari* : Ndi uwo mu gihugu cy'Umwijima, kuko ariho navukiye. Data na mama ni ho bagituye.

Ruzirabwoba aratangara ati « Igihugu cy'Umwijima ! Harya ntikiri hamwe n'umurwa Rimbukiro ? »

*Munyentwari* : Ye, kandi dore n'icyanteye kujya mu rugendo. Uwitwa Muniyakuri yaje hafi y'iwacu aho, maze adutekerereza ibyo Mukristo yakoze, wa wundi wavuye mu murwa Rimbukiro, ukuntu yataye umugore we n'abana maze agatangira umurimo w'umugenzi. Adutekerereza iby'akabanga k'uko yishe inzoka yabangamiraga urugendo rwe, kandi akaza kugera ku ntego yari yariyemeje. Yanatubwiye ko Mukristo yakiriwe neza mu bikingi byose bya Shebuja, ariko cyane cyane ubwo yageraga mu marembo y'Ururembo rwo mu Ijuru, kuko ngo yakiriwe n'amajwi y'impanda, akakirwa n'umutwe w'ibizima bibengerana.

Yanatubwiye ko inzogera z'urwo rurembo zavuze ku bw'ibyishimo byo kwakira Mukristo kandi ko we yambitswe imyenda ya zahabu ; yongeyeho n'ibindi byinshi ntabasha kurondora byose. Muri make uwo mugabo yatubwiye ibya Mukristo n'urugendo rwe neza, ku buryo umutima wanjye wahise wuzura igitekerezo cyo gukurikiza urugero rwe data na mama ntibabasha kumperana, ubwo ndabata, none ndi hano.

*Ruzirabwoba* : Winjiriye mu muryango ?

*Munyentwari* : Cyane rwose. Kuko Muniyakuri yatubwiye ko nitutinjirira muri uwo muryango, ibyo twazakora byose byaba imfabusa.

Ruzirabwoba abwira Mukristokazi ati « Urabona ukuntu urugendo rw'umugabo wawe rwamenyekanye hose n'ibyiza byose rwazanye ! »

*Munyentwari* aratangara cyane ati « Ye ! Uwo se ni umugore wa Mukristo ? »

Ruzirabwoba ati « Ye, dore ndetse n'abahungu be bane. »

*Munyentwari* : Birashoboka se ? Bose batangiye urugendo ?

*Ruzirabwoba* : Yee, rwose bese bari mu nzira imwe.

*Munyentwari* : Ibyo biranshimishije. Mbega umugabo w'intwari ! Mbega ibyishimo azagira nabona abatarifuzaga kumukurikira, binjira inyuma ye, mu Rurembo rw'Ijuru !

Ruzirabwoba : Nta gushidikanya ko bizamubera umunezero

mwinshi, kuko hejuru y'ibyishimo byo kuba ari yo we ubwe azagerakaho ibyo kuhahurira n'umugore n'abana be.

*Munyentwari* : Ariko ubwo tuvuze kuri icyo ngingo, ntiwambwira icyo uyitekerezaho ? Abantu benshi bibaza niba tuzongera kumenyana mu ijuru.

*Ruzirabwoba* : Bemera se ko bo ubwabo bazimenya cyangwa bakishimira kuba muri uwo munezero ? Niba ibyo ari ko biri, kuki batakongera kumenya abandi ? Ngo bashimishwe na bo n'umunezero wabo ? Na ndetse ubwo ababyeyi bacu ari bo twe bandi, n'ubwo bene iyo sano itabaho hejuru iyo, ni kuki tutavuga ko tuzarushaho kunezewa no kuzabonana mu munezero w'agahebuzo aho kuzabona ko ntawo bagenewe ?

*Munyentwari* : Nuko, ubu noneho menye icyo ubitekerezaho. Nta bindi bibazo ufite ku byerekeye uko natangiye urugendo rwiza ?

*Ruzirabwoba* : Ndabifite. So na nyoko se bemeye neza ko uhinduka umugenzi ?

*Munyentwari* : Yoo, reka da ! Ntacyo batakoze ngo banyumvishe ko nkwiye kuguma mu rugo.

*Ruzirabwoba* : Bavugaga bibi ki ku buzima bw'umugenzi ?

*Munyentwari* : Baravugaga ngo ni ubuzima bw'ubunebwe, ko ngo niba ntemeye ngo mbe inyanda ntazabushobora.

*Ruzirabwoba* : Naho ibindi ?

*Munyentwari* : Banavugaga ko inzira abagenzi bakurikira ari yo nzira y'injyanamuntu kurusha izindi mu isi.

*Ruzirabwoba* : Bakweretse se ukuntu iyo nzira ari injyanamuntu ?

*Munyentwari* : Cyane rwose.

*Ruzirabwoba* : Nyuriramo numve.

*Munyentwari* : Bambwiye iby'Isayo Gahindagasaze, hamwe Mukristo yendaga kurigita wese, bambwira ko hari abarashi bihishye mu gihome cya Sekibi Beyezebuli, bahora bafoye ngo barase ukomanga wese yifuzaga kwinjira mu Irempo Rifunganye. Bandozorerwa n'amategeko, imisozi yijimye, wa musozi Biruhanya, za ntare, bya bihanda bitatu : Muhotozi, Munogozi na Mwicabeza. Banambwira ko kandi hari icyihebe cyabiyogoje mu kibaya Mucishabugufi ku buryo ngo cyari kigiye kwica Mukristo. Ndetse, ubwo bambwira ko nzagomba kunyura mu kibaya cy'Igicucu



cy'Urupfu, ahantu hari imyuka mibi, aho urumuri rwahinduwe umwijima, aho inzira yuzuye imitego n'ibisimu, n'imishibuka n'imatego y'amoko menshi. Bantekerereza n'iby'igihanda Bwihebe n'igihome cy'Ishidikanyamana, n'akaga abagenzi bahabonera. Banongeraho ko ngomba kuzambuka cya Gihugu Kiroze, ngo kibi cyane, ngo maze nyuma y'ibyo byose nkazagera ku ruzi rutagira ikiraro, ari rwo ruzaba runtandukanije n'Ururembo rw'Ijuru.

*Ruzirabwoba* : Ni ibyo gusa ?

*Munyentwari* : Oya, banambwiye ko iyo nzira yuzuye abashukanyi, n'abantu bahora bategereje kuyobya abibereye mu nzira nziza .

*Ruzirabwoba* : Bakabihamya bate ?

*Munyentwari* : Bambwiraga ko Mugundiribyisi ahari kugira ngo ashukashuke abahisi, ko Mihangoyidini na Ndyarya bahora bage-ndagenda muri iyo nzira. Bambwira ko Mwishakirandamu, Mvugonziza cyangwa Dema, bazagerageza kuntwara, ko Muriganya azandehereza mu rushundura rwe, ko nimpura na Ntabwenge, nzibwira ko nzashobora kugera kuri rwa rugi, maze nkazoherezwa nka we mu rwobo ruri mu rubavu rw'ako gasozi, ku rugi rw'umuriro utazima.

*Ruzirabwoba* : Ibyo byari bihagije kugira ngo ucike intege, ariko se barekeye aho ?

*Munyentwari* : Ashwi da! Banantekerereje na none abantu benshi bagiye bagerageza iyo nzira, bakanayigenda bakagera kure, ngo barebe niba batabona nibura icyo cyubahiro cyakomeje kuvugwa. Bambwira ukuntu bagiye bakimirana bakagaruka, maze bigashimisha igihugu cyose, na bo ubwabo bakiseka kubona barakandagiye muri iyo nzira. Bampa ingero za bamwe muri bo : Mudakurwakwijambo, Nyamujiyiryanino, Mutiringira na Bwoba, Musubiranyuma na wa musaza Muhakanamana n'abandi benshi, bari bagerageje ngo barebe ko hari icyo bavanamo, ariko ngo nta nyungu babonyemo na mba habe n'iyaba ifite agaciro n'uburemere by'ibaba.

*Ruzirabwoba* : Nta bindi bakubwiye byo kuguca intege ?

*Munyentwari* : Umva ra ! Bambwiye umugabo utinya, umugenzi wasanze iyi nzira ari iy'ubwigunge ku buryo nta n'agasaha nibura kamwe yigeze ayinezererwamo, bambwira umugabo inzara yayinanguriyemo. Kandi nari ngiye kubyibagirwa, banambwiye ko Mu-

kristo na we ubwe, uwo wavuzwe cyane, nyuma y'iryo shakisha rye ry'ikamba ry'ijuru yarohamye mu ruzi rw'urupfu agaherayo ko atigeze na rimwe agera mu Rurembo rw'Ijuru, ko ariko bahishe amaherezo ye mabi.

*Ruzirabwoba* : Maze ibyo byose ntihagira ikiguca intege ?

*Munyentwari* : Oya, kuko ibyo byose numvaga nta cyo bivuze !

*Ruzirabwoba* : Kubera iki ?

*Munyentwari* : Mbese, numvaga nemera cyane ibyo Munyakuri yari yantekerereje, maze ibyo bigatuma ntita ku bisitaza.

*Ruzirabwoba* : Waneshesheje rero kwizera ? (1Yoh.5 .4) .

*Munyentwari* : Cyane rwose . Naremeye , ndagenda , ninjira mu nzira, ndwanya abanzi banjye, none nageze hano ku bwo kwizera.

*Igira hino wowe ushaka*

*Kumenya ubutwari*

*Umugenzi wese aba ari inkwakuzi !*

*Yuzuye ibyiringiro.*

*Ntatinya umuyaga cyangwa umuhengeri*

*Ibihanda n'abariganya.*

*Yemera ibyamuteganyirijwe*

*Umugenzi uhiriwe !*

*N'iyi haba hari ibyago bingana bite*

*Biri mu nzira ye,*

*Atumbira Umwungeri Mwiza*

*Nta na rimwe ashidikanya.*

*Azi umurage we,*

*Baramutinyisha ariko ntabyiteho*

*Yemera ubutumwa bwiza*

*Umugenzi uhiriwe !*

## 19. ABAGENZI BACA MU BIKOMEYE MU GIHUGU KIROZE. BAMYENYANA NA MUTAJEGAJEGA

Abagenzi bakiganira, bagera mu Gihugu Kiroze, umwuka wacyo uca intege. Aho hantu hari imifatangwe n'amahwa y'ubwoko bwose, uretse hamwe na hamwe hari hari udushyamba twiza ariko turoze ku buryo uwicaragamo, yashoboraga kutongera guhaguruka cyangwa ngo azigere akanguka na rimwe.

Maze bose bagenda bagana ahari bene ako gashyamba. Ruzirabwoba arababanziriza, kuko yari umuyobozi, Munyentwari ajya inyuma ngo akenguze kugira ngo hatagira ikiyoka cyangwa igihanda cyabatera cyibaturutse inyuma. Buri mugabo wese yari afashe inkota ye mu ntoki, kuko aho hantu hari injyanamuntu. Bagahumurizanya uko bashoboye. Ruzirabwoba agenda afashe Ntegenke inyuma ye naho Munyentwari ntakure ijisho kuri Ntambaraga.

Batararenga umutaru, haza igihu cy'ubwire kirabatwikira, ku buryo bamaze umwanya ntawe ureba undi. Bagombaga guhamagarana kugira ngo babashe kumenya aho baherereye, kuko nta wabashaga kugenda areba undi. Ngira ngo murumva ko niba ibyo bintu byari biteye abagabo ubwoba, ku bagore n'abana ho byari kure kubi, dore ko ari ibirenge ari n'umutima byabo bihora bijegajega.

Nyamara kubera amagambo ahumuriza y'abari bafashe iya mberere n'abari basigaye inyuma, byose byagenze neza uko bishoboka. Iyo nzira yarananzaga, kuko yari ibyondo gusa kandi inyerera, nta hantu na hamwe wakwicira isari. Hatangira kumvikana imiborogo, n'iminiho ndetse no gusuhuza umutima. Umwe yabaga arwana n'imifatangwe, undi akaba yafashwe n'isayo, ndetse bamwe mu bana bata inkweto zabo muri iyo sayo. Mu gihe umwe yabaga avuza induru ati «Ndaguye we!» Undi we yabaga abaza ati «Mbere muri he?» Naho uwa gatatu ati «Nafashwe n'amahwa, sinzi niba mbasha kuyikuramo!»

Baza kugera ku bwihugiko bwikinze kandi bureshya abagenzi, kandi ku mpera yabwo bwari bukinze, bukaba bwari butatswe n'ibiti n'ibyatsi bitoshye, hakaba hari harimo n'intebe ziriho imisego. Bwari bunafite uburiri bworohereye kugira ngo abantu bananiwe babashe kuburukiraho. Ibyo byose, nimushaka mubye-mere, byari ibishuko, kubera ko abagenzi bari batangiye gutsindwa

n'ingendo mbi. Ariko nyamara, nta n'umwe werekanye ko yifuzaga guhagarika urugendo rwe.

Nk'uko babashije kubibona, bumviraga amabwiriza y'umuyobozi wabo, kandi na we yakomezaga kugenda ababurira ibyago byose n'uko bimeze ku buryo mu gihe babigeragaho, bakanguraga ubugingo bwabo kandi bakibukiranya kuneshya umubiri.

Ubwo bwihugiko bwitwaga Nshutiyumunewe, kandi bwari bufite intego yo gukora uko bishoboka kose kugira ngo abagenzi bamwe bananiwe baharuhukire.

Mboneraho noneho muri izo nzozi zanjye ko bakomeje iyo nzira y'ubwigunge, kugera ahantu umuntu wese yabasha guta inzira. Iyo haza kuba habona, umuherekeza wabo aba yaraberetse bitamurhije uko banyura muri iyo nzira mbi, ariko kuko hari mu mwijima, bagombye guhagarara. Ruzirabwoba yari afite igishushanyo mu mufuka we cy'inzira zose zigera mu Rurembo rw'Ijuru. Ahita afata ikibiriti cye kitamuvagaho na rimwe; ararasa, areba kuri icyo gishushanyo cye; maze kimwereka inzira y'iburyo. Iyo ataba umunyamakenga ngo arebe kuri icyo gishushanyo, bashoboraga kumirwa n'isayo, kuko hafi aho, imbere yabo, hariho inzira nziza yahoreraga, hari urwobo rutazwi n'umuntu n'umwe uko rureshya. Urwobo rwuzuye ibyondo, rwari rwaracukuriwe kugira ngo rubere abagenzi umutego.

Ubwo ndatekereza muri jye nti «Abajya mu rugendo bese, bagombye kugira kiriya gishushanyo, kugira ngo bakirebereho mu gihe cyose bayobewe inzira bagombaga kunyuramo.»

Bakomeza kugenda mu Gihugu Kiroze, maze bagera ku bundi bwihugiko, bwubatswe iruhande rw'inzira. Muri bwo harimo abagabo babiri bitwa Nyabwangu na Mwihazi. Bari abagenzi babiri bananiye n'urugendo, maze baricara ngo baruhuke, nuko barasinzira. Ba bagenzi bacu bababonye, barahagarara maze babanyeganyeza umutwe, kuko bari bazi ko abo banyabitotsi bari abantu bababaje. Babazanyo niba badakwiriye kwikomereza bakabareka bagasinzira, cyangwa niba bakwiye kugerageza kubakangura. Biyemeza kubakangura niba bishoboka ariko birinda cyane kuba bakwicara ngo badatwarwa n'akaruhuko keza kari aho.

Barinjira maze bahamagara ba bagabo mu mazina yabo, kuko umuherekeza yari abazi ariko ntibagira igisubizo na mba babona.

Ruzirabwoba arabanyeganyeza ndetse akora uko ashoboye ngo abakangure. Noneho umwe muri bo aravuga ati « Nzakwishyura nimbona amafaranga. » Ruzirabwoba azunguza umutwe. Undi nawe aravuga ati « Nzarwana igihe cyose nzaba mbasha gufata inkota yanjye. »

Umwe mu bana yumvise ayo magambo, atangira guseka. Mukristokazi arabaza ati « Ibi ni iki ? »

Ruzirabwoba ati « Barimo kurota. Wabanyeganyeza, wabakubita, ibyo wabakorera byose ushaka kubakangura, bagusubiza kuriya nka wa wundi bavuze kera, ngo wari usinziririye mu mazi magari cyangwa mu bushorishori bw'igiti, maze ati 'Ndakanguka ryari ngo nongere njye kuvumba' (Imig.23.34-35). Ntimuzi ko iyo abantu barota, bavuga ibyo babonye byose; amagambo yabo ntaba ategukwa no kwizera cyangwa n'ubwenge. Uko amagambo yabo adahuye ni nako nta huriho riri hagati y'aho batangiriye urugendo n'aho bari ubu. Ngako rero akaga ko gutangira iyi nzira udakomeje. Ku bahubutsi makumyabiri n'umwe, makumyabiri muri bo ibi bibabaho, kuko iki Gihugu Kiroze ari hamwe mu hanyuma umwanzi w'abagenzi yahungiyeye. Nk'uko kandi mubibona; yahashyize ku mpera y'inzira kugira ngo arushaho kubona uburyo bwiza bwo kubayobya. Kuko yibwira ati 'Bariya basazi ni ryari bazaba bifuzwa kwicara?' Ati 'Ni igihe bazaba bananiwe.' Kandi ati 'Bazaba bananiwe ryari atari ku mpera y'urugendo?' Ni yo mpamvu, ndabisubiramo, Igihugu Kiroze cyashyizwe hafi y'igihugu Bewula no hafi y'intego y'uru rugendo. Abagenzi rero bagomba kwirwanaho bo ubwabo, naho ubundi ibyabaye kuri aba bagabo babiri basinziriyeye na bo byababaho. »

Abagenzi berekanisha ubwoba bw'inshi ko bifuzwa kuva aho hantu, basaba umuherekeza wabo kumurika, ngo bagire umucyo w'itara utuma bakomeza urugendo. Abakorera ibyo bifuzaga, maze babasha kurangiza urwo rugendo nubwo umwijima wari mwinshi (2 Pet.1.19).

Cyakora abana batangira kunanirwa ibi bibababaza, nuko basaba wa Wundi ukunda abagenzi ngo inzira yabo ayigire nziza. Hashize akanya gato, haza umuyaga maze weyura bya bicu, ijuru ryongera gucya. Bari bataragenga Igihugu Kiroze, hari hakiri ingorane nyinshi nyamara bashoboraga kurebana, no kubona inzira bagomba

kunyuramo. Ariko bagiye kurangiza ahantu habi, bumva urusaku rw'ijwi rivugana amaganya. Baregera ngo bamenye ibyo ari byo, babona umugabo upfukamyeye, babona yerekeje amaso n'ibiganza mu ijuru, avugana imbaraga abwira Ufite ubutware n'imbaraga, ariko ntibumva ibyo yavugaga, maze bategerezanya ituze ko arangiza. Noneho arahaguruka, maze atangira kwiruka agana mu Rurembo rw'Ijuru. Ruzirabwoba aramuhamagara, niko kumubwira ati « Yewe nshuti turinde niba ugiye, nk'uko mbikeka, mu Rurembo rw'Ijuru ! »

Wa mugabo arahagarara, maze bamugeraho. Umugabo Mukiranutsi akimukubita amaso yitera hejuru ati « Uyu mugabo ndamuzi. »

*Munyentwari:* Ni nde ?

*Mukiranutsi:* Duturuka mu gihugu kimwe, izina rye ni Mutajegajega. Sinshidikanya ko ari umugenzi wo mu bwoko bwiza.

Baregerana neza maze Mutajegajega yitera hejuru ati « Yoo! Mukiranu... , data we ! Ni wowe se ? »

*Mukiranutsi:* Ni jye rwose, ubu ndi hano nk'uko nawe ubwawe uhari.

*Mutajegajega:* Biranshimishije guhurira nawe muri iyi nzira.

*Mukiranutsi:* Nanjye ni uko byanshimishije kuba nakubonye upfukamyeye.

Mutajegajega arijima maze aravuga ati « Mwambonye rero ? »

*Mukiranutsi:* Yee, kandi umutima wanjye wabyishimiye.

*Mutajegajega:* Hanyuma se mwabitekerejeho iki ?

*Mukiranutsi:* Natekereje ko ari umuntu w'intungane uri mu nzira ko kandi tugomba kujyana na we.

*Mutajegajega:* Biranshimishije niba mwanciriye urubanza rwiza, ariko niba ntari uko nari nkwiriyeye kuba, bizambarweho jye jyenyine.

*Mukiranutsi:* Ni ukuri ariko, ukubaha kwawe kurarushaho kunyemeza ko umubano uri hagati yawe n'Umwami w'abagenzi umeze neza, kuko byanditse ngo « Hahirwa umuntu uhorana kubaha. » (Imig.28.14).

*Munyentwari:* Noneho rero, Mwene Data, ntiwatubwira impamvu wari upfukamyeye, waba se washimiraga ibyiza bidasanze wagiriye ?

*Mutajegajega* : Nk'uko mubizi, turi mu Gihugu Kiroze, ubwo rero uko nagendaga, nabaga ntekereza ku kaga kari muri iyi nzira no ku bantu benshi bayikurikiye kugera hano, bagahagarikwa kandi bakicwa. Nanatekerezaga ku rupfu rutegerereza abantu benshi hano. Umva si indwara y'igikatu cyangwa urupfu rubabaza rubatwara, kuko usinziriye ahubwo yumva anezerewe.

Umugabo Mukiranutsi amuca mu ijamba maze aramubaza ati «Wabonye ba bagabo babiri basinziriye mu bwihugiko ? » Mutajegajega aramusubiza ati «Yee, nababonye, Nyabwangu na Mwihazi, kandi ndakeka ko bazahaguma kugeza bahaboreye.» (Imig.10.7).

Ariko nikomereze ibyanjye. Mu gihe nari ngitekereza kuri ibyo, mbona haje umugore wambaye neza, ariko ukuze, aranyiha wese ngo turyamane ndetse n'amafaranga ye yose. Mu by'ukuri, nari naniwe kandi nsinzira, ndi n'umukene nyakujya, kandi rwose uwo mukenya yari abizi. Uko nakomezaga kumwirukana, we yaramwe-nyuraga gusa. Ubwo rero natangiye kurakara, ariko ntiyabyitaho. Ansezeranya ibindi bintu yampa, anambwira ko niba nemeye kumwumvira, azangira igihangange kandi nkagira umunezero, ati «Kuko ari jye mugenga w'iyi si, nkaba nashimisha abagabo. » Mu-baza izina rye, ansubiza ko yitwa Muyobyamubi. Iryo zina rirushaho kumunyangisha, ariko akomeza kunkurikirana andeshyareshya. Ubwo ndapfukama, nerekeza ibiganza mu ijuru ntabaza Uwaseze-ranije gucungura.

Igihe mwari muhageze, ni bwo uwo mugore yagiye. Ubwo rero nakomeje gusenga nshimira ubwo buntu buhebuje, kuko rwose ndibwira ko mu by'ukuri atari ibyiza yanshakiraga ahubwo yashakaga kumbuza urugendo rwanjye.

*Mukiranutsi* : Nta gushidikanya, imigambi ye yari mibi. Ariko ndumva, nkurikije ibyo uvuga, naba naramubonye cyangwa narumvise bamuvuga.

*Mutajegajega* : Byombi birashoboka.

*Mukiranutsi* : Muyobyamubi ! Si umugore w'igikundiye munini kandi w'imibiri yombi ?

*Mutajegajega* : Ni uwo rwose, ameze uko umuvuze uko.

*Mukiranutsi* : Uvugana ubwitonzi bwinshi, kandi akanamwenu-ruko uko arangije interuro ?

*Mutajegajega* : Mbese ni ibyo neza neza akora.

*Mukiranutsi* : Ntagira n'ibifaranga byinshi mu mufuka kandi akabijejeza buri kanya nkaho ari bwo bwiza bw'umutima we ?

*Mutajegajega* : Gutyo neza ! Uramuvuga nk'aho umureba imbere yawe.

*Mukiranutsi* : Hari umuhanga wamushushanije uko ari, kandi ibyo yamwanditseho byose ni byo.

*Ruzirabwoba* : Uwo mugore ni umupfumu, kandi ibizimu bye ni byo biroga iki gihugu. Gushyira umutwe mu gituzi cye ni kimwe n'uko wawushyira mu ngiga y'igiti umucamitwe atemeraho, kandi abashima ubwiza bwe, baba abanzi b'Imana (Yak.4.4). Ni we uko-meza abanzi b'abagenzi bose. Rwose ni we uyobesha zahabu ye abagabo benshi bakava mu mibereho y'umugenzi (1Yoh. 2.15). Ni indondogozo, kandi we n'abahungu be bahora bagenda runono abagenzi b'abakene, babiratira ubwiza buhebuje bw'imibereho yabo. Ni umwihare w'umugore kandi ni umugome, udatinya umugabo n'umwe. Aho uzi ukuntu asuzugura abagenzi b'abakene abisekerera, maze agashimagiza abakungu. Iyo hagize uwunguka amafaranga bitamuruhije, abikwirakwiza hose, akikundira ubushyitsi n'iminsi mikuru, kandi akajya ahantu hose hari amafunguro meza. Yigize ikigirwamana mu birorero bimwe, ku buryo abantu babyo bamwe bamwambaza. Afite ahantu n'amasaha byo kubeshyera, akomeza ko nta n'umwe ufite ubutunzi nk'ubwe, asezeranya ko atazigera ahemuka kugeza ku bana b'abana b'abamukunda bakamuramya. Kuri bamwe no ku hantu hamwe na hamwe, anyanyagiza zahabu afite boshye umukungugu. Iyo bamuvuga neza bamushuka arishima, akifuza gutura mu mitima y'abagabo. Ntiyigeze ahaga ibimunezeza, kandi abo akunda kurusha ni abamusingiza kurusha abandi. Bamwe na bamwe abasezeranya amakamba n'ubwami, ngo niba bemeye gukurikira inama ze, nyamara benshi yabajyanye mu kagozi naho abarutaho kuba benshi abajyana mu muriro w'iteka.

*Mutajegajega* ariyamirira ati «Mbega umuntu ! Kuba namunaniye, rwose ubu aba yanjyanye he ? »

*Ruzirabwoba* : Hehe ? Imana yonyine ni yo ihazi. Ariko ni ngo-mbwa aba yakujyanye mu « Irari ryinshi ry'ubupfu ryangiza, rika-roha abantu mu bibahenebereza. » (1Tim.6.9) Ni we wateye Abusa-lomo kwivumbura kuri se na Yerobowamu kwivumbura kuri

Shebujja. Ni na we wemeje Yuda kugambanira Shebujja, kandi abuza Dema imibereho y'umugenzi. Nta muntu wabasha kurondora ibibi yakoze byose. Ateza kutavuga rumwe abana n'ababyeyi, abaturanyi, abiteza umuntu n'umutima we, akanabiteza umubiri n'ubugingo. Ni yo mpamvu rero nshuti yanjye Mutajegajega izina ryawe rikwiriye gukiranuka kandi « Nyuma yo kwihanganira byose, uzakomeze weme. »

Ayo magambo atera abagenzi ibyishimo birimo n'ubwoba ariko nyuma batangira kuririmba bati :

*Umuntu w'isi wese yibwira*

*Ko inzira agenderamo nta makuba arimo ;*

*Ariko hazabona ishyano ugendera*

*Kure y'Umwungeri Mwiza !*

*Abakunzi b'iby'isi,*

*Bayizimiramo,*

*Kubera ko bahungira Imana*

*Mu mwijima w'icuraburindi.*

*Mbega amahirwe aterwa*

*No kumenya inzira ijya mu ijuru*

*No kuyoborwamo gusa*

*N'urukundo rw'Imana !*

*Ubugingo bwacu bugomba gutekereza*

*Ko ku-iherezo ry'uru rugendo*

*Hari uguhorana n'Umwami*

*N'umunezero mwinshi mu ijuru.*

*Ni Umwungeri wiringirwa*

*Utujyana mu rwuri twebwe intama ze*

*Ni we kandi uduhamagarira*

*Uburuhukiro bw'icyubahiro cyinshi.*

*Umutima rero wuzuye ibyishimo,*

*Tumukurikire « mu nzira ye »*

*Muri iyo nzira ibengerana*

*Aho Imana idufata akaboko.*

## 20. ABAGENZI MU GIHUGU CYA BYISHIMOBANYJYE-MURICYO . MUKRISTOKAZI NA BAGENZI BE BAMBUKA URUZI BAGERA MU RUREMBO RW'IJURU.

Noneho mbona abagenzi bageze mu gihugu cyitwa Byishimo-byanjyemuricyo aho izuba riva ku manywa na n'ijoro. Ariko kuko bari bananiwe baharuhukira akanya gato dore ko cyari kinatamirijwe imirima y'imbutu n'inzabibu, Umwami w'Ururembo rw'Ijuru yari yarahashyiriye abagenzi. Ntibaharuhukiye igihe kinini cyane ariko kuko inzogera n'impanda zahumvikanishirizaga amajwi meza cyane, ku buryo ntawabashaga gusinzira, ariko ibyo ari byo byose bumvise baruhutse cyane nk'aho basinziriye igihe kirekire kandi cyane. Abatemberaga mu mayira baravuga bati « Hari abagenzi bandi bageze mu murwa »; abandi barasubiza bati « Abandi nkabo bambutse uruzi none, kandi bamaze gutambuka za nzuzi zirabagirana ». Abandi kandi bavuga cyane bati « Umutwe w'abaremwe babengerana umaze kwerekezwa mu murwa. Ibyo bikatumenyeshako hari abagenzi bari mu nzira, ubwo bakaba baje kubasanganira ngo babahoze imibabaro yabo. »

Noneho barahaguruka maze batembera hirya no hino. Amaso yabo yabonaga gusa ibyo mu ijuru. Muri icyo gihugu nta kintu na kimwe cyabereye kibi ubuzima bwabo ari ibyo babonaga, ari ibyo bumvishaga amatwi, amazuru, intoki cyangwa ururimi, byose byari byiza, ku bugingo no ku mubiri wabo. Amazi ya rwa ruzi yonyine ni yo yashatse kubasharirira mu kanwa, ariko mu muhogo akaryohera.

Aho hantu hari kandi igitabo cyanditsemo amazina y'abagenzi ba kera n'amateka y'ubutwari bagize bwose. Hanavugwagamo cyane uburebure bwa rwa ruzi n'ibyo gukama kwarwo. Hamwe hasa n'ahakamye rwose naho ahandi amazi yari yararenze inkombe

Abana bo muri uwo murwa bazaga mu busitani bw'Umwami bagacamo indabyo zo gutura abagenzi. Ubwoko bwose bw'indabyo zihumura neza bwarahabonekaga. Ibyumba by'abagenzi byabaga byashyizwemo imibavu mu gihe cyose bahari. Baranayibasigaga umubiri wose, uko babishaka, mbere y'uko bambuka uruzi.

Mu gihe bari bakiruhukira aho, bategereje igihe gikwiriye, inku-

ru isakara mu murwa ko hari intumwa yavuye mu Rurembo rw'Ijuru ifite ubutumwa bukomeye bwa Mukristokazi muka Mukristo. Baramushaka maze bamubona mu icumbi rye. Ya ntumwa imuha urwandiko rurimo ibi bikurikira « Ndakuramutsa , ntwari y'umugore ! Nkuzaniye inkuru ko Shobuja aguhamagaye kandi akaba yizeye ko mbere y'iminsi cumi uzamugera imbere wambaye kudapfa. »

Ya ntumwa imaze kumusomera urwo rwandiko, imuha ikimenyetso cy'uko yoherejwe rwose kumuhagurutsa vuba ngo agende.

Icyo kimenyetso cyari umwambi, umusyi wari waratya jwe n'urukundo maze winjira bitagoye mu mutima wa Mukristokazi urahatunganya neza ku buryo mu gihe cyagenwe yari amaze kwitegura.

Mukristokazi abonye ko igihe cyeye cyageze ko kandi ari we ufashwe mbere mu bandi ngo agende, atumiza Ruzirabwoba umuherekeza, maze amumenyesha ibyabaye byose. Undi na we amubwira ko anejjwe cyane no kumenya ayo makuru kandi ko na we yajyaga gushimishwa n'uko ubwo butumwa bwamugenerwa. Mukristokazi amusaba inama zikwiriye kugira ngo byose biteguye ngo agende, na we arazimuhaha anongeraho ko abasigaye bose bagomba kumuherekeza kugera ku nkombe y'uruzi.

Noneho ahamagara abana be, maze abaha umugisha wa kibyeyi, ababwira ko abonana ubwuzu cya kimenyetso cyo mu gahanga kabo, ko kandi imyambaro yabo yari igikeye kandi icyera. Nyuma agabagabanya abakene uduke yari agifite, kandi anasaba abahungu be n'abakazana be kuzaba biteguye ubwo intumwa izaza kubajyana.

Amaze kubwira umuherekeza we n'abana be atyo, ahamagara Munyentwari, niko kumubwira ati « Mugabo, wiyerekanye igihe cyose n'ahantu hose nk'umwizerwa, uzakomeze kuba Umwizerwa 'kugeza ku rupfu' kandi Umwami wanjye azakugororera ikambary'ubugingo. Ndifuzaga kandi kugusaba ngo ntuzakure ijisho ku bana banjye, maze nuramuka ubonye bacika intege, uzabibabwire kandi ubakomeze. Kuko abakazana banjye batateshutse, ugusohozwa kw'isezerano kuzababera igihembo. »

Aha Mutajegajega impeta, maze ahamagara wa mukambwe Mukiranutsi niko kumuvugaho ati « Dore Umwisirayeli nyakuri, uda-

fite uburiganya ! » (Yoh.1.47). Mukiranutsi aramubwira ati « Nkwifurije umunsi mwiza ubwo uzaba ugana ku musozi Siyoni, kandi nzishimira kukubona wambuka uruzi n'amaguru utarohamye. »

Ariko aramusubiza ati « Najandama nagira, kugenda biranshimishije, uko igihe cyangana kose mu rugendo rwanjye, nzi ko nzidagadura ninshyika nkaruhuka kandi nkumuka. »

Intwari Mugendayanga aba aje kumureba. Umugore aramubwira ati « Wowe urugendo rwarakuruhije cyane kugeza hano ariko ikiruhuko kizakurushirizaho kuba cyiza. Ube maso, kandi witegure, kuko isaha udatekerezaga ari yo intumwa izaziraho. »

Noneho umugabo Ntambaraga n'umukobwa we Uwakanzwe baranwegera, niko kubabwira, ati « Mugomba guhora mwibukana gushima uburyo mwavanywe mu nzara z'igihanda Bwihebe mugakizwa Igihomwe cy'Ishidikanyamana. Ubwo buntu mwagiriwe ni bwo bwabagejeje hano mu mutekano. Mube maso kandi mwiyanze ubwoba, mwiyoroshya kandi mwizera kugera ku mpera. »

Naho ku bwa Ntegenke, Mukristokazi aravugaga ati « Ntegenke wakuwe mu menyo y'igihanda Mwicabeza kugira ngo uzabe iteka mu rumuri rw'abazima, kandi ngo ukomezwe no kureba Umwami wawe. Gusa ukwiriye kwihana ataragutumaho, ukareka gutinya kwawe no gushidikanya ubugwaneza bwe, nahu ubundi igihe yazazira wazasanga umwaragurika mu maso ye. »

Umunsi wo kugenda wa Mukristokazi uragera. Icyo gihe inzira yari yuzuye abantu benshi baje kumusezeraho bwa nyuma. Ku nkombe yo hakurya y'uruzi hari huzuye amafarashi n'amagare yaturutse mu ijuru ngo amujyane amugeze ku muryango w'Ururembo rw'Ijuru. Aragenda maze yinjira mu ruzi amanikiye amaboko bwa nyuma abari bamuherekeje bose. Amagambo ye ya nyuma bumvise ni aya « Ndaje Mwami Mana, kubana nawe no kugusingiza ! »

Abana be n'inshuti basubira ku macumbi yabo ; kuko ba bandi bari bategereje Mukristokazi bari bamaze kumurengana. Agenda atyo maze yinjirira mu muryango, yakiranwa ibirori by'ibyishimo nk'ibyo Mukristo yakirijwe, ubwo yinjiraga mbere ye.

Akigenda, abana bararize. Naho Ruzirabwoba na Munyentwari bicurangira inanga berekana ibyishimo bafite. Ibyo birangiye, buri wese asubira mu mwanya we.



Mukristokazi asezera ku isi

ngaje ». Nuko ava kuri iyi si.

Nyuma y'ibyo inkuru irakwira ko Munyentwari na we yasuwe na ya ntumwa ko kandi yabonye n'ikimenyetso ngo « Ikibindi cyamenekeye ku isoko .» (Umubw.12 .6). Abyumvise, ahamagara inshuti ze maze arazibwira ati « Ndagiye Bene Data, kandi nubwo nanyuze mu bindushya byinshi kugira ngo ngere hano, simbyicuza. Ndaze inkota yanjye uzansimbura mu rugendo rwanjye, naho ubutwari n'ubuhanga byanjye bizahabwe ushobora kubyakira. Naho jye nijyaniye ibibara n'inkovu byerekana ko narwaniye Uwo ushaka kumpemba. »

Umunsi yagombaga kugendaho ugeze, aherekezwa n'abantu benshi kugera ku ruzi, maze arwinjiramo avuga ati « Wa rupfu we urubori rwawe ruri he ? » Kandi ubwo uko yagendaga arengerwa ni ko yarangururaga ngo « Wa gituro we, ugutsinda kwawe kuri he ? » Agera atyo ku yindi nkombe, maze impanda si ukumuvugirizwa !

Haza noneho ubutumwa bwa Mutajegajega, wa wundi abagenzi basangaga apfukanye mu Gihugu Kiroze, intumwa ibumugezaho burambuye mu kiganza cyayo. Hari harimo ko akwiye kwitegura guhindura imibereho ye, kuko Shebuja atifuzaga ko yakomeza kuba kure ye. Abisomye, Mutajegajega atangira kwibaza.

Iyo ntumwa iramubwira iti « Ntukwiye gushidikanya ko ubu butumwa ari ukuri, ahubwo dore n'icyemezo cyabwo. 'Uruziga rwawe rwavunikiye ku iriba'. » (Umubw.12 .6).

Noneho ahamagara Ruzirabwoba wari warabaherekeje, niko kumubwira ati « Yewe mugabo, nubwo ntagize amahirwe yo kugendana na we igihe kirekire mu rugendo nagize, ibyo ari byo byose, kuva aho nkumenyeye, waramfashije cyane . Ubwo navaga iwanjye, nasize umugore n'abana batatu, none ndakwinginze ngo nusubirayo kuko nzi ko uzasubira kwa Shobuja kugira ngo uyobore abandi bagenzi, uzohereze umuntu mu rugo iwanjye, kugira ngo abamenyeshe ibyambayeho byose, ndetse n'ibintegereje. Cyane cyane uzabambwirire uko merewe ubu, umugisha mfite n'uko nageze mu Rurembo rw'Ijuru. Uzanabatekerereze ibya Mukristokazi, ubabwire ukuntu yahagurukanye n'abana be agakurikira umugabo. Uzababwire aho yagiye n'ukuntu yageze amahoro. Mfite bike nako ntabyo nakohereze umuryango wanjye ; uretse amase- ngesho yanjye n'amarira, nubibabwira ngira ngo bizaba bihagije

ngo bareke kwinangira kwabo. »

Aho Mutajegajega amariye gutunganya byose, kandi igihe cyo kugenda kigeze, na we agana ku nkombe y'uruzi. Amazi yari make cyane, ku buryo ageze hagati yahagaze akabwira abari bamuherekeje ati « Uruzi rwabaye iterabwoba mu buzima bwanjye, ubwabyo kubitekerezaho byarantinyishaga. None ubu ndabona byoroshye kurwambuka, nkandagiye ku butaka bwanyukanyutswe n'ibirenge by'abatambyi bari bikoreye isanduku y'isezerano ubwo Isirayeli yambukaga Yorodani ! (Yos. 3 .17). Ni byo koko amazi yarwo arasharira mu kanwa kandi arakonje mu gifu, ariko byonyine gutekereza aho ngana, n'ibintegereje hakurya bituma ndushaho kugurumana mu mutima. Ndabona rero urugendo rwanjye rwangiye, imiruhu yose yashize. Ngiye kureba uwo mutwe wemeye kuntamiririzwa ikamba ry'amahwa, n'urwo ruhanga rwavumerejwe amacandwe. Kera nabeshwagaho n'ibivugwa hamwe no kwizera, ariko ubu, aho ngiye nzajya nyoborwa n'ibyo mbona . Nzaba ndi hafi y'Umwami wanjye, nzanzezewa no kubana na we . Nashimishwaga no kumva bavuga iby'uwo Mwami ; aho namenyaga ko yahakandagije ikirenge cyo hose, nageragezaga kuhagera icyanjye. Izina rye ryampumuriraga kurusha imibavu yose. Ijwi rye ryanyuraga amatwi yanjye, maze kutanwumva bikambabaza kurusha kutabona izuba. Ijambo rye ni ryo ryambereye ifunguro, naho we akandamira nagize intege nke.Yaramfashije, ankiza gukiranirwa kwanjye, mbese rwose intambwe zanjye zakomereye mu nzira ye. »

Mu gihe yari akivuga atyo, mu maso he harahinduka, ubutwari bwe buramuta, maze niko kurenga amaze kuvuga ati « Nyakira dore nje nkugana ! »

Byari ibirori bishamaje kubona ukuntu amafarashi n'amagare byari byuzuranye hejuru iyo, abavuzi impanda n'imyirongi, abaririmbyi n'abacuranzi bafite ibikoresho byabo, bese biteguye kwakira no kwifuriza abagenzi ikaze no kubaherekeza kugera ku muryango w'Ururembo rw'Ijuru.

Abana ba Mukristo, hamwe n'abagore babo n'abana bo sinababonye binjira kuko ntageze aho bari bari. Kuva nagaruka ariko, numvise ko baba bakiriho bakaba bafasha mu guteza imbere Itorero aho bagicumbitse mu gihe gito.

Mu minsi ikurikiyeho haza intumwa na none muri uwo murwa. Ibaririza Mugendayanga, niko kumubwira, iti « Noherejwe n'Uwe wakunze ukamukurikira, nubwo witwaje imbago bwose.Ubutumwa bwanjye bukaba ari ukukubwira ko agutegereje ku meza ye, ngo musangire, mu Bwami bwe, ku wa mbere wa Pasika. Itegere rero urwo rugendo. »

Na we amuha ikimenyetso cy'uko ari intumwa y'Umwami, avuga aya magambo ngo « Namennye urwabya rwawe rw'izahabu, kandi nca akagozi k'ifeza kawe. » (Umubw. 12 .6)

Mugendayanga ahamagara bagenzi be bafatanije urugendo, niko kubabwira, ati « Baje kunshaka, kan'li nta gushidikanya namwe Imana izabatumira. » Asaba Munyentwari kumwandikira amagambo ye yo kuraga, ariko nk'uko nta kintu yagiraga cyo kubasigira uretse imbago zibiyifuzo byiza, aravugaga, ati « Ndaze izi mbago umuhungu wanjye, kugira ngo azanyure mu nzira yanjye . Kandi mwifurije ishya n'ihirwe byinshi kugira ngo azandushe gutungana. »

Noneho ashimira Ruzirabwoba kubera ubugwancza bwe n'inama yamugiriye, maze ahasigaye yitegura kugenda. Ageze ku nkombe y'uruzi, aravugaga ati « Ubu noncho sinzongera gukenera izi mbago, kuko mbona hari amagare y'ubwoko bwose yo kuntwara ».Amagambo ye ya nyuma bumvise aba aya ngo « Urakaza neza, yewe bugingo we ! » Nuko ahita abura.

Noneho Ntegenke yumva ya ntumwa ivugiriza ihembe ku rugi rw'icyumba cyo. Irinjira maze iramubwira, iti « Naje kukubwira ko Shobuja agukeneye, ko kandi mu gihe gito, uzitegereza mu ruhanga he habengerana. » Kandi ibi ubifate nk'ikimenyetso cy'ukuri k'ubutumwa bwanjye ngo « Abarungurukira mu madirishya barahumye. » (Umubw. 12 .3).

Noneho Ntegenke ahamagara inshuti ze maze azigezaho ubutumwa yari amaze kubona, n'ikimenyetso cyabwo yari yabonye. Niko kubabwira ati « Ubwo nta kintu mfite ndirirwa ndaga iki ? Ahubwo ubwenge mfite buke nzabusiga inyuma yanjye kuko ntazongera kubukenera iyo ngiye, yewe nta n'ubwo bukuriye kwirirwa buhabwa n'umutindi w'umugenzi . Igihe nzaba ngiye, ndifuza ko mwazabuhamba mu kimpoteri cy'ifumbire nyinshi. »

Isaha yo kugenda igeze, yinjira mu ruzi nk'uko abandi babige-



nje. Amagambo ye ya nyuma aba aya ngo « Mukomeze kwizera no kwihangana ! » Nuko ahita yambuka.

Iminsi myinshi ishize, baza gushaka Ntambaraga. Intumwa iraza maze iramubwira iti « Mugabo uhinda umushyitsi, Umwami wawe aragutegetse ngo witegure, ku cyumweru gitaha, uzamamazanya umunzero iby'uko wakijijwe gushidikanya kwawe kose. Kandi rero akira n'ikimenyetso cy'ukuri cy'ubutumwa bwanjye. Amuhe-reza « Igihore kiremereye » (Umubw. 12 .5).

Uwakanzwe, umukobwa wa Ntambaraga abyumvise, arashega avuga ko yifuza kujyana na se.

Noneho Ntambaraga abwira inshuti ze ati « Muzi ukuntu njye n'umukobwa wanjye twababereye umutwaro. icyifuzo cyacu cya nyuma ni uko intege zacu n'ubwoba bwacu bitagira umuntu n'umwe bihama kuva umunsi tuzagenderaho, kugeza iteka ryose. Nzi neza ko nitumara kugenda bizajya gushaka abandi byiha. Mu by'ukuri rero, hari ibitekerezo dufata mu ntangiriro z'ubuzima bw'umugenzi, maze nitwigere tubasha kubyinushura. Bizagerageza rero kwifatisha abandi bagenzi, ariko rero muzabizibire ku bw'urukundo mudufitiye. »

Igihe cyo kugenda kigeze, bagana ku nkombe y'uruzi. Amagambo ya nyuma ya Ntambaraga aba aya « Urabeho bwire we ! Ahubwo urakaza neza mucyo we ! » Umukobwa we yinjira mu ruzi ari-rimba, ariko ntihagira ushobora kumva ibyo yaririmba.

Hashize igihe, haza intumwa na none muri uwo murwa gushaka Mukiranutsi. Igeze aho yabaga, imushyikiriza iyi mirongo ngo « Mu minsi umunani uhereye none, utegetswe kujya imbere y'Umwami Imana yawe , mu nzu ya So. Kandi dore icyemezo cy'uko ubwo butumwa ari ukuri 'Abakobwa bose baririmba bacishijwe bugufi'. » (Umubw. 12 .4).

Noneho Mukiranutsi ahamagara inshuti ze arazibwira, ati « Ngiye gupfa, ariko nta cyo ndaga. » Gukiranuka kwanjye ni ko kuza mperekeza, kandi uzaza ankurikiye abimenye ! »

Umunsi ugeze, yitegura kwambuka rwa ruzi rwatangiye gusendera hamwe na hamwe ku nkombe. Ariko Mukiranutsi akaba yarabaye ubwo yari akiriho ko uwitwa Mutimamwiza yazaba ahari. Yari ahari rero maze aramufata, amufasha kwambuka. Amagambo Mukiranutsi yavuze ubwa nyuma aba aya « Ubuntu buta-

Niba ari cyo nagenewe kuzongera gukora urwo rugendo, nzabasha guha amakuru yabo abazaba bayakeneye .

Tugitegereje, wowe usoma ibi ndakubwiye nti « Urabeho ! »